KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE
UBURENGANZIRA BW'IKIREMWAMUNTU Y'U RWANDA

RAPORO Y'UMWAKA W'2002

Werurwe 2003

IBIRI MURI RAPORO.

Urupapuro

IJAMBO RY'IBANZE……7

I. IRIBURIRO……9

1.1. BIMWE MU BYARANZE U RWANDA MU MWAKA W'2002……9

1.2. IBYARANZE KOMISIYO……10

1.3. INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMISIYO……11

1.3.1. Inshingano n'ububasha……11

II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO MU MWAKA W'2002……13

2.1. IBYARI BITEGANYIJWE MU MWAKA W'2002……13

2.1.1. Mu birebana no kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu……13

2.1.2. Mu birebana no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu……14

2.1.3. Mu birebana no guteza imbere Komisiyo……14

2.2. IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO……15

2.2.1. Mu kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu……15

2.2.1.1. Mu by'imbonezamubano na politiki……15

A. Ibibazo byagaragaye muri raporo y'umwaka w'2001……15

B. Ibibazo byakurikiranywe guhera mu mwaka w'2002……17

a. Ibibazo byerekeye ifatwa n'ifungwa binyuranyije n'amategeko……17

b. Imanza zitinda n'izitarangizwa……28

c. Ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu rivugwa ku buyobozi bwa gisiviri……42

d. Ihohoterwa ry'abatangabuhamya ku itsembabwoko……43

e. Ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu butegetsi bwa gisirikari.....46

f. Ibirego by'abo Komisiyo yagiriye inama.....50

C. Isurwa rya za kasho na gereza ……51

a. Isurwa rya za kasho……51

b. Isurwa rya za gereza……52

2.2.1.2. Ku bijyanye n'uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'amajyambere……54

A. Ibibazo byerekeye amazu n'amasambu……54

B. Ibibazo bijyanye n'ubukungu……60

C. Uburenganzira bw'abana……61

D. Uburenganzira ku murimo……64

E. Uburenganzira ku buzima n'imibereho myiza……66

2.2.2. Mu byerekeye guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu……68

2.2.1.2. Gukangurira Abanyarwanda muri rusange uburenganzira bw'ikiremwamuntu……68

A. Ibiganiro byatanzwe ku bantu b'ingeri zinyuranye.....68

B. Ibiganiro byatanzwe kuri Radio na Televiziyo y'u Rwanda……70

C. Ibikorwa bijyanye n'amasabukuru y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.....73

2.2.1.3. Kwigisha ingeri z'abantu zihariye uburenganzira bw'ikiremwamuntu……74

2.2.2. Mu guteza imbere Komisiyo……78

2.2.3.1. Gushaka abakozi no kubashyira mu myanya……78

2.2.3.2. Guhugura abakozi……..……..……..78

2.2.3.3. Imishinga yateguwe, igashyirwa mu bikorwa ikanakurikiranwa……..……..80

2.2.4. Umubano rusange n'izindi nzego……..……..82

2.2.4.1. Inzego za Leta y'u Rwanda……..……..83

2.2.4.2. Inshuti za Komisiyo……..……..84

2.2.4.3. Imiryango nterankunga……..……..85

III. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI……..……..88

3.1. Iriburiro……..……..88

3.2. Imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe na Leta mu mwaka w'2002……..……..89

3.3. Imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe n'abaterankunga mu mwaka w'200……..……..92

IV. UMWANZURO RUSANGE, IBITEGANYIJWE MU MWAKA W'2003 N'IBYIFUZONAMA……..……..95

4.1. Umwanzuro rusange……..……..95

4.2. Ibyo Komisiyo iteganya gukora mu mwaka w'2003……..……..98

4.3. Ibyifuzonama.....100

*

* *

IJAMBO RY'IBANZE

Raporo y'umwaka w'2002 ya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu y'u Rwanda, ni iya kane kuva Komisiyo ishyizweho. Hakurikijwe Itegeko rishyiraho Komisiyo; nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, Komisiyo ikaba inejejwe no gushyikiriza iyi raporo Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Guverinoma, n'Urukiko rw'Ikirenga.

Iyi raporo igaragaza muri rusange ibikorwa bya Komisiyo kuva ku wa 1 Mutarama kugeza kuwa 31 Ukuboza 2002. Iyi raporo ikubiyemo ibikorwa birebana no kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu, guteza imbere Komisiyo, umubano rusange wa Komisiyo n'izindi nzego, imikoreshereze y'imari ya Komisiyo, umwanzuro rusange, ibiteganyijwe mu mwaka w'2003 igasozwa n'ibyifuzonama.

Ibikorwa biri muri iyi raporo bigaragaza intambwe Komisiyo imaze gutera mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Komisiyo ntishidikanya ko uzasoma iyi raporo, ahereye ku bikorwa yagezeho mu mwaka w'2002, azabona umurava, ubushake n'ubwitange bya Komisiyo mu kurushaho kumva abayigana no kwegera abaturage.

Kugira ngo hubakwe umuco wo kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu, wo shingiro rya demokarasi n'amajyambere birambye mu Rwanda, Komisiyo irasaba ko inzego zose zirebwa n'ibibazo bigaragazwa muri iyi raporo, zabikemura mu buryo buhamye. Ibi bizanafasha igihugu guca umuco wo kudahana.

Komisiyo irashimira Leta y'u Rwanda kubera inkunga idahwema kuyitera. Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu y'u Rwanda iboneyeho kandi gushima ubufatanye bwaranze umwaka w'2002 hagati yayo n'imiryango n'amashyirahamwe nyarwanda binyuranye, ibihugu by'incuti z'u Rwanda n'imiryango mpuzamahanga. Ubwo bufatanye akaba ari kimwe mu byatumye ibikorwa bivugwa muri iyi raporo bigerwaho.

KAYITESI ZAÏNABO Sylvie

Perezida wa Komisiyo.

I. IRIBURIRO.

Iyi raporo ivugwamo imirimo ya Komisiyo kuva ku wa mbere Mutarama kugera ku *wa* 31 Ukuboza 2002. Ivuga cyane cyane ibikorwa bijyanye no kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu ndetse no kubukangurira Abaturarwanda. Mu bijyanye n'ibikorwa byo kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu mwaka w'2002, Komisiyo yakiriye ibirego 537 by'ingeri zinyuranye. Muri byo bimwe byarakemutse ; ibindi biracyakurikiranwa. Igaragaza kandi ibyakozwe mu guteza imbere Komisiyo no mu mibanire yayo n'izindi nzego. Iyi raporo igaragaza kandi imikoreshereze y'imari Leta yageneye Komisiyo hamwe n'ikomomoka ku baterankunga. Itanga kandi imyanzuro, ikavuga ibiteganyijwe mu mwaka w'2003, ikanagaragaza ibyifuzonama ku nzego zinyuranye n'abantu b'ingeri nyinshi. Iyi raporo yerekana kandi ibyashoboye guhinduka hagati y'impera z'umwaka w'2002 n'igihe igiriye mu icapiro.

1.1. BIMWE MU BYARANZE U RWANDA MU MWAKA W'2002.

Ku wa 27 Kamena 2002, i Kigali, habaye imyigaragambyo y'amashirahamwe y'abacitse ku icumu ry'itsembabwoko yari igamije kwamagana imikorere y'Urukiko Mpuzamahanga ku Rwanda rukorera Arusha bitewe n'uko rutubahiriza uburenganzira bw'abatangabuhamya. Iyo myigaragambyo yabaye ubwo Umushinjacyaha Mukuru, Carla Del PONTE, n'Umwanditsi Mukuru w'urwo rukiko, ADAMA DIENG, basuraga u Rwanda.

Ku wa 9 Nyakanga 2002, u Rwanda rwitabiriye inama y'itangizwa ry'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika yabereye i Durban muri Afurika y'Epfo. U Rwanda rwari ruhagarariwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME.

Ku wa 30 Nyakanga 2002, i Pretoria muri Afurika y'epfo, hasinywe amasezerano hagati ya Leta y'u Rwanda na Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo yerekeranye n'ibyo gukura ingabo z'u Rwanda muri Kongo no kwambura intwaro interahamwe n'ingabo zatsinzwe. Ku ruhande rw'u Rwanda, ayo masezerano yatangiye gushyirwa mu bikorwa ku wa 17 Nzeri 2002, umusirikare wa nyuma w'u Rwanda ava ku butaka bwa Kongo ku wa 5 Ukwakira 2002.

Ku wa 18 Kanama 2002, Inkiko Gacaca zatangijwe ku mugaragaro. Icyiciro cya mbere cyatangiranye n'inkiko z'utugari 80 mu mirenge 12 mu gihugu cyose. Komisiyo yohereje intumwa mu mirenge yose yabimburiye iyindi. Icyiciro cya kabiri cy'izo nkiko cyafunguwe ku wa 25 Ugushyingo 2002 gitangirana n'inkiko z'utugari 673 ziri mu mirenge 103 y'u Rwanda ; zikaba ziyongera kuri ziriya za mbere. Komisiyo kandi ikomeje gukurikirana imikorere y'izo nkiko.

Kuva ku wa 26 kugera ku wa 28 Ukwakira 2002, habaye Inama Nkuru y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Iyo nama yitabiriwe n'abanyarwanda benshi harimo n'ababa mu mahanga.

Mu Ukwakira 2002, ku wa 30 na 31, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yakoresheje Inama Ngishwanama ku Mahame Nyarwanda y'Uburenganzira

bw'Ikiremwamuntu. Iyo nama yitabiriwe n'abantu bahagarariye inzego zinyuranye z'ubuyobozi bw'igihugu, abahagarariye amashyirahamwe n'imiryango itegamiye kuri Leta, inzego z'abari n'abategarugori, impuguke mu by'amategeko, abanyarwanda baba mu bihugu by'amahanga, n'abandi. Ibitekerezo hamwe n'ubugororangingo byavuye muri iyo nama nyunguranabitekerezo ni byo byavuyemo inyandiko ya nyuma y'imbanzirizamushinga yavuzwe haruguru. Iyo mbanzirizamushinga yashyikirijwe Komisiyo ishinzwe gutegura Itegekonshinga n'ivugurura ry'andi mategeko ngo iyishyire mu mbanzirizamushinga y'Itegekonshinga yateguraga.

Kuva ku wa 8 kugera ku wa 10 Ugushyingo 2002, mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, habereye Inama Ngishwanama ku Mbanzirizamushinga ku Itegeko Nshinga. Iyo nama yitabiriwe n'Abanyarwanda b'Ingeri zose barimo n'ababa mu mahanga.

Ku wa 16 Ukuboza 2002, Inama ya Guverinoma yashyikirije Inteko Ishinga Amategeko abakandida 10 bagombaga gutorwamo 7 bagize Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Ku itariki ya 15 Mutarama 2003 ni bwo amatora yabaye, Abakomiseri 6 bari basanzwe bongera gutorwa hiyongereye ho Komiseri mushya, KAYITESI ZAÏNABO Sylvie, ari na we watorewe kuba Perezida wa Komisiyo.

1.2. IBYARANZE KOMISIYO MU MWAKA W'2002.

Mu rwego rw'ibyaranze Komisiyo, Ku wa 10 Ukuboza 2002, Minisitiri w'Intebe yakiriye abagize Komisiyo baganira ku mpungenge zabo ku birebana n'ingingo zimwe z'Itegeko rivuguruye rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Banamugejejeho igitekerezo cy'uko imwe mu minsi ngarukamwaka yerekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu yajya yizihizwa mu rwego rw'igihugu.

Ku wa 13 Ukuboza 2002, abagize Komisiyo bakiriwe na Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko baganira ku Itegeko rivuguruye rishyiraho Komisiyo.

Mu mwaka w'2002 kandi, Komisiyo yasuwe n'abashyitsi banyuranye barimo Abadepite bo mu Bwongereza (ku wa 14 Ukwakira) n'Abadepite bo muri Somaliland baganira ku mikorere ya Komisiyo. Uruzinduko rw'Abadepite bo muri Somaliland rwari rugamije kwegeranya ibitekerezo byafasha iyo ntara gushinga Komisiyo y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu mwaka w'2002, abagize Komisiyo babonanye na none na Komisiyo ishinzwe Kuvugurura Amategeko n'ishinzwe Gutegura Itegeko Nshinga baganira ku birebana no gushimangira uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu mategeko y'u Rwanda.

Ku wa 31 Ukuboza 2002, Itegeko n° 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ryarivuguruye ritangazwa mu igazeti ya Leta yo kuwa 16 Mutarama 2003. Iri tegeko rivuguruye ryongereye Komisiyo inshingano n'ububasha butuma irangiza

imirimo yayo neza. Ku bijyanye n'imiterere ya Komisiyo, Itegeko ryongeyeho umwanya wa Visi Perezida utari uteganyijwe mu Itegeko ryari risanzwe.

1.3. INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMISIYO.

1.3.1. Inshingano n'ububasha.

Nk'uko ryahindutse kugeza ubu, ingingo ya 3 y'Itegeko N° 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 rishyiraho Komisiyo iteganya ko « muri rusange, Komisiyo ifite inshingano zo gusuzuma no gukurikirana ibikorwa byahutaje uburenganzira bw'ikiremwamuntu ku butaka bw'u Rwanda n'ibindi byose bihutaza uburenganzira bw'ikiremwamuntu byakozwe cyangwa se byakorwa n'urwego rwa Leta, n'uwo ari we wese n'iyo yaba yitwaje imirimo ashinzwe, cyangwa bikozwe n'imiryango iyo ari yo yose ikorera mu Rwanda. »

Nk'uko kandi bikubiye mu ngingo ya 3 y'Itegeko N° 37/2002 ryo ku wa 31 Ukuboza 2002 rihindura kandi ryuzuza Itegeko N° 04/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, Komisiyo ishinzwe by'umwihariko :

a) gukangurira no kwigisha abaturage b'ingeri zose ibyerekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

b) gutanga ibitekerezo ibisabwe cyangwa ibyibwirije ku mishinga y'amategeko yerekeye ibibazo by'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

c) gushishikariza inzego za Leta zibishinzwe kwemeza amasezeramo mpuzamahanga yita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu no kuyinjiza mu mategeko igihugu kigenderaho ;

d) gukurikirana ibibazo birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, byaba ibyo Komisiyo igejejweho cyangwa yimenyeye ;

e) kwakira no gusuzuma ubuhamya bwerekeye ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

f) kugenzura ahantu hakekwa ibimenyetso by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

g) gusura ahafungiye abantu no kureba ko uburenganzira bwabo bwubahirizwa ;

h) kugaragariza inzego z'ubutegetsi zibishinzwe ibyakorwa mu gihe hari ihohoterwa ryakozwe, kugira ngo rikosorwe kandi rihanwe hakurikijwe amategeko ;

i) gusaba gukurikirana mu nzego z'ubucamanza uwo ari we wese wakoze ibikorwa bihutaza uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

j) gufatanya na Komisiyo z'ibindi bihugu zishinzwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu, amashyirahamwe akorera mu gihugu n'imiryango mpuzamahanga mu bikorwa byo kubahiriza no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Kugira ngo izo nshingano zose zigerweho, itegeko riha Komisiyo ububasha bukurikira :

a) kwegera, kubaza no gusobanuza ukekwaho kuba afite ubuhamya, amakuru, uruhare n'ubuhanga bishobora gufasha Komisiyo mu isuzumwa n'ikurikiranwa ry'ibikorwa bihutaza uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

b) kugera aho ari ho hose hakekwa cyangwa havugwa ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, harimo n'ahafungiwe abantu ;

c) kwerekwa inyandiko, kwemererwa kuzisomera aho ziri, cyangwa se guhabwa kopi zazo no guhabwa ibintu byakenerwa na Komisiyo mu gusesengura no kwegeranya ibimenyetso by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

d) gusaba inzego zibishinzwe kurenganura nta mananiza uwo ari we wese Komisiyo yasanze bigaragara ko uburenganzira bwe bwahohotewe ;

e) gukora ubushakashatsi ku bibazo bidasanzwe bugamije guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu no gutangaza ibivuyemo.

*

* *

II. IBIKORWA BY'INGENZI BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2002.

2.1. IBYARI BITEGANYIJWE MU MWAKA W'2002.

2.1.1. Mu birebana no kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

- Gukomeza kwakira ibirego n'ibibazo by'abaturage byerekeye ihohoterwa ry'uburenganzira bwabo rikozwe cyangwa ryakozwe n'urwego urwo ari rwo rwose cyangwa umuryango cyangwa umuntu ukorera mu Rwanda uwo ari we wese.

- Kunoza imikorere yifashishije amabwiriza yayo yerekeye imitunganyirize y'ibibazo by'uburenganzira bw'ikiremwamuntu kubera ko umubare w'ibibazo igezwaho ugenda wiyongera bitewe n'uko igenda imenyekana kandi ikarushaho gukorera hafi y'abaturage.

- Kwihutira gushyira mu bikorwa ingingo ya 24 y'Itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa. Iyo ngingo igena ko "Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu igomba guteganya uburyo bwihariye bwo gukurikirana uko uburenganzira bw'umwana bwubahirizwa". Ni ukuvuga ko mu bibazo Komisiyo yateganyaga guhagurukira by'umwihariko mu mwaka w'2002 harimo ibijyanye n'uburenganzira ku burezi hamwe n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'abana, byaba ibifitanye isano n'icyaha cyo gusambanya abana cyangwa ibyerekeye imitungo y'abana b'imfubyi.

- Gukurikirana imirimo y'Inkiko Gacaca mu rwego rwo kurinda uburenganzira bw'abaturarwanda no kugenzura ko bwubahirizwa. Kubera ko uburenganzira ku butabera buboneye ari bumwe mu burengazira shingiro n'ubundi bushamikiyeho, Komisiyo yiyemeje gutanga umusanzu w'inama n'ibitekerezo ku nzego zikuriye Inkiko Gacaca ishingiye bu byo izaba yabonye ku birebana n'imirimo y'izo nkiko.

- Gusubukura zimwe muri za gahunda harimo amaperereza yaguye ku miterere y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda, byaba muri rusange cyangwa ku birebana n'ingeri z'abantu zihariye, nk'abagore, abana n'abandi. Harimo kandi n'ibikorwa bijyanye no gukurikirana mu nkiko abagaragayeho ibimenyetso bifatika by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, no kutoroherana bijyana na byo yabereye i Durban.
- nk'uko biteganywa n'ingingo ya kane (4) y'Itegeko rishyiraho Komisiyo.

Gukora gahunda yo gukurikiranira hafi ibibazo bijyanye n'ivangura iryo ari ryo ryose nk'uko byateganyijwe n'Inama ya gatatu mu rwego rw'Isi yo kurwanya irondabwoko, ivanguramoko, kutihanganira abanyamahanga

2.1.2. Mu birebana no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

- Kwagura gahunda mu gukangurira abaturarwanda b'ingeri zose uburenganzira bwabo n'ubw'abandi, ibinyujije mu biganiro mbwirwaruhame, mu kiganiro cyayo **"Uburenganzira Iwacu"** gihita kuri Radiyo Rwanda, mu biganiro bitambuka kuri Televiziyo y'u Rwanda no mu mfashanyigisho zinyuranye ku ngeri z'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

- Gufatanya na Minisiteri y'Uburezi n'izindi nzego cyangwa imiryango ifite mu nshingano zayo gutegura imfashanyigisho zigamije kwinjiza amahame y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu muri gahunda y'inyigisho z'amashuri yisumbuye yo mu Rwanda.

- Gukomeza gahunda zijyanye no kwigisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu ingeri z'abantu zihariye zirimo abashinzwe umutekano, abayobozi b'inzego z'ibanze, abayobozi b'inzego z'urubyiruko n'iz'abategarugori n'abari.

- Gutegura imbanziramushinga y'Amahame Nyarwanda yerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu *(Charte Rwandaise des Droits de l'Homme/Rwandan Charter of Human Rights)*.

- Kungurana inama hagati ya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu na Komisiyo ishinzwe Gutegura Itegeko Nshinga n'Ivugurura ry'andi Mategeko, hagamijwe kureba uko iyo nyandiko yaba kimwe mu bice bizagira imbanzirizamushinga y'Itegeko Nshinga ry'u Rwanda.

- Gushishikariza Leta y'u Rwanda akamaro ko gusinya no kwemeza Amasezerano Mpuzamahanga n'ay'Umugabane wa Afurika agamije kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu aho bitarakorwa.

2.1.3. Mu birebana no guteza imbere Komisiyo.

- Gukomeza kongera ubushobozi bw'abakozi ba Komisiyo no kubuhuza n'inshingano zikomeye ihabwa n'Itegeko riyishyiraho. Muri izo ntambwe harimo : kongera abakozi ba Komisiyo mu ntara kugira ngo Komisiyo irusheho kwegera abaturage, gukomeza guha abakozi bose amahugurwa ajyanye n'imirimo basabwa no kubongerera ibikoresho, cyane cyane ibijyanye n'ikoranabuhanga mu by'itumanaho.

*

* *

2.2. IBIKORWA BY'INGENZI BYAGEZWEHO.

2.2.1. Mu kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

2.2.1.1. Mu by'imbonezamubano na politiki.

Ibibazo byakurikiranywe mu bijyanye n'ibyahutaje uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu by'imbonezamubano na politiki birimo ibice bitatu :

Igice cya mbere kigizwe n'ibibazo Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2001 bitabonewe ibisubizo bigakomeza gukurikiranwa mu mwaka w'2002.

Mu gice cya kabiri harabonekamo ibibazo Komisiyo yakurikiranye mu mwaka w'2002 byaba ibyarangiye cyangwa ibitararangira byerekeye : ifatwa n'ifungwa binyuranye n'amategeko, imanza zitinda gucibwa cyangwa zitarangizwa, ibura ry'abantu, ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu rikorwa n'ubutegetsi bwa gisiviri n'ubwa gisirikare n'ihohoterwa ry'abatanga ubuhamya mu nkiko Gacaca.

Igice cya gatatu cyo kigizwe n'ibibazo Komisiyo yabonye muri kasho na gereza zimwe na zimwe mu gihe yazisuraga.

A. IBIBAZO BYAGARAGAYE MURI RAPORO Y'UMWAKA W'2001

1. Ifatwa n'ifungwa rya MBANDA Jean

Muri Raporo y'umwaka w'2001, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yavuze bihagije kuri iki kibazo, ariko umwaka w'2002 nawo warangiye MBANDA Jean agifunzwe. Mu gihe iyi raporo yandikwa, Komisiyo yamenye ko MBANDA Jean yafunguwe ku italiki ya 9 Mutarama 2003.

MBANDA Jean yafunzwe imyaka 2 n'amezi 5, afungurwa ataburanye, n'ubu akaba agitegekwa kwitaba Parike buri cyumweru, hamwe na BUGINGO Eudes waregwaga ubufatanyacyaha na MBANDA.

Komisiyo irasanga MBANDA yaragombaga kumenyeshwa ibyo aregwa, agacirwa urubanza mu gihe gicirirtse. Komisiyo irasanga kandi nyuma y'aho afunguriwe nta mpamvu yo gukomeza kwitaba Parike buri cyumweru no kubuzwa kuba yagira aho ajya ashyirwa mu bugenzurwe budafite iherezo.

2. Urubanza rwa KARANGANWA Emmanuel n'Akarere ka Ntongwe.

Nk'uko Komisiyo yari yabyanditse muri raporo yayo y'umwaka w'2001, KARANGANWA Emmanuel yareze Akarere ka Ntongwe n'uwari umuyobozi wako, NTAGANIRA Wellars ko yigabije inzu ye akayikoresherezamo imyitozo ya ba "Local Defence Forces" ikaza kwangirika cyane. Ibi ngo yabikoze agamije kubuza KARANGANWA Emmanuel kuyikodesha abanyeshuri kuko na we yarafite inzu yashakaga gukodesha abo banyeshuri. KARANGANWA Emmanuel yatanze ikirego mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama gihabwa nomero R.C 1396/2/98 nyamara urubanza rwagumye gusubikwa kenshi. Umwaka w'2002 warangiye urwo rubanza rutaburanishijwe. Itariki ya nyuma rwari rwahamagajweho ni iyo ku wa 3 Mutarama 2002 rurasubikwa kubera ko ababuranyi bombi batitabye rushyirwa ku itariki itazwi.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yageze ku rukiko ibaza umukarani w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama impamvu yo kutaburanisha urwo rubanza. Yabwiwe ko kuva ku itariki ya 3 Mutarama 2002 ubwo urukiko rwahamagaraga ababuranyi bombi ntibitabe, ntacyongeye gukorwa kuri icyo kirego. Nyuma yaho nta yindi tariki yo kuburana bongeye guha urwo rubanza. Komisiyo yabajije kandi KARANGANWA Emmanuel impamvu atitabye Urukiko kandi ari we watanze ikirego, ayisubiza ko nta rwandiko rumutumira kuburana yigeze abona, bityo akaba akeka ko Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gitarama rudashishikajwe no kuburanisha urwo rubanza.

Komisiyo irasaba inzego zibishinzwe guhagurukira iki kibazo maze uwavukijwe uburenganzira bwo kuburanishwa akabuhabwa.

3. Urubanza rwa MUGENGA Joseph na bagenzi be.

Nk'uko Komisiyo yabyanditse muri raporo yayo y'umwaka w'2001, urubanza rwa MUGENGA Joseph na bagenzi be rwavuzweho cyane cyane ibyerekeranye n'ifatwa n'ifungwa ry'agateganyo ryari rinyuranyije n'amategeko n'ibibazo bijyanye no kutubahiriza amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha. Urubanza nyirizina rwaje gutangira ariko na bwo ubushinjacyaha bukomeza kurutinza. Mu mpera z'umwaka w'2002 uru rubanza rwari rutararangira.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko urubanza rwongeye gusubukurwa ruburanishwa ku wa 24 Mutarama 2003, ku wa 27 Mutarama 2003 no ku wa 28 Mutarama 2003. Rwasomwe ku wa 7 Gashyantare 2003 abaregwa bose bahanagurwaho icyaha barafungurwa.

Ubushinjacyaha na ELECTROGAZ bahise bajurira, Komisiyo ikaba izaguma gukurikirana imikirize y'urwo rubanza.

B. IBIBAZO BYAKURIKIRANYWE MU MWAKA W'2002

a. Ibibazo byerekeye ifata n'ifunga binyuranyije n'amategeko.

1. Ifatwa n'ifungwa ry'abahoze ari abakozi ba BACAR.

Ikirego cy'abahoze ari abakozi ba BACAR bafunzwe, ari bo MUPENDA Sylvestre, NIYITEGEKA Jean Chrisostome, MANIRA Jean de Dieu, KARANGWA Kizito na MUNYANKINDI Innocent cyageze muri Komisiyo kuwa 4 Ukuboza 2001 kizanywe na Maître KAZUNGU Jean Bosco ubunganira.

Abo bakozi ba BACAR bafunzwe bafashwe ku wa 1 Kanama 2001, bakurikiranywe muri dosiye y'urubanza yahawe n° RMP. 409/GG/RE/ PROGECA bakaba baregwa kunyereza amafaranga y'abantu ku giti cyabo, ay'amasosiyete, ndetse n'aya Leta, yose yari abikijwe muri BACAR. Urubanza rwabanje gukurikiranwa na Parike Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga kubera ko haregwagamo Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali.

Bariya bakozi bafunzwe by'agateganyo iminsi 30 n'Inama y'Abacamanza y'Urukiko Rusesa Imanza kuva ku wa 21 Nzeri 2001. Iyo minsi yongereweho indi nkayo ku wa 22 Ukwakira 2001. Ibyo byemezo bibafunga by'agateganyo baje kubijuririra, maze Urukiko rw'Ikirenga, amashami yose ateranye, ruruburanisha ku wa 21 Ugushyingo 2001; hafatwa icyemezo cyo ku wa 23 Ugushyingo 2001 gifungura by'agateganyo abaregwa.

Parike Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga yatinze gushyira mu bikorwa icyo cyemezo kugeza ku wa 11 Ukuboza 2001 ubwo noneho hasinywe urupapuro rubafungura.

Bagisohoka, bahise bafatirwa na Parike ya Repubulika ya Kigali ku muryango wa gereza, bafungirwa ahantu hanyuranye; bafungurirwa dosiye ifite n° RMP 6276/S14/GS/KT. Ubwo abashinjacyaha bababwiye ko babafatiye ibyaha bishya.

Ku wa 14 Ukuboza 2001, bashyikirijwe Inama y'Abacamanza mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali, umucamanza afata icyemezo cyo kubafunga by'agateganyo.

Icyo cyemezo bakijuririye mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali kuri nomero za dosiye RMPA 1/5223/Prog, RMPA 6276/S14 ; RPA 9163/Kig, ubujurire buburanwa ku wa 17 Gashyantare 2002, Parike Nkuru mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali yihana urwo rukiko rwose, ivuga ko rwabogama, kuko Perezida warwo yari yararezwe hamwe n'abashinjwa muri uru rubanza, kandi we akaba atarigeze akurikiranwa.

Urukiko rw'Ubujurire rumaze kwihanwa, rwohereje dosiye mu Rukiko Rusesa Imanza, hafungurwa dosiye n° RPP 0208 irebana n'ubwo bwihane, ikaba itaraburanishwa kugeza ubwo iyi raporo yandikwa.

Komisiyo yabonanye n'abaregwa bayisobanurira imiterere y'ikibazo cyabo, nk'uko cyavuzwe haruguru, isanga kandi muri bo harimo umwe witwa NIYITEGEKA Jean Chrisostome ufite uburwayi bukomeye yatewe n'impanuka, akaba yaravurirwaga mu bitaro bya Kaminuza by'i Liège mu Bubiligi, nk'uko byerekanwa n'icyemezo cya muganga wamuhaye "transfert", n'icya muganga w'ibyo bitaro wamuvuraga, kandi uwo murwayi akaba avuga ko yagombaga kujya muri ibyo bitaro byamuvuraga buri mwaka. Yasabye ko yajyayo kwivuza na n'ubu ntarabyemererwa.

Komisiyo kandi yabonanye na Porokireri Mukuru mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali baganira kuri iyo dosiye. Yabwiye Komisiyo ko yari afite impungenge ko Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwaburanisha urwo rubanza mu buryo bubogamye bitewe n'uko uwari umuyobozi warwo na we areganwa na MUPENDA Sylvestre na bagenzi be mu Rukiko rw'Ikirenga.

Komisiyo irasanga NIYITEGEKA Jean Chrisostome urwaye agomba guhabwa uburenganzira bwo kwivuza.

Komisiyo irasanga kuba abaregwa barasubiye gufatwa ari ukunyuranya n'icyemezo cy'Urukiko rw'Ikirenga cyabafunguye by'agateganyo, kukirengaho bikaba ari ukwica amategeko, cyane cyane ko nta cyaha gishya Parike ya Repubulika ya Kigali igaragaza.

Gutinda kuburanisha uru rubanza na byo biravutsa abaregwa uburenganzira bwabo bwo kuburanishwa mu gihe gicirirtse nk'uko biteganywa n'ingingo ya 14 y'Amasezerano mpuzamahanga mu by'Imbonezamubano na Politiki u Rwanda rwashyizeho umukono.

2. Ifatwa n'ifungwa rya HARELIMANA Claudien.

Mu ibaruwa ye yo ku wa 18 Werurwe 2002, HARELIMANA Claudien yandikiye Komisiyo ayisaba ko yamufasha kurenganurwa kuko yari afunzwe mu buryo bunyuranye n'amategeko.

HARELIMANA Claudien mwene KABANGO na NYIRADADALI, utuye mu Murenge wa Gisozi, mu Karere ka Gisozi yaafunzwe ashinjwa gusambanya umwana w'imyaka 11. Ku wa 23 Gashyantare 2001, ngo uwo mwana wagendaga yaka akazi yaje iwe asaba icumbi, amuraza hamwe n'abana be. Bukeye bwaho, abitwa MUKESHIMANA Emmanuel na KARANGWA Fils, bari kumwe na ba "Local Defence Forces" bateye urugo rwa HARELIMANA Claudien baramukubita cyane bavuga ko yaraye asambanyije uwo mwana. Bahise bamujyana kumufungisha kuri Sitasiyo ya Polisi i Remera, nyuma Parike iramufungura by'agateganyo.

Ku wa 11 Werurwe 2002, Parike ya Repubulika yongeye kumufunga, imukorera dosiye n° RMP 4391/S14 iyishyikiriza Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ruyiha nomero RP 40259/Kig. Komisiyo yaramusuye muri gereza ayibwira iby'ifungwa rye, inavugana n'umushinjacyaha ukurikirana icyo kibazo, ayibwira ko yamufunguye by'agateganyo, ko ibindi atabibazwa. Porokireri we avuga ko dosiye yamaze kujya mu Rukiko ko nta kindi Parike yayikoraho. Komisiyo yakurikiranye icyo kibazo isaba ko urubanza rwaburanishwa vuba. Rwaje kuburanishwa ku wa 28 Kamena 2002, rusomwa ku wa 17 Nyakanga 2002, HARELIMANA agirwa umwere, arafungurwa.

Komisiyo irasanga hakwiye kuba ubushishozi mu gukurikirana ibyaha byo gusambanya abana, kuko hari ababyuririraho bakabeshyera abandi.

Komisiyo iramagana kandi abantu bakubise HARELIMANA ikanasaba ko bakurikiranwa kuko bamugiriye urugomo.

3. Ifatwa n'ifungwa rya NSHOGOZA Enosi.

NSHOGOZA Enosi ni umukozi wo mu rugo kwa NKIRAMACUMU Dominiko utuye mu Kagali ka Rukiri ya mbere, Umurenge wa Remera, Akarere ka Kacyiru. Ikibazo cy'ifatwa n'ifungwa rye cyagejejwe kuri Komisiyo n'umukoresha we NKIRAMACUMU Dominiko ku wa 21 Mata 2002. Yavugaga ko iwe mu rugo haje abagore babiri bari kumwe n'abantu biyita abasirikare, bashaka NSHOGOZA Enosi bashinjaga gusambanya umwana w'imyaka 4 wari uhetswe n'umwe mu bagore bari bazanye n'abo bantu.

Basabwe na nyir'urugo ko NSHOGOZA yafatwa n'ababifitiye ububasha, bagiye kuri Sitasiyo ya Polisi ya Remera bazana abapolisi baramufata, bamufungira kuri iyo Sitasiyo. Komisiyo yakurikiranye iyo dosiye aho afungiye kuri sitasiyo ya polisi ya Remera imenya ko igisubizo cya muganga wapimye uwo mwana kitaraboneka.

Aho icyemezo cya muganga kibonekeye cyagaragaje ko umwana atasambanyijwe. NSHOGOZA Enosi yafunguwe ku wa 4 Kamena 2002.

Komisiyo isanga ari ngombwa cyane gukumira no guhana icyaha cyo gusambanya abana. Nyamara abashinzwe gukurikirana kiriya cyaha bakwiye gukora iperereza rihagije kuko bimaze kugaragara ko nyuma y'uko kiriya cyorezo gihagurukirwa hari ababyeyi babeshyera abantu bavuga ko babafatiye abana kandi nta gihamya. Ibi bitesha icyubahiro uwashinjwe icyo cyaha kabone n'ubwo yagirwa umwere n'urukiko.

Komisiyo irasaba kandi inzego z'ubuganga kujya zisuzuma vuba abahohotewe kugira ngo ibimenyetso bidasibangana ndetse na dosiye z'abakekwaho icyaha zijye ziburanishwa ku gihe.

4. Ifatwa n'ifungwa ry'abacamanza bo mu Rukiko rw'Ikirenga.

Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu imaze kumenya inkuru y'abacamanza bo mu Rukiko rw'Ikirenga bakurikiranweho icyaha cyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano bishingiye ku rubanza baciye yakurikiranye icyo kibazo. Yasanze abacamanza KABENGA Eustache, MUDENGE Jacques na ZITONI Pierre Claver barafashwe ku wa 22 Mutarama 2002 barafungwa. Abandi bacamanza bo muri urwo rukiko ari bo GASATSI Emmanuel, MAFARANGA Anastase na NZAMUKWEREKA Venant na bo bafashwe baregwa icyaha cyo gukora inyandiko mpimbano.

Intandaro y'icyo kibazo ni urubanza rwari hagati ya Etablissements RAMNIK na Banki y'Ubucuruzi y'u Rwanda (B.C.R.) rwaciwe n'abo bacamanza ku wa 21 Ukwakira 2002 ku kirego Etablissements RAMNIK yari yashyikirije Urukiko Rusesa Imanza ku wa 10 Kamena 1999 isaba iseswa ry'icyemezo cy'Urukiko rw'Ubujurire rwa Nyabisindu cyo mu rubanza RCA 8896/132 rwaciwe ku wa 2 Kamena 1999, urukiko rukemeza ko ikibazo cy'ububasha bwa Etablissements RAMNIK kitaburanishijwe.

Urukiko Rusesa Imanza rwaciye urubanza rwanga kwakira ikirego cya Etablissements RAMNIK kubera ko urega, ari we Etablissements RAMNIK, aterekanye icyicaro cyangwa aho uregwa abarizwa, inyandiko zikubiyemo ingingo ashingiraho asaba iseswa no kuba ataratanze umwandukuro wayo (double) nk'uko amategeko abiteganya. Rwanze kwakira na none ikirego cy'ingoboka cya B.C.R. kirebana n'ububasha bwa Etablissements RAMNIK bwo kuregera inkiko ngo kuko cyari cyaraburanishijwe mu rubanza RCA 8319/131 rwo ku wa 15 Mutarama 1999, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Nyabisindu.

Ikibazo cyaje kuvuka ni uko Parike Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga, ndetse na B.C.R, byaje kuvuga ko ibirebana n'ikirego cya B.C.R, ndetse n'umwanzuro cyafatiwe ari ibyo abacamanza KABENGA Eustache, MUDENGE Jacques na ZITONI Pierre Claver baciye urwo rubanza biyongereyeho nyuma y'isomwa ry'urubanza bafatanyije n'uwaburaniraga Etablissements RAMNIK, bityo ngo bakaba barakoze inyandiko mpimbano.

Abo bacamanza barafashwe bafungwa by'agateganyo ku wa 22 Mutarama 2002 ariko baza gufungurwa ku wa 24 Mutarama 2002, bategekwa kutava mu gihugu no kujya bitaba Parike Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga buri wa gatanu w'icyumweru.

Komisiyo yamenye ko mbere y'uko bafungurwa Pariki Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga yabasabye kwegura ku murimo; bamwe ngo bakaba barabikoze ku bushake. Icyakora ntawahamya ko ukwegura kwabo kwabaye mu bushake mu gihe bari bafunze.

Ku wa 28 Gashyantare 2000 hafashwe abacamanza MAFARANGA Anastase, NZAMUKWEREKA Venant na GASATSI Emmanuel, na bo bo mu Rukiko rw'Ikirenga, Ishami ry'Urukiko Rusesa Imanza, barafungwa.

Bari bakurikiranweho gukora inyandiko mpimbano. Inkomoko y'icyo kirego akaba ari urubanza rwa MUSOLINI Gérard na MPUNGA Charles. MUSOLINI Gérard yatsindiye amafaranga ageze kuri 40.000.000 mu rubanza yaburanaga na MPUNGA Charles noneho ibibazo biza kuvuka igihe cy'irangiza ry'urwo rubanza, bimaze kuba ngombwa ko hafatirwa amafaranga yari kuri konti ya MPUNGA muri Banki y'Ubucuruzi, Iterambere n'Inganda (B.C.D.I.).

Icyo gihe, B.C.D.I. yanze gutanga ayo mafaranga ivuga ko MPUNGA Charles nta mafaranga afite muri iyo Banki, ko ahubwo ayo babonye ari umwenda ayifitiye.

Ubwo hahise havuka urubanza hagati ya B.C.D.I. n'abagize inama y'ubuzungure bwa MUSOLINI Gérard (MUSOLINI we hagati aho yaje kwitaba Imana), Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ruvuga ko B.C.D.I. itsinzwe, ndetse rutegeka ko habaho irangizarubanza ry'agateganyo.

Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwaje guhagarika iryo rangiza rubanza ry'agateganyo abagize inama y'ubuzungure bwa MUSOLINI bahise basaba iseswa ry'urwo rubanza bavuga ko Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwaburanishije abagize inama y'ubuzungure bwa MUSOLINI badahari kandi batarigeze banahamagarwa mu buryo bukurikije amategeko nta rupapuro ruhamagara ababuranyi bahawe.

Abacamanza MAFARANGA Anastase, NZAMUKWEREKA Venant, na GASATSI Emmanuel baciye urubanza bafata icyemezo cyo kwambura agaciro urubanza rwo mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali kubera ikosa ryo kuba rwaraburanishije umuntu ruvuga ko yatumiwe kandi atarigeze atumirwa muri urwo rubanza.

Abacamanza ngo basomye urwo rubanza gutyo bavuga ko urubanza rw'Urukiko rw'Ubujurire rwambuwe agaciro, baza no kurwandika gutyo banarushyiraho imikono yabo.

Parike Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga yavuze ko uko rwanditse atari ko rwari rwasomwe, ngo bari basomewe ko urwo rubanza rusheshwe rukoherezwa mu rundi Rukiko rw'Ubujurire.

Abo bacamanza barafashwe barafungwa bakurikiranywe ho gukora inyandiko mpimbano bafungurwa ku wa 4 Werurwe 2002 bamaze guhatirwa kwegura ku mirimo yabo y'ubucamanza, babiri barabyemeye (MAFARANGA na NZAMUKWEREKA) naho GASATSI Emmmanuel arabyanga.

NZAMUKWEREKA Venant na MAFARANGA Anastase babonanye na Komisiyo ibasanze muri Parike Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga, bayibwira ko bahatiwe kwegura mu magambo ku mirimo yabo kugira ngo barekurwe, ko kandi babyemeye.

Uwo munsi nyuma ya saa kumi n'ebyiri za nimugoroba baje gufungurwa bose uko ari batatu, ndetse na GASATSI wanze kwegura nawe arafungurwa. Uwo munsi kandi undi mucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga, mu Ishami ry'Urukiko Rusesa Imanza witwa RWAGATARE Janvier, na we yareguye ku bushake bwe.

Mu gukurikirana icyo kibazo, ku wa 26 Werurwe 2002 Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'inzego ibaruwa n° CNDH/101/02 imugaragariza impungenge yatewe n'ikurikiranwa ry'abo bacamanza, inamusaba kuyimenyesha aho amapererezza ageze n'aho kwitaba buri gihe no kwamburwa uburenganzira bwo gusohoka mu gihugu bigeze. Kugeza ubwo iyi raporo itegurwa nta gisubizo Komisiyo yari yabona.

Komisiyo yandikiye na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 26 Werurwe 2002 ibaruwa n°CNDH/102/02 imugaragariza impungenge yatewe n'ihagarika ry'imirimo y'abacamanza benshi gutyo, ikabaza niba iryo hagarika ry'imirimo ryaranyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko agenga

abacamanza mu mwuga wabo, n'uko bamwe muri abo bacamanza, cyangwa bose, baba barahatiwe kwegura ku mirimo yabo. Yasubije avuga ko icyo abacamanza bafungiwe atigeze akimenyeshwa kuko ubushinjacyaha bukuru mu Rukiko rw'Ikirenga rwamubwiye ko bikiri ibanga rikiri mu rwego rw'ipererereza.

Kuba mu gihe kitageze ku kwezi abacamanza bakuru umunani bavuye ku kazi ku mpamvu umuntu yavuga ko zidasobanutse, ndetse umuntu akaba yanavuga ko ari impamvu z'itotezwa ni ikibazo gikomeye cyane ku bucamanza bw'u Rwanda.

Abacamanza batandatu bo mu Rukiko rw'Ikirenga bafashwe vuba vuba barafungwa, nyuma y'iminsi mike barafungurwa bahita bava ku murimo ukomeye w'ubucamanza bari barashinzwe. Batatu muri bo bemeza ko bahatiwe kwegura ku mirimo yabo. Ibyo ni ihohoterwa rikomeye. Abandi batatu bivugwa ko bo beguye ku bushake, nabyo byagombye gufatwa nk'agahato kuko umuntu ufunze ukeka ko yeguye byatuma afungurwa, nta wakwemera ko icyo gikorwa cyo kwegura aba agikoze ku bushake.

Kuba abo bacamanza bagomba kwitaba buri cyumweru, cyangwa buri kwezi, kandi bakaba barambuwe uburenganzira bwo gusohoka mu gihugu, kandi ibyo bikaba byarakorwaga kugeza igihe kitazwi, ni ukutubahiriza uburenganzira bwabo bwo kwisanzura.

Biragaragara ko muri iki kibazo habaye kwitiranya amategeko ahana n'amategeko agenga umucamanza. Habaye kwitiranya ubugenzacyaha no gukurikirana umukozi wakoze ikosa mu kazi ke.

Niba koko abo bacamanza barakoze icyaha cyo gukora no gukoresha inyandiko mpimbano, kuvunja ikurikiranwa ryabo mu iyegura ryabo ku mirimo y'ubucamanza byaba ari ugushyigikira umuco wo kudahana ibyaha no gushyira Abanyarwanda mu rujijo. Byaba ndetse ari kugumisha abacamanza bagenzi babo mu gihirahiro no mu bwoba bwo kumva ko, igihe icyo ari cyo cyose, nabo bashobora gufatwa bagafungwa iminsi mike hanyuma bagasabwa kwegura ku mirimo yabo. Komisiyo irasanga byagira ingaruka mbi cyane mu kazi k'ubucamanza.

Komisiyo irasaba inzego zibishinzwe kugaragaza ukuri muri ibyo bibazo abantu bakamenya niba hari icyaha bakoze cyangwa nta cyo. Bidakozwe vuba inzitizi zose zabashyizweho, harimo no kwitaba Pariki, zikavanwaho kuri abo bacamanza.

Nk'uko bigaragara mu ibaruwa n° CNDH/102/02 Komisiyo yandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, kuba abacamanza batandatu batarasimburwa bibangamiye bikomeye imikorere y'Urukiko rusesa Imanza, ibyo bikagira ingaruka ku banyarwanda bategereje ubutabera kuri urwo rukiko.

5. Ifatwa n'ifungwa ry'UWAMAHORO Aimable.

MUREKATETE Marigarita ni umugore w'UWAMAHORO Aimable utuye Kagari ka Rukomo, Umurenge wa Rukomo, Akarere ka Muvumba, Intara y'Umutara. Ku wa 22 Mutarama 2002, yandikiye Komisiyo ayisaba kumufasha kurenganura umugabo we ufungiye muri Gereza ya Nsinda.

MUREKATETE Marigarita avuga ko UWAMAHORO Aimable yafashwe ku wa 25 Ukuboza 2001 ashinjwa kuba yarasambanyije umwana BAJENEZA Clémentine w'imyaka 14 y'amavuko w'umuturanyi wabo witwa SIKUBWABO Filipo. UWAMAHORO Aimable yaba yarabanje gufatwa n'ubugenzacyaha bw'Akarere ka Muvumba ku wa 14 Kanama 2001 aza kurekurwa ku wa 14 Nzeri 2001.

Aho afunguriwe, UWAMAHORO Aimable yasanze baramukuye ku kazi yakoraga ko kuvura abantu aho iwabo mu Rukomo, ibyo byatumye ajya gushaka akazi akabona i Kigali aho yakoraga muri "Clinique" IHUMURE ku Kimisagara. UWAMAHORO yongeye gufatirwa i Rukomo yagiye gusura umugore n'abana.

MUREKATETE Marigarita avuga kandi ko icyo cyaha gishinjwa abantu babiri ku matariki atandukanye : umugabo we ku wa 8 Kamena 2001 na BEMERIKI ku wa 10 Kamena 2001. Byongeye kandi kugeza mu kwezi kwa Kanama, UWAMAHORO Aimable afatwa nta "expertise médicale" yari yakozwe.

Ku wa 14 Kanama 2002 Komisiyo yagiye kuri Parike y'i Nyagatare isanga dosiye y'UWAMAHORO ihari imushinja icyaha cyo gusambanya umwana ku ngufu.

Uwo munsi Komisiyo yageze kuri Sitasiyo ya Polisi mu Karere ka Muvumba aho UWAMAHORO yamaze ukwezi afunzwe, isanga nta dosiye iharangwa nta n'aho byanditse ko yahafungiwe, yageze no kuri Sitasiyo ya Polisi ya Nyagatare naho biba uko.

Ku wa 14 Gashyantare 2002 Komisiyo yagiye i Ntsinda aho UWAMAHORO Aimable afungiye, imubajije imiterere y'ikibazo cye asubiza ko yarenganye, ko O.P.J. HABINEZA Innocent wamufunguye i Muvumba ari we wabisobanura neza.

Ku wa 25 Gashyantare 2002 Komisiyo yabonanye na O.P.J. HABINEZA Innocent i Rwamagana aho yimuriwe, abanza kwanga kugira icyo atangaza ngo kuko yafungiwe ndetse akanimurwa nk'igihano kubera iyo dosiye. HABINEZA yaje kuyibwira ko icyo cyaha cyo gusambanya uriya mwana cyabanje gushinjwa BEMERIKI Hassan wafashwe agafungwa bakegeranya ibimenyetso byose bimuhamya icyaha dosiye baramaze kuyishyikiriza Parike, BEMERIKI aza gucika Umushinjacyaha wa Polisi y'Igihugu mu Ntara y'Umutara (P.J.P.O.), MATURO René, arimo amufata ifoto. Se w'umwana aho abimenyeye yagiye kuri Sitasiyo ya Polisi kubaza iby'iryocika. Igitangaje nyamara ni uko nyuma yaho, SIKUBWABO Filipo n'umwana we BAJENEZA bashinje UWAMAHORO Aimable icyaha kimwe n'icyo bari bareze BEMERIKI kandi ku matariki atandukanye cyakoreweho.

Komisiyo yongeye kubonana na Porokireri isanga dosiye n° RMP 120.246/S1/MS/HL yaroherejwe mu rukiko yandikwa kuri n° RP 193/R2/MTR.

Komisiyo yagiye mu rukiko gukurikirana imiterere y'iyo dosiye ihasanga TABARO Jean Marie Vianey, Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Umutara, baganira kuri icyo kibazo kugira ngo iyo dosiye yihutishwe kuburanishwa.

Urubanza rwahawe umunsi wiburanisha ku wa 16 Gicurasi 2002, uwo munsi rurasubikwa, ku nshuro ya gatandatu, ku mpamvu zinyuranye. Rwaburanishijwe ku wa 2 Ukuboza 2002, UWAMAHORO agirwa umwere.

Icyaha cyo gusambanya BAJENEZA Clémentine cyahamye BEMERIKI Hassan kuko yafatiwe mu cyuho. Ibindi urukiko rwashingiyeho ni uko BAJENEZA Clémentine atigeze ashyira mu majwi UWAMAHORO Aimable mu ikubitiro hamwe ndetse n'amatariki icyaha cyakoreweho akaba avuguruzanya.

Urukiko rushingiye ku ngingo ya 318 na 360 y'igitabo gikubiyemo amategeko ahana ibyaha, UWAMAHORO Aimable yagizwe umwere, BEMERIKI Hassan ahanishwa igifungo cy'imyaka cumi, SIKUBWABO Filipo, se wa BAJENEZA Clémentine, acibwa ihazabu y'amafaranga 2000 y'u Rwanda kubera gukubita UWAMAHORO.

Komisiyo irasanga hakwiye ubushishozi ku bibazo nk'ibi kugira ngo abantu ntibitwaze ikibazo cy'isambanywa ry'abana kugira ngo bahohotere abandi ku maherere.

6. Ifatwa n'ifungwa rya IHORIHOZE Pascal.

IHORIHOZE Pascal atuye mu Kagari ka Gakirage, Umurenge wa Gakirage, Akarere ka Kahi mu Ntara y'Umutara.

IHORIHOZE PASCAL yaguze imodoka Toyota Hilux ifite "plaque" n° RR3841A na MUGISHA John utuye mu mujyi wa Nyagatare ku mafaranga ibihumbi magana atanu (500.000 FRw) asigara mo amafaranga ibihumbi ijana na cumi (110.000 FRw) bumvikanye ko azayamwishyura amaze kumuha ibyangombwa byose by'imodoka birimo i Patanti, ikarita y'imodoka n'iby'Ubwishingizi bwayo.

MUGISHA John ntiyatanze ibyangombwa byasabwe mu masezerano, IHORIHOZE nawe ntiyatanga ya mafaranga yari asigaye. MUGISHA yaje gufatisha imodoka maze ifungirwa kuri sitasiyo ya Polisi i Nyagatare guhera tariki ya 28 Ukuboza 2002. IHORIHOZE yagiye kumurega mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Umutara.

Baraburanye urubanza rusomwa ku wa 22 Werurwe 2002 MUGISHA John aratsindwa ategekwa n'urukiko gusubiza imodoka, akishyura n'iminsi yose yamaze ihagaze ndetse n'izindi ndishyi zijyanye n'urwo rubanza. MUGISHA John aho kubahiriza imikirize y'urubanza yagiye kurega IHORIHOZE Pascal kuri sitasiyo ya Polisi i Nyagatare maze IHORIHOZE Pascal arafatwa arafungwa ku wa 5 Mata 2002 arekurwa bukeye bwaho ategekwa kwishyura ya mafaranga 110.000 no kujya yitaba aho kuri Polisi.

Komisiyo imaze kubona ibaruwa IHORIHOZE yandikiye Perezida wa Repubulika akayigenera kopi, yagiye ku Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Umutara isanga ibyo IHORIHOZE yanditse ari ukuri.

Mu ibaruwa ye n° 062/02/TPI/MTR yo ku wa 18 Mata 2002,Umuhesha w'inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Umutara nawe yandikiye Komanda wa Sitasiyo ya Polisi ya Nyagatare, RUTABINGWA Michel, amusaba kutavuguruza urukiko anamusaba gusubiza IHORIHOZE imodoka ye mu buryo bwihutirwa.

Komisiyo yegereye Komanda wa Sitasiyo ya Polisi ya Nyagatare, RUTABINGWA Michel, ayibwira ko agiye gusubiza IHORIHOZE imodoka ye vuba. Ku wa 22 Werurwe 2002 IHORIHOZE nibwo yashubijwe imodoka ye.

Biragaragara ko Komanda wa Sitasiyo ya Polisi yo mu Mutara yabangamiye bikabije umwanzuro w'urukiko, bityo Komisiyo ikaba isanga akwiye gukurikiranwa n'inzego zimukuriye.

7. Ifatwa n'ifungwa rya BANGANKIRA Faustin.

BANGANKIRA Faustin utuye ku Murenge wa Rukomo, Akarere ka Muvumba, yagejeje ikirego cye kuri Komisiyo ku wa 16 Ukwakira 2002. BANGANKIRA Faustin yafashwe ku wa 16 Ukwakira 2002 na "Local Defence Forces" atumwe na KAREGEYA Jean, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Muvumba ushinzwe ubukungu na tekinike, abifashijwemo n'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Rukomo, KARANGWA Edouard.

BANGANKIRA yaguze isambu iri mo inzu eshatu na KAMALI ku mafaranga ibihumbi magana abiri na mirongo itanu (250 000 FRw). KAMALI na we yari yarayiguze na BARIRANGIRA Farasisiko na RUGAMBWA Tito bari bayisaranganyijwe mu gihe igabana ry'amasambu ryakorwaga cyane cyane mu ntara ya Kibungo n'Umutara.

Nyuma haje KAMBABAZI, umugore wari uhungutse avuye Tanzaniya wiyita umukazana wa BARIRANGIRA, asaba ko yasubizwa amazu n'isambu byabo bifitwe na BANGANKIRA kandi uwo yita sebukwe ariwe wabigurishije.

Ubuyobozi bw'Umurenge bwasabye BANGANKIRA gutanga isambu n'amazu byavuzwe aranga maze uwungirije umuyobozi w'akarere aramufunga. Mbere yo gufungwa BANGANKIRA yari yamenyesheje Komisiyo ko abayobozi be bashaka kumufunga.

Komisiyo yandikiye Umuhuzabikorwa w'Umurenge imusaba kwigana ubushishozi ikibazo cya BANGANKIRA kugira ngo atarengana, ariko BANGANKIRA ajyanye iyo baruwa nibwo yahise afungwa. Nyuma y'iperereza, Komisiyo yasanze yarafashwe afungirwa muri kasho y'Akarere ka Muvumba.

Komisiyo yabonanye n'ukuriye Ubugenzacyaha mu Ntara y'Umutara imusobanurira imiterere y'icyo kirego bituma BANGANKIRA afungurwa ku wa 25 Ukwakira 2002 amaze iminsi icyenda afunzwe.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko yongeye gufatwa na RUTABINGWA Michel, ubu usigaye ayobora Poste ya Polisi y'Akarere ka Muvumba, amushinjwa ko yashatse gutema umuntu.

Komisiyo yegereye ubushinjacyaha muri Parike ya Repubulika yo mu Umutara iyisaba gukurikirana icyo kibazo mu bushishozi, ikora iperereza maze risanze nta mpanvu yo kumufunga iramufungura.

Komisiyo iramagana abayobozi b'ibanze na "Local Defence Forces" bafata abantu bakabafunga kandi bitari mu nshingano zabo. Komisiyo iragaya kandi abakoresha nabi ba "Local Defence Forces" mu bitajyanye n'umurimo bashinzwe. Ubundi izo nshingano zo gufata no gufunga n'iza Polisi y'Igihugu.

8. Ifatwa n'ifungwa rya BAZIMAZIKI Viateur.

BAZIMAZIKI Viateur atuye mu Kagari ka Kabuye, Umurenge wa Rwintare, Akarere ka Bukunzi, Intara ya Cyangugu.

Ikirego cya BAZIMAZIKI Viateur cyageze kuri Komisiyo ku wa 21 Kamena 2002 kizanywe n'umuvandimwe we UTERUMURAMYE Emmanuel wavugaga ko, ku wa 4 Gicurasi 2002, yafashwe n'ubugenzacyaha bw'Akarere ka Bukunzi, bwari buhagarariwe na O.P.J. RUTAYISIRE Faustin, aregwa ubujura bworoheje.

Komisiyo imaze kubona ko BAZIMAZIKI Viateur yamaze ukwezi muri kasho y'Akarere ka Bukunzi atarashyikirizwa ubushinjacyaha, yasabye Pariki ya Repubulika ya Cyangugu kumurekura.

Ku wa 4 Kamena 2002, BAZIMAZIKI Viateur yashyikirijwe ubushinjacyaha bwa Pariki ahita afungirwa muri gereza nkuru ya Cyangugu. Yarekuwe by'agateganyo ku wa 19 Ukuboza 2002 n'Inama y'Abacamanza y'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu yateranye ku wa 17 Ukuboza 2002, akazaburana ari hanze.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko BAZIMAZIKI Viateur ataraburanishwa.

Komisiyo iranenga ifungwa ry'agateganyo rya BAZIMAZIKI Viateur ryamaze igihe kirekire uregwa atarashyikirizwa ubucamanza.

9. Ifatwa n'ifungwa rya NTAKIRUTIMANA Anicet.

NTAKIRUTIMANA Anicet atuye mu Kagari ka Kabuninda, Umurenge wa Bushenge, Akarere k'Impala, Intara ya Cyangugu.

Ikirego cya NTAKIRUTIMANA Anicet cyageze kuri Komisiyo mu nyandiko yanditswe na nyina NYIRANGIRABAKUNZI Azera ku wa 21 Ugushyingo 2002.

NTAKIRUTIMANA Anicet yafashwe ku wa 15 Ugushyingo 2002 afungirwa muri kasho ya Gisuma mu Akarere k'Impala, akurikiramywe ho icyaha cy'umwenda w'amafaranga ibihumbi makumyabiri na bine (24.000 FRw) yari afitiye uwitwa NGENDAHIMANA Zakayo kandi yemeraga kwishyura uwo mwenda.

Komisiyo yabonanye n'umugenzacyaha wari ufite iyo dosiye imusobanurira ko iryo fata n'ifungwa rya NTAKIRUTIMANA Anicet rinyuranyije n'amategeko kuko bitubahirije ihame ryo "kudafungwa gusa ko wananiwe ibyo wiyemeje mu masezerano" kandi nta cyaha giteganyijwe n'amategeko ahana y'u Rwanda yari yamuteganyirije.

Komisiyo yasabye ko NTAKIRUTIMANA Anicet yarenganurwa maze afungurwa ku wa 25 Ugushyingo 2002. Komisiyo yishimira ko kuri iki kibazo nibura hubahirijwe amategeko avuga ko umuntu adafungirwa amasezerano.

10. Ifatwa n'ifungwa rya NSABIMANA Denis.

NYIRAKIDEDERI ubarizwa mu kagari ka Kiryi, ku murenge wa Mubona mu Mujyi wa Ruhengeri yagejeje ikirego cye kuri Komisiyo mu magambo ku wa 6 Ukuboza 2002.

NSABIMANA Denys umuhungu wa NYIRAKIDEDERI amaze imyaka itanu n'amezi 6 afungiye muri gereza ya Ruhengeri ashinjwa ubujura. NSABIMANA Denys ngo yamennye idirishya ry'inzu yo kwa BAZIMAZIKI Bernardin ashaka kwiba shitingi akaba ngo yarigeze no kwiba ibishyimbo mu baturanyi.

Ku wa 9 Ukuboza 2002, Komisiyo yabonanye na NSABIMANA Denys aho afungiye muri gereza ayibwira ko azira kuba yaramennye ikirahuri cy'inzu y'umuturanyi we BAZIMAZIKI Bernardin, ngo akaba yarabitewe n'ubusinzi. Yanabwiye Komisiyo ko aheruka gushyikirizwa abacamanza mu 1999 dosiye ye ikaba ari n° RMP 39823/S4/NJB.

Kuri uwo munsi kandi, Komisiyo yabonanye na MAZIMPAKA Marc, umushinjacya ufite dosiye ya NSABIMANA, bavugana kw'ifungwa rya NSABIMANA Denys rimaze igihe kirekire ataburanishwa, maze ayizeza ko ku wa 13 Ukuboza 2002 azamukorera inyandiko imufungura.

Ku wa 17 Ukuboza, Komisiyo yagiye kureba niba ibyo yari yabwiwe byarashyizwe mu bikorwa, umushinjacyaha ayibwira ko yajya kureba Porokireri kuko ari we yabishyikirije. Komisiyo yavuganye na Porokireri kuri telefone ayibwira ko NSABIMANA Denys agiye gufungurwa.

Umwaka w'2002 warangiye ntakirakorwa ngo NSABIMANA Denys afungurwe kuko Komisiyo yasubiye kureba Porokireri ku wa 31 Ukuboza 2002 akayizeza na none ko inyandiko imufungura igiye gukorwa.

Mu gihe yateguraga iyi raporo, Komisiyo yamenye ko NSABIMANA Denys yafunguwe amaze imyaka itanu n'amezi atandatu.

Komisiyo irasanga NSABIMANA Denys yarafunzwe igihe kirekire cyane kandi ataburanishwa, ku buryo bigaragara ko inzego z'ubutabera zavuzwe muri iki kibazo zagize uruhare rugaragara mu guhohotera uburenganzira bwe bwo kuburanishwa no gufungwa by'agateganyo mu gihe giteganyijwe n'amategeko.

b. Imanza zitinda n'izitararangizwa.

1. Ikirego cya NSEKANABO Fortunata.

NSEKANABO Fortunata, utuye mu Karere ka Ngenda, Umurenge wa Rutonde, Akagari ka Rubirizi, yandikiye Komisiyo ku wa 15 Mutarama 2002 asaba ko yarenganurwa agafashwa kubona amafaranga 13.500 yatsindiye mu rubanza n° 353/2000/NG rwasomwe n'Urukiko rwa Kanto rwa Ngenda ku wa 17 Gashyantare 2000 ariko ntayahabwe.

Ku wa 18 Gashyantare 2002, Komisiyo yabonanye n'umuyobozi w'akarere ayibwira ko yagerageje guhesha NSEKANABO ibyo yatsindiye ariko asanga ko, kugira ngo bikorwe, hakenewe ifatira ry'isambu, ko kandi ubwo bubasha bwo gufatira umutungo utimukanwa atabufite. Niyo mpamvu umuyobozi w'Akarere ka Ngenda yandikiye Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Nyamata ku wa 5 Gashyantare 2001 asaba ko umuhesha w'urukiko ushobora gufatira ibitimukanwa yajya kurangiza urwo rubanza.

Komisiyo yabonanye kandi n'abakozi b'urwo rukiko, bayibwira ko igituma urubanza rwe rutarangizwa ngo ari uko NSEKANABO adatanga amafaranga ya lisansi kugira ngo umuhesha w'inkiko arangize icyo kibazo.

N'ubwo Komisiyo itirengagiza ubukene bw'inkiko, ntibisobanura ko umuturage yahora mu nzira, cyane cyane nka NSEKANABO ugeze mu zabukuru, kugira ngo imanza zirangizwe.

Komisiyo irasanga Minisiteri y'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego n'Urukiko rw'Ikirenga byari bikwiye kugerageza gushakira ubushobozi inkiko kugira ngo zishobore gukora neza umurimo wo kurangiza imanza.

2. Ikirego cya BIRUHIJE Jean.

BIRUHIJE Jean yagejeje ikirego cye muri Komisiyo tariki ya 19 Ugushyingo 2001, ayisaba kumufasha ikamuhesha umutungo we yatsindiye mu rubanza n° RC 321861/2000. BIRUHIJE Jean ni mwene GAHINDE na KAMUYUMBO utuye i Gatunda, mu Karere ka Muvumba, mu Ntara y'Umutara.

Mu mwaka 1994, BIRUHIJE Jean yahungiye i Bugande n'umugore we batasezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko, MUKARUGWIZA Venansiya. Itsembabwoko rirangiye, BIRUHIJE Jean yohereje umugore kugira ngo abe akurikirana umutungo wabo. Umugore amaze kugera mu Rwanda ashaka ibyemezo mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali mu rubanza n° RC. 24.591/96, by'uko yari umugore w'isezerano, ndetse anavuga ko BIRUHIJE Jean atakiriho kandi ko agomba guhabwa umutungo we kugira ngo ashobore gutunga abana babyaranye kandi ntabo. Aho atahiye, BIRUHIJE Jean yahise arega uwo mugore we mu rubanza RC .32.186/2000 asaba ko urubanza RC. 24.591/96 rwari rwaremeje ko BIRUHIJE Jean yapfuye, kandi ko hari abana yabyaranye na MUKARUGWIZA Venansiya ruvanwaho, arabitsindira. Ubwo urukiko rwategetse uwo mugore gusubiza BIRUHIJE Jean umutungo wose yari yahawe n'urwo rubanza, ugizwe n'amazu 4 ari i Rukomo, Komini Muvumba ho mu Ntara y'Umutara, amasambu 4 ari muri Komini Muvumba, amafaranga ari muri BRALIRWA n'andi ari muri B.C.R. na C.E.R..

Komisiyo yabonanye na BIRUHIJE Jean ayibwira ko ibyo bintu yatsindiye atarabihabwa, hakaba n'ibindi akiburana n'uwo mugore we ariko ngo ubu akaba yaramuciye inyuma akabigurisha.

Komisiyo yamugiriye inama yo gutanga ikindi kirego kuri abo baguze ibyo bintu kandi bazi neza ko uwabigurishije atari nyirabyo. Komisiyo yamushyikirije na none umuhesha w'inkiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali kugira ngo ashobore kumuhesha, ku ngufu za Leta, ibyo atabonye kandi yarabitsindiye.

3. Ikirego cya NGENDAHIMANA Déo.

NGENDAHIMANA Déo ni mwene BAHAMA na KANGENDANYI, utuye mu Kagari ka Ruhama, Akarere ka Kabarondo, Intara ya Kibungo. Yandikiye Komisiyo ku wa 29 Ugushyingo 2001 ayisaba kumufasha kurenganurwa kubera ko Komini Rwisirabo yakoreraga akazi k'ubunyamabanga yamwirukaniye ubusa bikaza no kwemezwa n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibungo mu rubanza n° RC 0510/R2/99/KGO rwaciwe ku wa 17 Gicurasi 2001. Akarere ka Rukara ari nako kagiyemo Rwisirabo kanze kwishyura indishyi kaciwe n'urwo rukiko, zihwanye 317.200 FRw, dore ko urwo rubanza rwanabaye itegeko ndakuka, kubera ko ako Karere ka Rukara katigeze kajurira, kandi kanayoborwa n'uwahoze ari Burugumesitiri wa Rukara, ari nawe wamwirukanye.

Ku wa 12 Werurwe 2002, Komisiyo yagiye ku biro by'ako Karere ibonana n'umuyobozi wako ayimenyesha ko mu kwezi kwa Gashyantare 2002 aho i Rukara habereye inama yari iyobowe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho myiza y'Abaturage, asaba Akarere ko kamwishyura mu bice 2 cyangwa 3. Uwo muyobozi yabwiye Komisiyo kandi ko Akarere katayabona kubera amikoro make, yongeraho ko NGENDAHIMANA Déo agenda amusebya.

Komisiyo yabwiye uwo muyobozi ko ibibazo yaba afitanye na NGENDAHIMANA Déo ku giti cyabo bitatuma abuza Akarere kurangiza urubanza katsinzwe mo. Ubwo yahise yemera ko akarere kaba kamuhaye 50.000 FRw, ariko kugeza ubu bakaba baramwimye asigaye.

Komisiyo irasaba ko NGENDAHIMANA Déo yakwishyurwa nta yandi mananiza, kandi umuyobozi w'akarere agakurikiranwa kubera kwanga gushyira mu bikorwa icyemezo cy'urukiko kubera impamvu ze bwite.

4. Gutinda kuburanisha urubanza rwa SEMBEBA Marc na NYIRAMAYEZI Rose.

SEMBEBA Marc yazanye ikirego cye muri Komisiyo ku wa 5 Nzeri 2000 avuga ko yambuwe isambu ye, Inkiko yaregeye ntizimurenganure.

SEMBEBA Marc yagiye gutura muri Kongo mu mwaka w'1965 isambu ye ayisigira umuhungu we KAYIJUKA waba waraje kuyikurwamo na RUGEREKA wari Burugumesitiri wa Gishoma, akayiha NYIRAMAYEZI.

Ku wa 24 Mata 1997, SEMBEBA Marc yaregeye urukiko rwa Kanto ya Gishoma NYIRAMAYEZI Rose wamunyaze isambu, icyo kirego cyandikwa kuri R.C.110/97. Urukiko rwakijije urwo rubanza ku wa 7 Gicurasi 1997 rwemeza ko isambu n'ibikorwa biyirimo byose bikwiye kuba ibya NYIRAMAYEZI Rose kuko ari we wabishyizemo afatanije n'umugabo we MUDEYI, bityo SEMBEBA Marc akaba nta bubasha ayifiteho n'ibikorwa biyirimo nk'uko Amasezerano y'Amahoro ya Arusha abiteganya.

SEMBEBA Marc ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ajurira mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa CYANGUGU kuri R.C.A.998/R3/98. Ku wa 21 Ukwakira 1998 yarongeye aratsindwa; nyuma ya ho SEMBEBA Marc yigabiza iyo isambu.

NYIRAMAYEZI Rose yaje kurega ubutegetsi bwa Komini Gishoma na SEMBEBA Marc mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa CYANGUGU kumunyaga isambu ye irimo ibikorwa. Ikirego cyandikwa kuri R.C.1666/R4/99. Urukiko rwakijije ku wa 21 Mata 1999 ko SEMBEBA Marc atsinzwe. Aho amariye gutsindwa, SEMBEBA Marc yasabye iseswa ry'urubanza RC1666/R4/99 rwaciwe ku wa 21 Mata 1999 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu yarezwemo kwiha isambu ya NYIRAMAYEZI ku ngufu.

Komisiyo imaze gushyikirizwa ikibazo na SEMBEBA Marc yaragikurikiranye isanga SEMBEBA Marc yarasabye iseswa ry'urubanza R.C.1666/R4/99 ku wa 27 Nyakanga 1999, ashyikiriza ikirego Urukiko Rusesa Imanza ku wa 27 Ukuboza 1999. Kugeza ubwo iyi raporo yandikwa urubanza ntiruraburanishwa.

Mu ipereereza ryayo, Komisiyo yasanze nyirabayazana yo kutaburanishwa k'urwo rubanza kuva 1999 byarabanje guterwa n'uko dosiye yatinze muri Pariki Nkuru y'Urukiko rw'Ikirenga nyuma na bwo ntirwaburanishijwe kubera ibibazo by'iyegura ry'abacamanza bo mu Rukiko Rusesa Imanza

mu mwaka w'2002. Itariki ya nyuma y'iburanishwa yari iya 22 Gashyantare 2002. Ariko na bwo urubanza ntirwaburanishijwe kubera abacamanza batabonetse.

Icyo kibazo cy'iyegura ry'abacamanza cyavuzwe ku rupapuro rwa 22 rw'iyi raporo; aha Komisiyo yongeye kwibutsa ko byihutirwa cyane gukemura kiriya kibazo kuko imanza ziva mu nkiko z'ubujurire ndetse n'iziva mu za mbere z'iremezo zikomeje kudindira.

Komisiyo iributsa kandi ko icyo kibazo yakimenyesheje inzego zibishinzwe mu mabaruwa yayo yo ku wa 26 Werurwe 2002 (ibaruwa n°C.N.D.H/102/02 yandikiwe Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga n'ibaruwa n°C.N.D.H/101/02 yandikiwe Bwana Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego).

5. Ugutinda gucibwa k'urubanza rwa MUKAFURERE Ancille na NZABANDORA.

Ku wa 12 Werurwe 2002, MUKAFURERE Ancille wo mu kagari ka Mukarange, Akarere ka Kisaro yagejeje kuri Komisiyo ikirego kirebana n'itinda kuburanishwa rikabije ry'urubanza R.C 346/XVII/87/BY aregamo umugabo we NZABANDORA.

MUKAFURERE Ancille yashakanye n'umugabo we mu buryo bwemewe n'amategeko, akaba amurega kuba yaramutanye abana batatu babyaranye hakaba hashize imyaka 16.

Komisiyo yagiye ku rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Byumba isanga koko urwo rubanza rwaratinze cyane kuko rwatangiye mu mwaka w' 1987 rukaba rwari rumaze imyaka 15, MUKAFURERE Ancille ahora asiragira ku rukiko ariko urubanza ntiruburanishwe.

Komisiyo yasabye ko hakorwa ibishoboka urubanza rukaburanishwa. Rwaje kuburanishwa rusomwa ku wa 25 Mata 2002, urukiko rutegeka NZABANDORA gusana inzu uwo MUKAFURERE Ancille atuyemo harimo kuyishyiraho amabati mashya, kuyitera igipande no kumwubakira igikoni. Kubera ko ari n'abahinzi b'icyayi, urukiko rwategetse Nzabandora ko agomba kujya agabana ku buryo bungana amafaranga ava mu cyayi, kandi ko Koperative y'icyayi izajya imuha amafaranga ari kumwe n'umugore we.

6. Ukutarangizwa k'urubanza rwa HABUMUGISHA Léopold.

HABUMUGISHA Léopold yagejeje ikirego cye muri Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ku wa 4 Kamena 2002 asaba kurenganurwa hakarangizwa urubanza R.C.2286R6/2000 yatsindiyemo BRALIRWA. HABUMUGISHA Léopold yari umukozi wa BRALIRWA–Gisenyi yirukanwa ku wa 21 Gashyantare 2000 azira kuba yaragize uburangare mu kazi ke bigatuma amakaziye 130 yuzuye inzoga afite agaciro k'amafaranga ibihumbi magana cyenda na cumi na bitandatu na magana abiri na mirongo ine (916.240 FRw) abura.Yatanze ikirego mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi byandikwa mu gitabo cy'ibirego kuri n° R.C.2286/R6/2000 arega BRALIRWA kumwirukana ku kazi bidakurikije amategeko kandi nta mpamvu nyayo. Yaregeye kandi

indishyi z'uburambe ku kazi, indishyi z'akababaro n'indishyi zo gukurikirana dosiye no guhemba avoka.

Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi rwakijije urwo rubanza ku wa 30 Gicurasi 2000 ruvuga ko BRALIRWA itsinzwe,ruyitegeka guha HABUMUGISHA Léopold indishyi z'akababaro zingana na 50.000 FRw z'uko yamwirukanye bidakurikije amategeko, 53.058.156 FRW ingana n'imishahara y'imyaka 5 n'amezi 8 y'igihe yari asigaje ku kazi ke ngo ajye mu kiruhuko cy'izabukuru, 68.761FRW y'inyongera ku mushahara ya buri mwaka ya 3% na 100.000 FRW bya Avoka wamuburaniye, yose hamwe akaba 53.226.917 FRw. BRALIRWA ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza ijurira urubanza n° R.C.2287/R6/2000 ku wa 12 Kamena 2000 mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri byandikwa kuri R.C.A 437/R2/Ruh,urubanza rucibwa ku wa 4 Ukuboza 2000 rwakijije ko BRALIRWA itsinzwe ariko indishyi ziragabanuka ruzishyira kuri 8.017.670 FRw.

BRALIRWA yasabye iseswa ry'urubanza n°R.C.A 437/R6/2000 rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri ku wa 1 Werurwe 2001 byandikwa kuri n°RCP.594. Ku wa 5 Ukwakira 2001, Urukiko Rusesa Imanza rwaciye urubanza RCP 594 rwemeza ko Urubanza n°RCA 437/R2/Ruh rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri ruvanyweho kuko rushingiye ku rubanza rutigeze rubaho(recours inéxistant).

Nyuma y'urubanza rwaciwe n'Urukiko Rusesa Imanza HABUMUGISHA Léopold yasabye irangizwa ry'urubanza R.C.2286/R6 /2000 yatsindiye mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa GISENYI, ntirwarangizwa. Avoka wa Bralirwa witwa Me MPAYIMANA Isaie yandikiye n'Umuhesha w'Inkiko mu Rukiko rwa Mbere rwa Kigali ibaruwa n° 269/097cab MI/ 01 yo ku wa 9 Ugushyingo 2001amwihanangiriza ngo ntarangize urwo rubanza kandi yari yatangiye kururangiza.

HABUMUGISHA Léopold yamenyesheje akarengane ku rubanza rwe yatsindiye rukaba rutarangizwa, Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego ku wa 13 Gashyantare 2002,Visi-Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Ishami ry'Ubuyobozi bw'Inkiko ku wa 13 Gicurasi 2002, Perezida wa Repubulika ku wa 10 Mata 2002 abasaba kumurenganura, yagiye abimenyesha Perezida wa Komisiyo Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Komisiyo yakurikiranye iyo dosiye isanga Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Ishami ry'Ubuyobozi bw'Inkiko wandikiwe yarasabye Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri ku wa 4 Mata 2002 raporo kuri icyo kibazo. Mu ibaruwa ye yo ku wa 24 Mata 2002, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri yashubije ko HABUMUGISHA Léopold yaburanye na BRALIRWA urubanza R.C.2286/R2/2000 ku Gisenyi aratsinda, BRALIRWA irajurira ariko ikoramo ikosa ijuririra urubanza R.C.2287/R2/2000 rutayireba ndetse rutanareba HABUMUGISHA. Ngo Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri rwaburanishije urwo rubanza kuri R.C.A.437/R2/RUH n'ubwo harimo iryo ikosa, BRALIRWA irusabira iseswa mu Rukiko Rusesa Imanza kuri R.C.P 594, urubanza R.C.A 437/R2/RUH. rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri ruvanwaho kuko rushingiye ku rubanza rutigeze rubaho.

Muri dosiye Komisiyo yasanze BRALIRWA yarasabye mu Gushyingo 2001 ko urubanza R.C.2286/R2/2000 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gisenyi rusubirwamo byandikwa kuri R.C.4705/R13/2001. Urubanza rwari rwashyizwe ku wa 5 Kamena 2002 ntirwaburanishwijwe kuko HABUMUGISHA Léopold atari yahamagajwe.Umwaka w'2002 warangiye urwo rubanza rutaburanishijwe.

Komisiyo isanga nta mpamvu ishingiye ku mategeko yari gutuma urubanza nomero R.C.2286/R2/2000 rutarangizwa. Bityo irasanga inzego zose zirebwa na kiriya kibazo zikwiye kwihutira kurangiza urubanza nta mananiza cyane cyane ko uwatsinzwe nta kibazo cy'amikoro afite.

7. Urubanza rwa SHYAKA Amiel.

Ku wa 8 Ukuboza 2002, SHYAKA Amiel yandikiye Komisiyo ayisaba kurenganurwa akabona umutungo w'umuryango we. SHYAKA Amiel ahagarariye abazunguye umutungo wa mukuru we MUSOLINI Gérard wari umucuruzi akaza kwitaba Imana afitanye urubanza na MPUNGA Charles bari barafatanije station ya essence akamwambura.

MUSOLINI Gérard yatanze ikirego mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 17 Ugushyingo 1995 cyandikwa kuri n° R.C.24229/S1/95. Urubanza rutararangira MUSOLINI Gérard yitabye Imana abamuzunguye bahagarariwe na SHYAKA Amiel bakomeje urubanza batsinda MPUNGA Charles mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali. Uwatsinzwe yategetswe gutanga amafaranga y'u Rwanda 122.876.202 n'amadolari y'amanyamerika 107.628. Konti ze zariho 40.000.000 FRW muri BCDI zarafatiriwe. Umuhesha w'Urukiko yandikiye BCDI ayisaba gutanga ayo mafaranga BCDI iranga ivuga ko ayo mafaranga ari « billet à ordre » akaba ari amafaranga MPUNGA Charles ayirimo.

SHYAKA Amiel yareze BCDI arayitsinda bayitegeka gutanga 40.000.000 FRw n'inyungu za 18%. Umuhesha w'Urukiko yafatiriye ayo mafaranga bategeka BCDI kuyashyira kuri Konti y'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali igihe urubanza rugikomeza. Hagati aho BCDI yarajuriye mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali ku wa 4 Mutarama 2001 ubujurire bwandikwa kuri n°R.C.A.13273/Kig. Urubanza rwaburanishijwe ku wa 17Gicurasi 2001 no ku wa 31Gicurasi 2001 abazungura MUSOLINI badahari, rwasomwe ku wa 5 Kamena 2001 Urukiko rw'Ubujurire rwemeza ko irangiza rubanza ry'agateganyo ryategetswe mu rubanza R.C.31275/99 n'Urukiko rwa Mbere rwa Kigali rihagarikwa. umuhesha w'Urukiko asubiza BCDI amafaranga urubanza rutaracibwa. SHYAKA ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza arusabira iseswa mu Rukiko Rusesa Imanza ku wa 18 Kamena 2001 urubanza rwandikwa kuri n° RCP.754.

Ku wa 18 Mutarama 2002 Urukiko Rusesa Imanza rwakuyeho urubanza R.C.A 13.272/KIG. rwo ku wa 5 Kamena 2001 rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali. Nyuma y'icyo cyemezo cy'Urukiko Rusesa Imanza SHYAKA yandikiye Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali ku wa 22 Werurwe 2002 ngo rumuhe amafaranga rwari rwabitse rumusubiza ko rwamaze kuyasubiza BCDI. Ubwo SHYAKA yandikiye Perezida wa Repubulika ku wa 4 Werurwe 2002 no ku wa 11 Ukuboza

2002 hamwe na Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego ku wa 25 Mata 2002 asaba kurenganurwa hakarangizwa urubanza R.C 31.275/99 rwo ku wa 13 Ukwakira 2000 afitanye na BCDI

Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali wasabwe raporo kuri iyo dosiye na Visi-Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Ishami ry'Ubuyobozi bw'Inkiko ku wa 24 Mata 2002 yashubije mu ibaruwa ye yo ku wa 10 Kamena 2002 ko byabaye ngombwa ko compte ya BCDI yari yarafatiriwe mu rwego rwo kurangiza urubanza yabaye irekuwe ngo kuko Pariki Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga yagaragarije Perezida w'Urukiko ko urubanza n° RCP 754 rwaciwe n'Urukiko Rusesa Imanza bashingiraho barangiza urubanza ari inyandiko mpimbano ngo bikagaragazwa ni uko abayikoze barimo gukurikiranwa dosiye yabo ikaba iri muri Pariki Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga kuli RMPC445/GG kugeza igihe umwanzuro kuri iyo dosiye uzasohokera. Aha twakwibutsa ko abaregwa inyandiko mpimbano ari abacamanza MAFARANGA Anastase, NZAMUKWEREKA Venant na GASATSI Emmanuel.

Komisiyo isanga Pariki Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga itarubahirije ubwigenge n'ubutandukane bw'ubutegetsi bw'ubucamanza na nyubahirizategeko ndetse ntiyubahirije umwanya wayo nk'umuburanyi nk'undi. Ikindi kandi Komisiyo itewe impungenge ku buryo urubanza rwaciwe rushobora kwimwa agaciro karwo.

Komisiyo iboneyeho gusaba inzego nkuru z'igihugu guhagurukira kiriya kibazo kugira ngo hashyirwe mu bikorwa icyemezo cy'urukiko nta mananiza.

8. Ibibazo byakuruwe n'irangizwa ry' urubanza rwa SEMUHIZI Balthazar.

SEMUHIZI Balthazar yandikiye Komisiyo ku wa 31 Ukwakira 2001 ayigaragariza akarengane aterwa n'irangizwa ry'imanza RA N°75/13.04/93, RA0032//13.03/97 zaciwe n'Urukiko Rusesa Imanza ku wa 27 Nzeri 1993 yaburanaga na KABANYANA Mary waregeye gusesa amasezerano y'ubugure bw'inzu yo ku wa 21 Mata 1981.

Izo manza zarangijwe ku wa 22 Ukwakira 2001, Umuhesha w'Urukiko mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri,Bwana RUCYAHANIRA Manassé atanga inzu iri muri pariseli n° 285 ayishyikiriza MUHAYIMANA Jean de Dieu, umuhungu wa KABANYANA Mary (+). Iryo rangiza rubanza ryakuruye impaka nyinshi kuko ufite inzu ari we SEMUHIZI Balthazar avuga ko inzu ye iri muri pariseli n° 497 ikaba ntaho ihuriye n'iyo bakorera irangiza.

Icyo kibazo cyatangiye mu mwaka w'1981 ubwo SEMUHIZI Balthazar yaguraga tariki ya 21 Mata 1981 inzu na KABANYANA Mary.Bagiranye amasezerano y'ubugure bumvikana ko KABANYANA Mary azamuhinduriza ariko aza kwanga kubikora. SEMUHIZI yareze KABANYANA mu rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Ruhengeri ko yanze kumuhinduriza kandi byari mu masezerano y'ubugure, urubanza ruhabwa nomero R.C 9. 121/R/22/82 ruburanishwa ku wa 5 Kanama 1982, rukizwa ku wa 31 Kanama 1982 rwemeza ko amasezerano y'ubugure bw'inzu hagati ya SEMUHIZI na KABANYANA ari nta makemwa ko kandi KABANYANA ajya guhinduriza SEMUHIZI nk'uko babyumvikanye mu masezerano. KABANYANA ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza ajurira mu rukiko

rw'ubujurire rwa Ruhengeri ruhabwa nomero R.C A 4262 / R 9/ RUH rwakijijwe ku wa 24 Gashyantare 1983 maze aratsindwa. Ku wa 24 Gicurasi 1983, KABANYANA yasabye iseswa ry'urwo rubanza ariko aratsindwa kuko yarisabye akerewe.

N'ubwo SEMUHIZI yatsinze KABANYANA mu manza ba buranaga zerekeye inzu baguze, kuva mu rwa mbere rw'iremezo kugera mu rusesa imanza, ibyo KABANYANA yategetswe n'inkiko nta bwo byigezwe bikorwa kugeza ku wa 5 Mata 1985 ubwo iduka rya KABANYANA Mary ryashyaga rigatwika n'irya SEMUHIZI Balthazar. KABANYANA Mary wari ufite ubwishingizi muri SONARWA ku mazu yose yo muri pariseli n° 285 yahise ahabwa indishyi ntiyagira icyo arebera SEMUHIZI Balthazar batari bagahinduje kugeza ubwo.

SEMUHIZI yasannye inzu ye yari yarahiye ndetse aza no guhabwa "Certificat d'enregistrement" muri 1993 inzu ye ihabwa nomero 497.

Mu mwaka w'1984 mbere y'uko inzu zishya KABANYANA Mary yareze Banki ya Kigali kuba yarasheshe amasezerano mu buryo bunyuranye n'amategeko bigatuma agurisha inzu ye ku gahato ngo idatezwa cyamunara. KABANYANA Mary yaratsinze Urukiko rwemeza ko yashyizweho agahato na Banki ya Kigali bituma agurisha inzu ye na SEMUHIZI Balthazar. Banki ya Kigali yamuhaye indishyi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRw).

KABANYANA Mary yarahindukiye arega SEMUHIZI Balthazar mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Ruhengeri asaba ihindura ry'amasezerano bagiranye y'ubugure bw'inzu ngo habaye ubugambanyi butewe na SEMUHIZI Balthazar.

Icyo gihe KABANYANA yari yitwaje ko kuva urukiko rwaremeje ko Banki ya Kigali yatumye agurisha inzu ye hutihuti, bizamuha amahirwe yo gusaba iseswa ry'amasezerano y'ubugure. Yasubiye mu rwa rukiko mbere rw'iremezo rwa Ruhengeri gusaba gusubirishamo urubanza kuko ngo yabonye ibimenyetso bishya ko kandi amasezerano y'ubugure yaseswa.Yarongeye aratsindwa ariko ntiyishimira imikirize y'urubanza noneho ahita ajuririra Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri , urubanza rwandikwa kuri n° RCA 4476/R18/RUH. Urwo rubanza rwaraciwe, Urukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri rugumishaho icyemezo cyari cyafashwe n'Urukiko mbere rw'iremezo rwa Ruhengeri.

KABANYANA Mary yarusabiye iseswa mu Rukiko rusesa imanza, urubanza ruraseswa rwoherezwa mu rukiko rw'ubujurire rwa Nyabisindu. KABANYANA Mary yarongeye aratsindwa. Nyuma yarongeye asaba iseswa.

Urukiko rusesa imanza rwemeye icyifuzo cye, urubanza rwongera koherezwa mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Nyabisindu kugira ngo ruburanishwe n'abandi bacamanza bataruburanishije mbere ; KABANYANA Mary arongera aratsindwa.

Yarongeye asaba iseswa yishingikirije ku ngingo Urukiko Rusesa Imanza rwagiye rushingiraho rusesa izindi manza ko urukiko rw'Ubujurire rutitaye ku kimenyetso cyatanzwe cy'urubanza RCA 6620/KIG rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali ku wa 5 Gicurasi 1984 KABANYANA Mary arega

Banki ya Kigali ko yishe amasezerano bari bagiranye, urwo rubanza akaba yari yarutanzeho ikimenyetso kigaragaza ko yagurishije inzu ye huti huti .

Ingereko zombi zo mu Rukiko rw'Ikirenga ziteranye ni zo zasuzumye icyo kirego hakurikijwe ingingo ya 84 y'Itegeko ryo ku wa 23 Gashyantare 1963 ivuga ko igihe urubanza rwa mbere rumaze guseswa, ikiburanwa ari kimwe n'ababuranyi ari bamwe, baburana mu izina rimwe, urubanza rwa kabiri rusabirwa kuvanwaho bakoresheje ibimenyetso bimwe n'ibya mbere. Umutwe w' Urukiko rw'Ikirenga wahawe urwo rubanza warwohereje mu Rukiko Rusesa Imanza rwaguye.

Urubanza rwarasheshwe maze hakurikijwe ingingo ya 85 y'Itegeko ryo ku wa 23 Gashyantare 1963 ritunganya Urukiko rw'Ikirenga iteganya ko "iyo urubanza rusheshwe bwa kabiri kubera impamvu zasheshe urwa mbere, urukiko urwo rubanza rwoherejwemo rugomba gukurikira icyemezo cy'Urukiko rw'Ikirenga kubyerekeye amategeko rwasobanuye". Rwoherejwe mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Cyangugu rugomba kurusuzuma rwemeza ko :

- Amasezerano y'ubugure hagati ya KABANYANA Mary na SEMUHIZI Balthazar yabaye biturutse ku gahato KABANYANA Mary yari yashyizweho na Banki ya Kigali.

- Amasezerano y'ubugure bw'inzu KABANYANA Mary yagiranye na SEMUHIZI Balthazar agomba kuvaho hakurikijwe ingingo ya 11 y'Igitabo cya gatatu cy'amategeko y'Imboneza mubano ivuga ko agahato gatuma amasezerano yabaye avanwaho n'iyo kaba kadaturutse k'umwe mu bayagiranye.

Urwo Rukiko ntirwashoboye kuruburanisha kubera inteko itari yuzuye.Rwoherejwe mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri ntirwaburanishwa kubera naho inteko itashoboye kuzura.Rwoherejwe mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwemeza ko ubujurire bwa KABANYANA Mary nta shingiro bufite KABANYANA Mary aratsindwa.

KABANYANA Mary yarongeye asaba iseswa maze Urukiko Rusesa Imanza rusesa urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali ruhita rufata icyemezo cyo kuruburanisha rwemeza ku wa 27 Nzeri 1993 mu rubanza R.A. N° 75/13.04/93-RA1320/13.03/93-RCA1059/KIG amasezerano y'ubugure yabaye hagati ya KABANYANA Mary na SEMUHIZI Balthazar nta gaciro afite akaba asheshwe ibintu bigasubira uko byari biri bitarakorwa,uwaguze agasubizwa amafaranga ye, uwagurishije agasubizwa inzu ye.

Ngiyo intandaro y'ikibazo kugeza uyu munsi kubera ko inzu ivugwa mu rubanza rwaciwe n'Urukiko Rusesa Imanza yahiye; iyongeye kubakwamo ikaba ifite nomero itandukanye na nomero yo mu masezerano yasheshwe n'urubanza. Ikindi kandi kurangiza urubanza ntibishoboka ku kintu kitariho kandi inshuro ebyiri mu gihe hari habaye irindi rangizarubanza ku wa 25 Ugushyingo 1996.

Umuhesha w'Urukiko mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Ruhengeri, MUYOVU André, wari wasabwe kurangiza urwo rubanza yagaragaje mu ibaruwa ye yo ku wa 12 Ugushyingo 1998 impungenge zo kururangiza asobanura ko hadashobora kurangizwa urubanza ku kintu kitariho kandi

kigeze kurangizwa mbere. Umuhesha w'Urukiko wasimbuye uwa mbere yarangije urwo rubanza ku wa 22 Ukwakira 2001 yategetse SEMUHIZI Balthazar gusohoka mu nzu igasubizwa umuhungu wa KABANYANA Mary, MUHAYIMANA Jean de Dieu, umuzungura we cyakora ntiyagize icyo avuga ku mafaranga yatanzwe hagurwa iyo nzu.

SEMUHIZI Balthazar yatanze ikirego kuri iryo rangiza rubanza ku wa 20 Ukwakira 2001, urubanza rwagombaga kuburanishwa ku wa 20 Werurwe 2002 rurasubikwa kuko Ubushinjacyaha butabonetse. Rwimuriwe ku wa 2 Ukwakira 2002 kuko ababuranira Leta bamenyesheje Urukiko ko batazaboneka muri iyo minsi.

Minisiteri y'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego na yo yahatiye SEMUHIZI Balthazar gusohoka mu nzu nk'uko bigaragazwa n'inyandiko SEMUHIZI Balthazar yashyikirije Komisiyo atumirwa mu nama ngo zo kurangiza ikibazo afitanye na KABANYANA Mary.

Komisiyo iranenga imikirize y'urubanza kuko rwacyemuwe n'Inkiko mu buryo butanoze ikaba irangiza ryarwo ritera ibibazo bikomeye bituma ababuranyi bahangana. Imikorere mibi y'inkiko yagiye igonganisha ababuranyi aho kubakiranura. Komisiyo irasaba inzego z'inkiko zongeye gushyikirizwa ikirego ku irangiza ry'urubanza kwihutira kugikemura mu bushishozi kugira irangizwa rice mu mucyo no mu butabera nyakuri. Komisiyo isanga kandi iki kibazo kigomba guharirwa inkiko zonyine zikarenganura urengana uwo ari we wese.

9. Urubanza rwa MUKAHIGANIRO Eugénie.

Ku wa 6 Gicurasi 2002, MUKAHIGANIRO Eugénie yandikiye Komisiyo ayigezaho akarengane aterwa na KABATSI utuye mu isambu ye abifashijwemo n'Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Kanzenze. Yasobanuraga ko yambuwe isambu ye ubwo yahungaga mu mwaka w'1994,aho ahungukiye mu mwaka w'1997 ubuyobozi bw'Akagari bwamushubije igice cy'isambu arabyanga atanga ikirego mu Rukiko rwa Kanto ya Nyamata aratsinda ahabwa umutungo we wose ariko Ubuyobozi bw'Umurenge bwanze kuyimuhesha.

Mu ipereza ryayo, Komisiyo yabonanye n'umuyobozi w'Akarere ka Nyamata ayimenyesha ko icyo kibazo atakizi. Komisiyo na none yegereye ubuyobozi bw'Intara ya Kigali Ngali bushinzwe ibibazo by'abaturage ibwirwa ko ikibazo bakizi kandi ari ikibazo rusange mu Karere ka NYAMATA aho Umuyobozi w'Akarere adatuma ibyemezo inkiko zifashe bishyirwa mu bikorwa.

Ubuyobozi bw'Intara bwari bwafashe ingamba zo kubanza kwegera abaturage ngo hamenyekane ibibazo byose bafite noneho babone gushyiraho komisiyo y'abantu bo mu Ntara no mu Karere bashinzwe gushakira umuti ibyo bibazo.

Komisiyo iributsa ko ibyemezo by'inkiko bihindurwa gusa n'izindi nkiko, abayobozi bakaba bagomba kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ryabyo. Iboneyeho kunenga ubuyobozi bw'intara butegereza gushyiraho komisiyo kugira ngo imanza zirangizwe ibyo bigatuma ibyemezo by'inkiko

bidakurikizwa. Komisiyo kandi irasanga abayobozi b'umurenge babangamira ibyemezo by'inkiko bari bakwiye gufatirtwa ibyemezo n'inzego zibifitiye ububasha.

10. Kutarangizwa k'urubanza rwa MWEZI Aloys.

MWEZI Aloys yandikiye Komisiyo ku wa 7 Gicurasi 2002 ayisaba kumufasha mu irangiza ry'urubanza R.C.A 12712KG rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwa Kigali rwemeza ko azungura umutungo wa mukuru we BAZIMYA wazize itsembabwoko.

Umuhesha w'Urukiko rwa Mbere rwa Nyamata yamuhesheje isambu ya BAZIMYA ariko nyuma Umunyamabanga Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage w'Akarere ka Nyamata amubuza guhinga.Ikibazo yakigejeje k'Umukuru w'Intara ya Kigali Ngali ku wa 8 Mutarama 2002 na we yandikira Umuyobozi w'Akarere ka Nyamata amusaba gufatanya na Njyanama y'Akarere bakamurangiriza ikibazo ariko nta kigeze gikorwa.

Mu gushaka kumenya amateka y'ikibazo, Komisiyo yabonanye n'umuyobozi w'Akarere ka Nyamata ayitangariza ko isambu yayihaye KABAYIZA mu rwego rwo kubahiriza Politiki y'Igihugu yo gusaranganya amasambu ngo akaba yarakurikije amabwiriza yahawe n'abamukuriye.

Ubuyobozi bw'Intara bwashyikirijwe ibyo bibazo buvuga ko bugiye gushyiraho komisiyo igomba kubishakira umuti.

Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu irasanga mu Karere ka Nyamata iki kibazo kimaze kuba rusange, bityo Ubuyobozi bw'Intara bwagombye kugikemura mu maguru mashya kugira ngo uburenganzira ku mutungo w'umuntu bwubahirizwe kandi n'ibyemezo by'inkiko bigumane agaciro kabyo.

11. Urubanza rwa ZIGIRINSHUTI Richard na ELECTROGAZ.

Ku wa 15 Gashyantare 2002, ZIGIRINSHUTI Richard yandikiye Komisiyo ayisaba kurenganurwa kuko yagiriye impanuka ku kazi, ELECTROGAZ yamukoreshaga yanga kumuvuza ihita inamwirukana nta nteguza ahawe bamwima n'umushahara w'igihe yamaze mu bitaro.

ZIGIRINSHUTI Richard yareze ELECTROGAZ iratsindwa icibwa amafaranga ibihumbi ijana na cumi na bitandatu magana cyenda makumyabiri n'atandatu (116.925FRw)ariko urubanza ntirwarangizwa. Komisiyo yabonye kopi y'urubanza rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali isangamo ibidafudutse nko kubona ZIGIRINSHUTI Richard yarakoreye ELECTROGAZ imyaka 7 yose ahembwa ku kwezi bagakomeza kwemeza ko ari nyakabyizi bityo bikaba byaratumye anavutswa uburenganzira bwe bwo kuvuzwa no guhabwa integuza ndetse n'ubwiteganyirize bw'abakozi. Nyamara amategeko ateganya ko umukozi umaze amezi atandatu ku kazi n'iyo yaba ari nyakabyizi afatwa nk'ufite kontaro mu gihe kitazwi, bityo agahita agira ubwiteganyirize bw'abakozi harimo no guteganyirizwa ibyago bikomoka ku mpanuka kandi yasezererwa agahabwa integuza.

Nta bwo ZIGIRINSHUTI Richard yigeze ajurira, arasaba gusa irangizwa ry'urubanza rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali. Ni yo mpamvu Komisiyo yaramwandikiye imusobanurira ko agomba kujya gusaba irangizarubanza mu biro by'umuhesha w'inkiko.

12. Urubanza rwa MUKANDOLI Godelieve na bagenzi be.

MUKANDOLI Godelieve, RUBAGUMYA na MUTEMBE Célestin bandikiye Komisiyo ku wa 19 Kamena 2002 basaba kurenganurwa mu Rubanza RCA 18679/49/2000 rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare haburana MUTIMURA Fréderic n'Umujyi wa Nyanza, MUTEMBE Célestin arugobokamo. Basabaga Komisiyo kubarenganura bagasubizwa ibyabo bambuwe ku ngufu z'ubutegetsi bw'igitugu, no gukurikirana abacamanza bo mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare baciye urwo rubanza kuko banditse urubanza uko rutaciwe bakababuza uburenganzira bwo kujurira kuko ibyo bari basomewe atari byo basanze muri kopi y'urubanza.

Mu ibaruwa yabo bagaragarije Komisiyo ibibazo bikurikira :

- Bamenyeshejwe ko batsinze ntibirirwa bajurira
- Babwiwe ko batsinze hanyuma ikiburanwa gihabwa uwatsinzwe
- Basabwe kwerekana ikiburanwa nyuma y'imikirize y'urubanza.

Muri urwo rubanza, haburanwaga isambu yabo MUTIMURA Frédéric yigaruriye yitwaje umwanya yari afite (yari Burugumesitiri) ubwo bari bamaze guhunga mu mwaka w'1961. MUKANDOLI Godelieve, RUBAGUMYA na MUTEMBE Célestin bavuga ko baregeye Umujyi wa Nyanza ubasubiza iyo sambu, MUTIMURA Frédéric na we ahita arega Umujyi wa NYANZA mu Rukiko rwa Kanto ya RUSATIRA aratsindwa; ajuririra Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare arongera aratsindwa.

Urubanza rwaburanishijwe ku wa 25 Mata 2001 rusomwa ku wa 7 Gicurasi 2001 hemezwa ko MUTIMURA Frédéric atsinzwe. Nyuma y'iryo somwa ry'urubanza abacamanza babasabye gushaka imodoka bakajya kubereka aho iyo sambu iherereye bajyayo ku wa 13 Nyakanga 2001. Amezi atanu nyuma y'aho baje kubona kopi y'urubanza basanga barivuguruje bandika ko MUTIMURA atsinzwe ariko ahawe metero ijana ku ijana. Abatanze ikirego ni ho bahereye bavuga ko imikirize y'urwo rubanza irimo uburiganya bwinshi kuko abacamanza baruciye babogamiye ku nyungu za mugenzi wabo MUTIMURA Frédéric,umucamanza mu Rukiko rwa Kanto ya Nyabisindu.

Komisiyo yagiye mu rukiko rwa mbere rw'iremezo rwa Butare ku wa 16 Ukwakira 2002 isanga Urukiko rwaragiye aho ikiburanwa kiri nyuma yo gusomera ababuranyi bombi bituma MUKANDOLI Godelieve n'abavandimwe be bari bazi ko batsinze badasaba iseswa ry'urubanza mu gihe giteganywa n'amategeko kuko ingingo zitabanyuze bazisanze muri kopi y'urubanza nyuma .

Komisiyo kandi yaje kumenya ko MUTIMURA Frédéric yasabye iseswa ry'urubanza rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Butare tubimenyesha MUKANDOLI Godelieve ngo bakurikirane na bo mu Rukiko Rusesa Imanza.

Komisiyo irasaba urukiko rw'ikirenga gukurikirana imikorere mibi n'ibivugwa ku bacamanza bamwe na bamwe kugira ngo bafatirwe ingamba mu maguru mashya. Komisiyo irasaba kandi inzego zibishinzwe kwihutira gukemura kiriya kibazo.

Komisiyo ikomeje gukurikiranira hafi iby'urwo rubanza.

13. Urubanza rwa NYIRANSABIMANA Josiane.

NYIRANSABIMANA Josiane akomoka mu Kagari ka Gihinga, Umurenge wa Rwinkwavu, Akarere ka Cyarubare, Intara ya Kibungo. Kuva ku wa 15 Ukuboza 1998, uwo mukobwa afungiye muri gereza yo muri iyo Ntara aregwa kuba yarabyaye umwana akamwica.

Ubwo Komisiyo yasuraga Gereza ya Kibungo muri Gashyantare 2002, yasanze NYIRANSABIMANA Josiane amaze imyaka irenga itandatu afunzwe ataburanishwa. Ku wa 19 Mutarama 2002, Pariki ya Kibungo yashyikirije dosiye ye Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo.

Komisiyo yakurikiranye iyo dosiye yahawe n° RMP85422/S3/ND/BC na RP17192/R56/MR/Kgo mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kibungo isanga itarigeze ihabwa umunsi wo kuburanishwa. Komisiyo yasabye urukiko ko urwo rubanza rwaburanishwa vuba, umunsi w'iburanishwa ushyirwa ku wa 26 Mata 2002.

Uwo munsi ugeze urukiko rwaramuburanishije rumukatira igihano cy'igifungo cy'imyaka icyenda.

Icyakora Komisiyo iranenga cyane ko NYIRANSABIMANA Josiane yari amaze igihe kirere cyane afunzwe ataburanishwa, ibi bikaba byaramuvukije uburenganzira bwe bwo kuburanishwa mu gihe giciriritse.

14. Urubanza rwa NYIRAMAHANE Claudine.

NYIRAMAHANE atuye ku Murenge wa Kaniga, mu Karere ka Rushaki ho mu Ntara ya Byumba.

NYIRAMAHANE yagejeje ikirego cye kuri Komisiyo ku wa 9 Gicurasi 2002 ayisaba kumufasha gukurikirana urubanza n° RP 876/XXII/2000/BY RMP n° 107/S3/CT/NTI aregamo BUSIHA Damascène, NTUYENABO Canisius, HAKIZIMANA na BITWIROMUNDA James kuba barishe umugabo we mu mwaka w'2000 bagacikira i Bugande. Ikibazo cye cyari uko yahoraga yitaba ku Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Byumba kugira ngo asomerwe ariko iryo somerwa rigahora risubikwa.

Mu gukurikirana icyo kirego, Komisiyo yasanze cyaratinze kuburanishwa, bityo isaba urukiko ko rwarusoma. Isomwa ry'urwo rubanza ryashyizwe ku wa 4 Kamena 2002. Uwo munsi rwarasomwe

NYIRAMAHANE agenerwa indishyi y'amafaranga miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana umunani (2.800.000 FRw).

Abaregwa, n'ubwo bahungiye I Bugande, buri wese bamukatiye igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'ihazabu y'ibihumbi cumi.

15. Urubanza rwa NYIRABATAGANDA.

NYIRABATAGANDA atuye mu Kagari ka Rugaragara, Umurenge wa Buremera mu Mujyi wa Gikongoro.

Ku wa 15 Mata 2002 MUKANKOMEJE Sitefaniya yagejeje kuri Komisiyo ikibazo cya nyina NYIRABATAGANDA watsinze MUKANKUNDIYE na RURANGWA mu rubanza n° RC 084/01/2000 rwaciwe ku wa 29 Gicurasi 2000 n'Urukiko rwa Kanto ya Nyamagabe no mu rubanza n° RCA 1231/03/2000 rwaciwe ku wa 26 Kamena 2001 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro, akabatsindira inka eshatu.

Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro rwanze kururangiza kubera kurwitiranya n'urubanza n° RC 24593 rwaciwe ku wa 22 Kamena 1996 n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali rwahaye MUHOZA Angélique, umwuzukuru wa NYIRABATAGANDA uburenganzira bwo kuzungura se NTAMUHANGA.

Komisiyo imaze gusoma imikirize y'izo manza zombi igasanga ntaho zihuriye, n'ubwo MUKANKOMEJE Sitefaniya ari nyirasenga wa MUHOZA Angélique, yagiye kubonana na Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro imwereka ko NYIRABATAGANDA akwiye guhabwa inka yatsindiye uko ari eshatu.

Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Gikongoro nawe asanze ari ukuri, yajyanye n'abahesha b'inkiko kurangiza urubanza ku wa 23 Nzeri 2002. Uwo munsi NYIRABATAGANDA yahawe inka imwe izindi basanze zarahishwe.

16. Urubanza rwa MUKAKAYUMBA Annonciata.

MUKAKAYUMBA atuye mu Kagari ka Kiniha, Umurenge wa Bwishura mu mujyi wa Kibuye

MUKAKAYUMBA yagejeje ikirego cye kuri Komisiyo ku wa 14 Nzeri 2001 avuga ko KARANGWA Petero wari umusirikare akaba n'umuyobozi w'icyahoze ari Komine Rutsiro yamurashe ukuguru ku wa 14 Kanama 1998 amusanze mu Kagari ka Kiniha.

MUKAKAYUMBA yareze KARANGWA muri Pariki ya Kibuye ntibyagira icyo bitanga ahubwo baramucecekesha banamutegeka gutanga imbabazi ku ngufu, ndetse na Pariki Nkuru mu Rukiko rw'Ikirenga yarayiregeye ariko KARANGWA afungwa iminsi 15 gusa muri gereza ya Kibuye hanyuma arafungurwa.

Komisiyo yamugiriye inama yo kujya kumurega mu rukiko rwa Gisirikare arabikora, baraburana aramutsinda, urubanza n° RMP 4902/S1/AM/KGL/HA/2001 RP 1020/CG/2001 rusomwa ku wa 18 Mutarama 2002, urukiko rutegeka KARANGWA guha MUKAKAYUMBA indishyi zingana n'amafaranga ibihumbi magana abiri na mirongo itanu (250000 FRw) runamukatira igihano cy'igifungo cy' imyaka 5 n'amezi 2.

Komisiyo irasanga Pariki zaratumye urubanza rutinda kuko zitayoboye MUKAKAYUMBA Annonciata ngo amenye aho akwiye kuregera.

Mu gihe cyo kwandika iyi raporo, ntabwo urubanza rwigeze rujuririrwa.

c. Ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu rikorwa n'ubuyobozi bwa gisiviri.

1. Ikirego cya NSENGIYUMVA Védaste.

Ikibazo cya NSENGIYUMVA Védaste utuye mu Kagari ka Murambi, Umurenge wa Rusheshe mu Karere k'Umujyi wa Kabuga, mu Ntara ya Kigali Ngari cyageze kuri Komisiyo ku wa 27 Werurwe 2002 kizanywe n'umugore we, MUKAMPARIRWA Venansiya wasabaga ko Komisiyo yamufasha gushakisha umugabo we wabuze kuva ku wa 5 Werurwe 2002. MUKAMPARIRWA Venansiya yavugaga ko umugabo we yatwawe na "Local Defense Forces" witwa HABIYAREMYE baturanye, akamushyikiriza Sitasiyo ya Polisi ya Kabuga, MUKAMPARIRWA akaba yarazengurutse Sitasiyo za Polisi zose z'ako karere, ntagire n'imwe amusangamo.

Ku wa 5 Gicurasi 2002, Komisiyo yavuganye n'ubuyobozi bwa Polisi muri Kigali Ngari, buyibwira ko NSENGIYUMVA Védaste afungiye muri Gereza Nkuru ya Kigali, ashinjwa icyaha cyo kuvutsa igihugu umudendezo (ubucengezi). Nyuma Komisiyo yagiye kuri Gereza Nkuru ya Kigali kureba koko niba NSENGIYUMVA ahafungiye, isanga ahari, ibimenyesha MUKAMPARIRWA Venansiya.

Komisiyo isanga Polisi y'igihugu igomba kujya imenyesha bene umuntu ukekwaho icyaha wafashwe aho afungiye mu gihe gikwiye, kugira ngo bamusure.

Byongeye kandi, NSENGIYUMVA Vedaste akwiye gushyikirizwa inkiko vuba, yahamwa n'icyaha akabihanirwa nk'uko amategeko abiteganya, kitamuhama kandi nabwo akarekurwa.

2. Ihungabana ry'umutekano wa HARATWIMANA Justin.

Ikibazo cya HARATWIMANA Justin ukomoka mu Karere ka Shyorongi, Umurenge wa Rwahi Akagari ka Nyarunyinya akaba ari umukozi wa Banki y'Abaturage ya Shyorongi cyagejejwe muri Komisiyo n'umugore we, UWERA Chantal, wandikiye Komisiyo ku wa 29 Werurwe 2002 ayimenyesha ko umugabo we afite umutekano muke, ibyo bikaba byaratangiye ku wa 3 Ugushyingo 2001 ubwo

yaterwaga n'abantu bitwaje intwaro bakamukura mu kabari hafi y'iwe, bamugeza imbere bakamurasa amasasu atatu bakamusiga aho bazi ko yapfuye. Abantu barahuruye basanga agihumeka bamutwara kwa muganga ku Bitaro Bikuru bya Kigali (C.H.K.) aho yamaze amezi abiri. Kuva ubwo rero ntiyigeze yumva afite amahoro cyane cyane ko n'inzego zishinzwe umutekano zagerageje gushaka abo bagizi ba nabi ntibashobore kugira uwo bamenya.

Komisiyo yabonanye na HARATWIMANA Justin ayibwira ko yacitse iwe kubera ko yumvise "Local Defence Forces" abwira abandi ngo "HARATWIMANA ntabacike". Yongeyeho ko kuva ubwo yahungiye mu kibaya cya Nyabarongo, aza kuhava ahungira mu Gatsata.

Komisiyo yagiye mu Karere ka Shyorongi ku wa 5 Mata 2002 ibaza abayobozi n'abaturage banyuranye, bose bayibwira ko batazi impamvu yarashwe n'abamurashe. Abayobozi b'ako karere bavuga ko icyo kibazo bacyumva ariko ko nyir'ubwite atigeze akibagezaho.

Komisiyo isanga HARATWIMANA Justin yararenganyijwe kuko yarashwe, n'abamurashe ntibamenyekane. Komisiyo irasanga bibabaje kubona inzego z'ubuyobozi zararangaranye ikibazo nka kiriya cy'umutekano w'umuturage. Komisiyo kandi irasanga ubuyobozi bw'Akarere ka Shyorongi bugomba gukurikirana ikibazo cya HARATWIMANA Justin kuko bwakimenye kandi bukita ku mutekano we.

d. Ihohoterwa ry'abatangabuhamya ku itsembabwoko.

1. Ihohoterwa rya BAZARAMA Marie.

BAZARAMA Marie yandikiye umuhuzabikorwa w'Akarere ka Buriza ku wa 14 Kanama 2002 agenera kopi Komisiyo, ihagera ku wa 21 Kanama 2002. Muri urwo rwandiko rwe, avuga ko yameneshejwe aho akomoka n'abaturanyi barimo basaza be babifashijwemo na RUGWIZA Frodouald, umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Ntarabana. BAZARAMA Marie abarizwa mu Kagari ka Kinunga i Rugazi, ku Murenge wa Ndera, Umujyi wa Kabuga, mu Ntara ya Kigali Ngari. Avuka mu Kagari ka Mubuga, Umurenge wa Ntarabana, mu Karere ka Buriza, mu Ntara ya Kigali Ngari.

BAZARAMA Marie avuga ko atotezwa kubera ko yafashije abacitse ku icumu gushinja abo yiboneye mu bikorwa by'ubwicanyi mu gihe cy'itsembabwoko ryo muri Mata 1994. Avuga ko uko abahuzabikorwa bose bagiye basimburana yagiye abaregera, ariko aho kumukemurira ikibazo ahubwo bakamufunga bavuga ko ateza umutekano muke afungisha abantu. Yabanje guhungira ahitwa ku Rugogwe, muri uwo Murenge wa Ntarabana, bukeye RUGWIZA Frodouald amumereye nabi ahungira i Gitega, mu Karere ka Nyamirambo, aho yavuye mu Ukuboza 2001 ajya aho atuye ubu, i Ndera. BAZARAMA Marie avuga kandi ko aho ahungiye yagerageje guhingisha imirima ye ariko nta na rimwe yabashije gusarura kuko basaza be n'abaturanyi babyisaruriraga. Aha yatanze urugero aho ku wa 23 Nyakanga 2002, abitwa NKUNZIYAREMZE, KABERUKA na MUKURIZAKURINDA bateye NYIRAMUNYINYA Marthe wari wamubikiye amasaka, barayatwara bavuga ngo abitse ibintu by'umugome.

Ku wa 16 Ukwakira 2002, Komisiyo yabonanye n'abantu bamwe na bamwe bo mu Kagari ka Mubuga, bemeza ko abaturage bako bamwijunditse kubera ko yashinje abantu benshi, ko ibyo avuga yabibonye kuko atihishaga kandi ko RUGWIZA Frodouald atifuza ko yakomeza gutura ku murenge ayobora.

Komisiyo yabonanye na RUGWIZA Frodouald ayibwira ko BAZARAMA Marie ari umubeshyi yamariye abantu muri gereza kandi ko arangaza ubuyobozi, ngo ni umuntu udashoboka akwiye gufatirwa ibyemezo.

Ku wa 31 Uwakira 2002, Komisiyo yabonanye na MBAGA Kizito wigeze kuba "sous-Préfet" wa Mugambazi ayibwira ko ikibazo cya BAZARAMA Marie akizi neza ko yatotejwe kuva kera, ko we ubwe yigeze kujya kumushakira aho acumbika bamumenesheje iwe.

Ku wa 12 Ugushyingo 2002, Komisiyo yabonanye n'umuhuzabikorwa w'Akarere ka Buriza ndetse n'umukuru wa Polisi waho ayibwira ko icyo kibazo akizi kandi ko BAZARAMA Marie bamuhohoteye, ko bafite ingamba yo kujya kuri uriya murenge bakaba bakumvisha umuhuzabikorwa wawo ko BAZARAMA Marie afite uburenganzira bwo kuhatura. Umuhuzabikorwa w'akarere yavuze ko agiye kwita kuri icyo kibazo, ko hagati aho yabaye agishinze Polisi.

Komisiyo isanga BAZARAMA Marie yaravukijwe uburenganzira bwe bwo gutura aho ashaka n'ubwo kutamburwa umutungo we. Ikindi kandi RUGWIZA Frodouald, nk'umuyobozi, yarakwiye gufatirwa ibyemezo bihamye kubera ko ahungabanya umutekano w'abaturage ashinzwe kuyobora.

Komisiyo isanga BAZARAMA Marie atagomba kuzizwa ko yatanze ubuhamya ku itsembabwoko ryakorewe mu Karere ka Buriza, abayobozi bako bakaba basabwe kwita by'umwihariko ku mutekano we kandi agasubizwa ibye.

2. Ihohoterwa ry'abatangabuhamya ku itsembabwoko mu Ntara ya Gikongoro

Komisiyo yagiye ku Gikongoro kuva ku wa 8 kugeza ku wa 10 Nyakanga 2002, ihagurukijwe n'ibibazo by'abacitse ku icumu ry'itsembabwoko byari byagejejwe muri Komisiyo, ku wa 19 Kamena 2002, n'abakozi bayihagariye muri iyo ntara. Bamwe mu bahohotewe ni aba bakurikira : KANKUYO Daforoza, NYIRABANDA Imakulata, abahungu be babiri AMBASADERI na HABIYAREMYE Yohani Damaseni n'umukazana we NYIRAKAMANA Venansiya, NYIRABOYI Marigarita na MUKANKWIRO Forolida.

- **Ihohoterwa rya KANKUYO Daforoza.**

Ku wa 8 Nyakanga 2002, Komisiyo yabonanye na KANKUYO Daforosa, umugore wa NTAMUHANGA Athanase, utuye mu Kagari ka Munombe, Umurenge wa Gasaka, mu Karere k'Umujyi wa Gikongoro, mu Ntara ya Gikongoro, ayibwira ko aho hatangiriye kuvugwa Inkiko Gacaca ari bwo batangiye gutotezwa. Batewe incuro 4 : mu kwezi k'Ukuboza 2001, muri Mutarama, muri Mata no muri Gicurasi 2002, barabakubise barabakomeretsa cyane, babatwara amatungo magufi andi barayatema, babatwara imyaka n'ibikoresho byo mu nzu byose.

Ubwo baterwaga ku ncuro ya gatatu, byatumye bata urugo rwabo bajya gukodesha inzu ku muhanda, ariko na ho barahabateye. Impamvu ari bo baterwa bonyine, ngo ni uko ababatera batinya ko bazabashinja mu nkiko Gacaca, kuko banashinje bamwe mu bicanye mu itsembabwoko ryo muri Mata 1994 mu nkiko zisanzwe. Yongeyeho ko abayobozi bose nta kintu na kimwe bakoze kugira ngo babarenganure, basa n'aho batabyitayeho.

Komisiyo yabajije abahuzabikorwa, uw'Akagari ka Bihanga n'uw'Umurenge wabo wa Gasaka, ibyerekeranye n'iryo hohoterwa bavuga ko bazira kuba bakekwa ho kuzashinja abishe abantu mu itsembabwoko ryo mu mwaka w'1994.

- **Itotezwa rya NYIRABARINDA Imakurata n'umuryango we.**

NYIRABARINDA Imakurata, abahungu be babiri, AMBASADERI na HABIYAREMYE Damascène, ndetse n'umukazana we, NYIRAKAMANA Venansiya, batuye mu Kagari ka Bihanga, Umurenge wa Gasaka mu Mujyi wa Gikongoro, mu Ntara ya Gikongoro. Ku wa 8 Nzeri 2002, Komisiyo yabonanye na NYIRABARINDA n'umukazana we NYIRAKAMANA Venansiya, bayibwira ko batewe ku wa 5 Gicurasi 2002. Ababateye ngo barabakubise barabakomeretsa cyane, babatwara ibintu byose byo mu nzu, batema n'intama yabo bayisiga yapfuye. Icyo gihe ngo bashakaga cyane cyane HABIYAREMYE Damascène kuko yatorewe ubunyangamugayo mu nkiko Gacaca.

NYIRABARINDA Imakurata n'umukazana we bavuga ko muri ako gace kabo, bamaze gutera ingo z'abacitse ku icumu zigera kuri eshanu, ngo kuko bamwe mu baturanyi babo batifuza ko Gacaca yatangira bakiriho kuko batinya ko bazabashinja muri izo nkiko.

Komisiyo yabonanye n'umukuru wa Polisi ku Gikongoro ayibwira ko yandikiye ubuyobozi bw'Umujyi wa Gikongoro n'ubw'iyo Ntara ibaruwa n° 040/61/PPC/602 yo ku wa 17 Gicurasi 2002 abasaba gukoresha inama ku Murenge wa Gasaka ariko ntibamusubiza maze ahitamo gukoresha inama ubwe atari kumwe n'abo bayobozi.

Komisiyo yabonanye kandi n'abahuzabikorwa, uw'Akagari ka Bihanga n'uw'Umurenge wa Gasaka, bombi bemeza ko uriya muryango ukomeje gutotezwa kubera ko ushobora kuzashinja abantu bagize uruhare mu bwicanyi bwo mu itsembabwoko ryo mu mwaka w'1994. Bavuze kandi ko batanze raporo kuri icyo kibazo ariko ubuyobozi bw'umujyi ndetse n'ubw'Intara ntibugire icyo bukora kuri icyo kibazo.

Komisiyo yanabonanye n'umuhuzabikorwa w'Umujyi wa Gikongoro ayibwira ko iryo hohoterwa ry'abo baturage bo mu Murenge wa Gasaka atarimenye, avuga kandi ko itegeko ryashyizeho Polisi ryabambuye ububasha bwo guhana bigatuma abagizi ba nabi bakora ibyo bishakiye ndetse n'abo ubuyobozi bushyikirije Polisi igahita ibarekura.

- **Ihohoterwa rya NYIRABOYI Marigarita na MUKANKWIRO Florida.**

Ku wa 9 Nyakanga 2002, Komisiyo yabonanye na NYIRABOYI Marigarita na MUKANKWIRO Florida abapfakazi b'itsembabwoko batuye mu Kagari ka Nyagishumbu, Umurenge wa Ngara, Akarere ka Karaba, mu Ntara ya Gikongoro, bayibwira ko muri Mata 2002, abantu babateye bagafata inka bombi basangiye yari mu kiraro bakayica ihembe. Babajijwe impamvu aribo batotezwa, basubiza ko ababatera babaziza gutinya ko bazabashinja muri Gacaca igihe izaba yatangiye.

Komisiyo yabonanye n'umuhuzabikorwa w'Akagari ka Nyagishumbu NYIRABOYI na MUKANKWIRO batuyemo, ayibwira ko ubwe yakoze raporo yemeza iryo hohoterwa akayiha umuhuzabikorwa w'umurenge ntagire icyo abikoraho.

Komisiyo yabonanye kandi n'umwe mu bayobozi bungirije umukuru w'Akarere ka Karaba ayibwira ko icyo kibazo cy'ihohoterwa ry'abacitse ku icumu gihari.

- **Ibibazo bivugwa mu Murenge wa Kirambi.**

Ku wa 9 Nyakanga 2002, Komisiyo yabonanye n'umwe mu bayobozi b'Umurenge wa Kirambi, mu Karere ka Karaba, ayibwira ko hari abantu bagiye bapfa mu buryo butunguranye kandi budasobanutse bavuye gushinja abicanye, hakaba hari abakeka ko baba barararozwe. Abo ni: KAMANA Yozefina, KANAKUZE Kirisitina, SEHENE Pasikari n'UWIZEYIMANA Yozefa.

Uwo muyobozi yanabwiye Komisiyo ko iyo yatanze raporo kuri iryo hohoterwa ubuyobozi bw'akarere bubifata nko gukabya, ntibubihe uburemere bikwiye ngo bubyiteho. Kuri iki kibazo Komisiyo izakomeza gukora iperereza kugira ngo imenye ukuri kw'ibivugwa.

Icyakora, Komisiyo iratangazwa n'uko aba bantu bose batewe kandi ntibatabarwe. Biragaragara kandi ko yaba Polisi cyangwa se inzego z'ubuyobozi ntawagize icyo amarira abo baturage bazira kuba bazatanga ubuhamya muri Gacaca.

Ihereye kuri izongero zose zimaze gutangwa, Komisiyo iributsa ubuyobozi bw'Intara na Polisi bya Gikongoro kwita ku mutekano w'abatangabuhamya mu manza z'Inkiko Gacaca no kurushaho gufatanya mu gukemura ibyo bibazo.

e. Ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu butegetsi bwa gisirikare.

1. Ikirego cya MUREMYANGANGO Tito.

MUREMYANGANGO Tito ni umusiviri, ukomoka mu Ntara ya Butare, afugiye muri Gereza ya Gisirikare yo ku Murindi, mu Karere ka Kanombe, Umujyi wa Kigali. Ikibazo cye cyagejejwe kuri Komisiyo n'umuvandimwe we, KARASIRA Jean Damascène, ku wa 20 Ukuboza 2001.

KARASIRA Jean Damascène yabwiye Komisiyo ko kuva ku wa 19 Mutarama 2001, MUREMYANGANGO Tito yari afungiye muri kasho ya Polisi ya Gisirikare (Military Police) i Kanombe, akaba yari afite impungenge z'uko atashoboraga gusurwa aho yari afungiwe.

Ku wa 21 Mutarama 2002, Komisiyo yagiye kuri Military Police ibonana na MUREMYANGANGO Tito ayibwira ko afunzwe azira kuba yari mu gaco kibishaga intwaro nyamara abasirikare bafatanyije icyaha bo bafungiye muri Gereza ya Murindi, mu Karere ka Kanombe.

Komisiyo yasabye ubuyobozi bwa Military Police ko MUREMYANGANGO Tito yafungirwa hamwe n'abandi kandi agahabwa uburenganzira bwo gusurwa. Ubwo buyobozi bwarabyemeye maze bumujyana gufungirwa hamwe n'abo bakoranye icyaha ku wa 22 Mutarama 2002.

Komisiyo isanga MUREMYANGANGO Tito yararenganye kuko yamaze igihe kirenze umwaka afungiye muri kasho ya gisirikare, adasurwa, atabazwa ngo afungirwe muri gereza izwi yemewe n'amategeko. Komisiyo irasaba kandi ko MUREMYANGANGO yashyikirizwa urukiko agacirwa urubanza bidatinze.

2. Ibura rya Serija BUDARI François.

Serija BUDARI François ni umusirikare wari mu ngabo zahoze ari iz'Inkotanyi (A.P.R.), wabarizwaga muri Brigade ya 301, yahuzaga Butare, Gikongoro na Cyangugu. UWIMANA Monique, nyina wa Serija BUDARI François yandikiye Komisiyo ku wa 24 Mutarama 2002 ayimenyesha ibura ry'umuhungu we bakeka ko yaba yarahotowe n'abasirikare bamuyoboraga.

Serija BUDARI ngo yabanje gufungwa na Kapiteni NTAMBARA Frank kuva ku wa 1 Mutarama 1998 amuziza ko ngo asuzugura abamuyobora. Colonel BAGIRE yaramufunguye muri Werurwe 1998 asubizwa mu mutwe w'abasirikare yakoreragamo ku Gikongoro. Agezeyo Kapiteni NTAMBARA yarasubiriye aramufunga ku wa 3 Mata 1998. Ajida KAREMERA Emmanuel yatumije Serija BUDARI François ngo amukorere inyandikomvugo ku wa 10 Gicurasi 1998, mu gihe yamubazaga ngo yasize amufungiranye mu nzu yamubarizagamo, ajya kwitaba telefoni, agarutse asanga Serija BUDARI François yamennye urugi aracika.

Kapiteni NTAMBARA Richard na Ajida KAREMERA Emmanuel barafashwe barafungwa bakekwaho kuba ari bo bagize uruhare mu ibura rye, baraburana, Urukiko rwa Gisirikare rubagira abere ku wa 11 Mutarama 2002 mu rubanza n° R.M.P.4064/S1/A.M./Kgl/99, R.P. 1120/C.G./2001 ruvuga ko nta bimenyetso bibahamya icyaha.

Komisiyo yabonanye n'UWIMANA Monique ku wa 15 Mutarama 2002 , ayibwira ko atigeze ajuririra ruriya rubanza kuko ubushinjacyaha bwaburanye bukaba ari nabwo bwagombaga kujurira. Ku wa 7 Gashyantare 2002 UWIMANA Monique yagejeje kuri Komisiyo kopi y'imikirize y'urubanza. Komisiyo yifuje kumenya impamvu Parike itajuriye, ibonana n'ubuyobozi bukuru bwa Parike za gisirikare, ku wa 12 Gashyantare 2002, buyibwira ko butajuriye kuko nta bindi bimenyetso bwabonye, ariko bwemera ko hagize uwashaka kujurira mu muryango we bwamufasha.

Komisiyo yagiriye inama umuryango wa Serija BUDARI François kujurira maze MUGIRANEZA Jean Michel, murumuna we, ajurira ku wa 7 Gashyantare 2002. Ubu ategereje kuburana kandi Ubushinjacyaha Bukuru bwa Gisirikare bwemeye kuza mu rubanza.

Komisiyo irasanga Kapiteni NTAMBARA yaratoteje bikabije Serija BUDARI François akaba ari na yo ntandaro y'ibura rye ; bityo ikaba isaba inzego zibishinzwe gusuzuma icyo kibazo no gufata ibyemezo bya ngombwa maze nyina wa BUDARI François akarenganurwa kandi n'ababigizemo uruhare bakabiryozwa.

Komisiyo izakomeza gukurikirana iki kibazo.

3. Kwimwa uburenganzira bwo gusurwa kwa Serija ZIRIMWABAGABO Samuel.

Serija ZIRIMWABAGABO Samuel akomoka mu Karere ka Kanombe, Umurenge wa Kanombe, Akagari ka Kamashashi akaba afungiwe muri Military Police i Kanombe ashinjwa itsembabwoko. Umugore we NYIRANTEZIRYAYO Violette yandikiye Komisiyo ku wa 11 Mata 2001 avuga ko umugabo we yafashwe na Military Police agafungirwa mu kigo cya Kanombe akaba yari amaze iminsi amusura ntamubone kandi mbere baramumuhaga.

Komisiyo yagiye muri Military Police i Kanombe tariki ya 21 Mutarama 2002 ibonana na Sous-Lieutenant MUNGWARAKARAMA Emmanuel ushinzwe abafungwa, ayimenyesha ko ZIRIMWABAGABO Samuel ahari kandi ameze neza. Komisiyo yifuje kumenya impamvu umuryango we umusura ntumubone imenyeshwa ko yari amaze iminsi Arusha aho yari yaragiye gushinja abakoze itsembabwoko bafungiyeyo. Sous-Lieutenant MUNGWARAKARAMA Emmanuel yaneretse Komisiyo impapuro z'inzira za ZIRIMWABAGABO Samuel aranamuzana abonana nayo, isanga ari muzima.

Komisiyo yabimenyesheje umugore we arasubira aramusura. Aha Komisiyo iributsa ko umuntu wese ufunze afite uburenganzira bwo gusurwa n'umuryango we.

4. Kutakira isaba ry'iseswa ry'urubanza rwa Sous-Lieutenant MAHORO Oreste.

Sous-Lieutenant MAHORO Oreste ni umusirikare mu ngabo z'igihugu, ufungiye muri Gereza ya Gisirikare ku Murindi ashinjwa kuba yarishe umugore we DUSINGIZENYIRIGIRA Denyse. Sous-Lieutenant MAHORO Oreste yandikiye Komisiyo ku wa 30 Nzeri 2000 ayisaba ko yamurenganura kuko yasabye iseswa ry'urubanza urukiko rukanga kwakira ikirego cye.

Komisiyo yabonanye na Sous-Lieutenant MAHORO Oreste ku wa 21 Mutarama 2002 ayibwira ko umugore we yirashishije imbunda y'akazi yari yabitse mu cyumba bararamo, we ari kumwe n'abana babaga iwe mu cyumba cy'uruganiriro. Amaze gushyikirizwa inzego za gisirikare zishinzwe ubutabera ngo yaraburanye atsindira mu Rukiko rwa Gisirikare maze arafungurwa. Parike ya Gisirikare yajuririye urwo rubanza, aburanira bwa kabiri mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare, aratsindwa akatirwa igifungo cya burundu, arongera arafatwa arafungwa.

Sous-Lieutenant MAHORO yasabye iseswa ry'icyo cyemezo mu Rukiko Rusesa Imanza ntirwaryakira ruvuga ko igihe cyo kurisaba cyarenze, nyamara yasabye iseswa ku munsi wa 29 kandi itegeko riteganya iminsi 30 (ingingo ya 89 y'itegeko ryo ku wa 23 Gashyantare 1963 rihindurwa n'itegeko n° 17/85 ryo ku wa 31 Nyakanga 1985 n'itegeko ngenga n° 7/96 ryo ku wa 6 Kamena 1996). Urukiko rusesa imanza rwo rwanze kwakira iseswa ruvuga ko iminsi 10 yari yarenze.

Komisiyo yagiye mu Rukiko Rusesa Imanza isanga bemera iminsi icumi yo gusaba iseswa nk'uko itegeko ryo 1963 rishyiraho Urukiko rw'Ikirenga ribivuga, naho Urukiko rw'Ubujurire rukaba rwaranditse kuri matorewa y'urubanza rwa MAHORO ko iyo minsi ari mirongo itatu.

Komisiyo irasanga MAHORO yaravukijwe uburenganzira bwe biturutse ku makosa y'abacamanza. Kuba kuri matolewa y'urubanza rwe hari handitseho ko umunsi wo gusaba iseswa ry'urubanza ari iminsi mirongo itatu akaba ari yo ntandaro yo kutakira ikirego cye kandi nta ruhare na ruto yabigizemo. Komisiyo irasaba Urukiko rw'Ikirenga gukurikirana icyo kibazo, MAHORO Oreste akarenganurwa.

5. Ifungwa rya MUTEBUTSI Justin.

MUTEBUTSI Justin ni umuturage ukomoka mu Ntara ya Ruhengeri, Akarere ka Nyarutovu, Umurenge wa Gihinga, Akagari ka Rugendabari. Ikibazo cya MUTEBUTSI cyagegejwe muri Komisiyo na se, SEBANYANA Hesroni, wayandikiye ku wa 28 Gashyantare 2002 ayisaba kumufasha kurenganura umwana we ufungiye muri gereza ya gisirikari yo ku Mulindi wa Kanombe. MUTEBUTSI yafunzwe kuva ku wa 5 Kamena 2001 ashinjwa ko yaba yaribye icyombo cya gisirikare cya Serija Majoro BIGOGA Emmanuel. MUTEBUTSI yari amaze umwaka afunzwe kandi ataranyuzwa mu nama y'abacamanza, ataranaburana.

Komisiyo yasuye MUTEBUTSI ku wa 26 Mata 2002 ayibwira ko bamushinja ibinyoma. Uwo munsi kandi Komisiyo yabonanye n'ushinzwe kwakira ibibazo by'abaturage muri Parike ya Gisirikare maze ayibwira ko anketi ku kibazo cya MUTEBUTSI zigikomeza, ko mu minsi mike azahamagarwa kuburana. MUTEBUTSI ntiyaburanye ahubwo, ku wa 7 Kanama 2002 yarafunguwe.

Komisiyo isanga kuba MUTEBUTSI Justin yarafunzwe amezi cumi n'atatu, nta rupapuro rusaba gufata (mandat d'arrêt), nta nama y'abacamanza yigeze anyuramo (chambre du conseil) ndetse akanafungurwa ataburanye yarahohotewe na Parike ya Gisirikare.

Komisiyo isanga kandi ko kuba MUTEBUTSI yarafungiwe muri gereza ya gisirikare bitumvikana kuko ari umusiviri akaba kandi atanakurikiranyweho ubufatanyacyaha n'umusirikari.

6. Urupfu rwa MURENGERA Félix.

UWIHANGANYE na NDAHIMANA ni abayobozi b'inzego z'ibanze mu Murenge wa Gasave, Akarere ka Budaha mu Ntara ya Kibuye.

Ku wa 11 Werurwe 2002 bariya bantu bavuzwe haruguru bagejeje kuri Komisiyo ikibazo cy'umwarimu witwa MURENGERA Felegisi wo muri uwo murenge wishwe, muganga yamupima akemeza ko afite ibimenyetso bigaragaza ko yahotowe, ariko Polisi y'i Budaha ikavuga ko yo ntacyo yabikoraho, ko umuntu yazize uburwayi busanzwe bw'impyiko.

NDAGIJIMANA n'UWIHANGANYE bagiye kubibwira ubuyobozi bw'Akarere nabwo ntibwagira icyo bubikoraho.

Komisiyo yavuganye n'ubuyobozi bwa Polisi ibyerekeranye n'icyo kibazo maze kirakurikiranwa ku buryo abakekwa ho kuba barishe MURENGERA bafashwe bagashyikirizwa ubushinjacyaha ndetse na BAHATI, umupolisi wagize uruhare mu kudasobanuka kw'icyo kibazo, akaba yarabihaniwe.

Abafunzwe bakekwa kuba barishe MURENGERA Felegisi ni RUBARI Vincent, TWAGIRAYEZU Innocent, NTAHONKIRIYE, UWABAZUNGU Cyriaque, Léoncie Komisiyo itashoboye kumenya irindi zina na NYIRABUDOGO Alexia ukekwaho kuba yaragambaniye MURENGERA Felegisi kuko yashinjaga umugabo we ufunzwe, NSABIMANA Evariste, kuba yaragize uruhare mu itsembabwoko.

f. Ibirego by'abo Komisiyo yagiriye inama.

1. Ikirego cya KANAKUZE Donata.

KANAKUZE Donata, mwene MUGEMANA na MUKANTURO Bernadette utuye mu Kagari ka Karuruma, Umurenge wa Kacyiru, umujyi wa Kigali yandikiye Komisiyo ku wa 23 Ugushyingo 2001 ayisaba ko yamurenganura kuko yaburanye na nyina MUKANTURO mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali agatsindira ikibanza kiri ku Murenge wa Kacyiru kingana na metero 50 kuri 30 mu rubanza R.C. 26.371/97 ariko agahabwa metero 25 kuri 30 gusa.

Komisiyo yabonanye na Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali tariki ya 18 Mutarama 2002 ayereka ko mu ibaruwa yo ku wa 28 Kamena 2001 umuhesha w'urukiko yandikiye ubuyobozi bw'Akarere ka Kacyiru abusaba guhesha KANAKUZE ikibanza yatsindiye, ariko abo bayobozi bagiye kubikora basanze MUKANTURO yaragurishijeho igice kimwe kingana na metero 25 kuri 30 ndetse cyaramaze kubakwamo amazu, bakabura uburyo bagisubiza KANAKUZE.

Komisiyo yamugiriye inama yo gusubira mu rukiko akarega MUKANTURO kugira ngo amurihe ikibanza yagurishije.

2. Ikirego cya MUKAKIZIMA Beretilida.

MUKAKIZIMA Beretilida yandikiye Komisiyo tariki ya 17 Ukuboza 2001 asaba ko yafashwa kubona isambu yatsindiye ariko akaba atari yayihabwa. MUKAKIZIMA Beretilida ni mwene NDUTIYE na MUKAMUGENGA utuye mu cyahoze cyitwa Serire Kabere, Segiteri Gakomeye Komini Ngenda.

Komisiyo yagiye i Ngenda tariki ya 14 Mutarama 2002 kugira ngo irebe impamvu uyu muntu adahabwa ibyo amategeko amwemerera isanga ahubwo ikibazo cye kiri mu Rukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Nyamata kuko uwo baburanaga yajuriye akanatsinda ku buryo mu by'ukuri ntaho abashinzwe kurangiza imanza bamurenganyije, ahubwo habayeho kutamenya uko inkiko zikora cyangwa kudakurikirana urubanza rwe.

Komisiyo yamugiriye inama y'uko nawe yasaba iseswa ry'Urubanza rwaciwe n'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo kandi akabikora mu gihe giteganyijwe n'amategeko.

C. Isurwa rya kasho na gereza.

Mu rwego rwo gushaka kumenya ibibazo biri muri kasho, Komisiyo yasuye kasho na gereza zimwe na zimwe zo mu gihugu hagamijwe kureba imibereho y'abafungwa , uko uburenganzira bwabo bwubahirizwa n'ibibazo bindi bihari.

a. Kasho zasuwe.

- **Kasho za gisiviri.**

Mu Mujyi wa Kigali hasuwe kasho za Sitasiyo za Polisi ziri i Remera, i Gikondo, i Nyamirambo, ku Muhima, ku Gisozi, i Butamwa, ku Kicukiro n'i Kanombe. Ayo makasho yasuwe ku matariki ya 29 Nyakanga, 18 Kanama, 21 Kanama na 11 Nzeri 2002.

Mu Ntara ya Kigali Ngari, kuva ku wa 16 kugeza ku wa 19 Ukwakira 2002 hasuwe amakasho ya Sitayo na Poste za Polisi za Nyamata, Ngenda, Gashora, Tare, Shyorongi, Mbogo, u Buriza, Bicumbi, Gikoro, Gasabo, Musasa na Rushashi.

- **Kasho za Gisirikare.**

Ku matariki ya 7, 11, 12, 25 Ugushyingo na 13, 14 Ukuboza 2002, Komisiyo yasuye amakasho amwe n'amwe ya gisirikare ari mu Ntara z'igihugu. Ayasuwe ni aya akurikira : Military Police ya Kanombe, Kibuye, Gitarama, Umutara, Butare na Gikongoro.

Ibibazo rusange bigaragara muri ayo makasho:

- Abantu bafatwa bagafungwa hadakurikijwe amategeko.
- Ahenshi usanga abafunze batagira amadosiye yuzuye kubera impamvu zitandukanye, ubuke bw'abapolisi ku ma sitasiyo n'amaposte amwe n'amwe, ibikoresho bidahagije (imodoka cyangwa ipikipiki, impapuro zo gukoresha, imashini na "photocopieuse" n'ibindi …).

- Gutinda kubona amaraporo amwe n'amwe, bityo bigatuma amadosiye atinda gukorwa (urugero ni nk'icyemezo cya muganga wasuzumye umuntu).

- Abafungiye mu makasho ya gisiviri bose batungwa n'imiryango yabo ikaba ari na yo ibavuza iyo barwaye, nta nkunga ya Leta cyangwa y'imiryango ntera nkunga ibagereho.

- Isuku nke irangwa mu makasho, ibyo bikaba byabaviramo uburwayi bw'ingeri zose cyane cyane ko ahenshi bahamara igihe kirekire.

Ibibazo byihariye:

- Kasho ya Military Police ya Kanombe ifite abafungwa benshi cyane mu twumba duto.

- Kasho ya Gikoro nta mazi ifite hafi yayo, bityo bigatuma abafunze babura amazi yo kwisukura no gukora isuku muri rusange.

- Sitasiyo ya Polisi ya Kanombe n'iya Kicukiro zifungira abantu ku mirenge bakamaramo igihe, ibyo byagaragaye ku Murenge wa Kabeza n'uwa Kicukiro.

- Kasho ya Muhima, Bicumbi na Gikondo zifunze abanyamahanga batagira ababagemurira.

b. Gereza zasuwe.

- Kuwa 8 Kanama 2002 hasuwe gereza ya gisirikare ya Murindi.

- Tariki ya 28 Nzeri 2002, hasurwa gereza ya gisirikare ya Kibungo.

- Tariki ya 26 Mata 2002, hasuwe gereza ya Rilima.

- Tariki ya 24 Gicurasi 2002, hasuwe gereza ya Gisovu.

Ibibazo rusange byiganje muri ayo magereza :

- Ayo magereza yasuwe arangwamo umubare munini w'abantu badafite impapuro zibafunga by'agateganyo.

- Gucishwa mu nama y'abacamanza na byo nta bwo byubahirizwa. Muri Gereza ya Gisovu yo ngo nta n'ibyigeze bibayo.

- Hari abantu barekurwa n'inkiko ariko ntibafungurwe.

- Harimo n'abarangiza ibihano byabo bagatinda cyane kurekurwa.

- Gereza muri rusange zifungiwemo abantu benshi ugereranyije n'ubushobozi bwazo.

Ibibazo byihariye :

- Gereza ya Gisovu n'iya Rilima zirimo utwana duto twavukiyemo, nta mibereho dufite nk'iy'abandi bana.

- Iyo gereza iri kure cyane y'urukiko, ya parike n'ivuriro, bityo bigatuma kwivuza no gukurikirana amadosiye yabo bibagora.

- Gereza ya Rilima ifite ikibazo cy'abantu bahanwe binyuranyije n'amategeko, hari abana bari munsi y'imyaka 18 bahanishijwe igihano cy'urupfu. Abo bana ni NUWAYEZU Alphonse na NIYITEGEKA Alphonse.

*

* *

2.2.5. Uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'iterambere.

Mu rwego rw'iyubahiriza ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'amajyambere, Komisiyo yakurikiranye ibibazo yashyikirijwe n'abayigana, bimwe bifatirwa umwanzuro naho ibindi biracyakurikiranwa. Ibirego byagejejwe kuri Komisiyo byerekeranye n'ihohoterwa ry'uburenganzira ku mutungo (amazu, amasambu...), uburenganzira bw'abana, uburenganzira ku murimo, ubuzima, n'umuco.

a. Ibibazo byerekeye amazu n'amasambu.

Komisiyo yakurikiranye ibibazo bimwe bitari byararangiye mu mwaka w'2001 n'ibindi bishya yagejejweho mu mwaka w'2002.

1. Ikibanza n'inzu biburanwa na HARERIMANA Sylvestre na SINAMENYE Aboubacar.

Mu ibaruwa yo ku wa 11 Kamena 2002, HARERIMANA Sylvestre yagejeje kuri Komisiyo ikirego cyerekeranye n'inzu iri mu kibanza kiri mu mudugudu wa Gakoke, Umurenge wa Gatenga, Akarere ka Gikondo Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwashakaga kumusenyera. Bwana HARERIMANA Sylvestre yahawe ikibanza n'Umuhuzabikorwa w'umushinga T.T.P (Temporary tents project) yishyura amafaranga ibihumbi mirongo itatu (30.000 FRw) by'ingurane z'ibikorwa byari muri icyo kibanza abiherwa icyemezo (A QUI DE DROIT). Icyo kibanza cyaje kwishyurwa bwa kabiri na SINAMENYE Aboubakar kandi umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Gatenga, GATERA Félix yiyemerera ko yakoze amakosa yo kwakira ayo mafaranga nk'uko iperereza ryakozwe na Komisiyo ribigaragaza. Icyo kibanza cyateje amakimbirane hagati y'abo bagabo bombi cyakemuwe mu buryo buvuguruzanya n'ubuyobozi bw'inzego z''ibanze cyari cyagejejweho : Komite y'Akagari yemeza ko ikibanza ari icya SINAMENYE Aboubacar mu gihe Komite y'Umurenge wa Gatenga yemezaga ko ikibanza ari icya HARERIMANA Sylvestre.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gikondo bwemeje ko ikibanza ari icya HARERIMANA Sylvestre n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwabimumenyesheje mu ibaruwa yo ku wa 24 Nzeri 2001 yasinywe n'Umuyobozi wungirije w'Umujyi , Rusiha Gaston.

Komisiyo yakoze iperereza ku Murenge wa Gatenga muri MVK, ku baturage batuye muri uwo Mudugudu, no kuri HAVUGIMANA Emmanuel wahoze ari Umuhuzabikorwa w'Umushinga T.T.P watangaga ibibanza by'umudugudu wa Gakoke, bemeza ko icyo kibanza cyahawe HARERIMANA Sylvestre. Iperereza ryasanze HARERIMANA afite ibyangobwa byose by'ikibanza ariko inzu yazubatse ahereye ku gice SINAMENYE yari amaze gushyira muri icyo kibanza. HARERIMANA atuye muri iyo nzu n'umuryango we wose kuva mu mwaka w'2000.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali ibaruwa n° CNDH/421/03 yo ku wa 20 Gashyantare 2003, imusaba kureba uko yahagarika icyemezo

cyafashwe cyo gusohora mu nzu cyangwa gusenyera HARERIMANA Sylvestre nkuko yari yabimenyeshejwe, akabanza gusuzumana ubushishozi icyo kibazo, urengana akarenganurwa.

2. Ikibanza kiburanwa na SEMANYENZI Dauda

Ku itariki ya 16 Nzeri 2002, SEMANYENZI Dauda yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa ku mpamvu z'uko uwo bari barashakanye ari we UWANTEGE Ziada yubatse mu kibanza yahawe n'Ubuyobozi bw'ibanze. SEMANYENZI Dauda yasabye icyo ikibanza mu izina ry'abana n'umugore ariko yaje guta abo bana n'umugore ashaka undi. UWANTEGE Ziada bari barashakanye amaze kumenya ko umugabo we yashatse undi mugore, yakomeje kubaka inzu SEMANYENZI yari yaratangiye, bitera umwuka mubi cyane ko UWANTEGE yari ashyigikiwe n'ubuyobozi bw'ibanze guhera ku Kagari kugera mu Karere nk'uko bigaragazwa n'ibaruwa y'Umuyobozi w'Akarere ka Kacyiru, yo ku wa 3 Kamena 2002.

Komisiyo yakoze iperereza ku bayobozi b'ibanze bo mu Kagari ka Rukiri ya kane isanga SEMANYENZI atakibana n'UWANTEGE Ziada, isanga kandi ubwo buyobozi bwarafashije uyu mudamu gukomeza kubaka ku nyungu z'abana UWANTEGE yabyaranye na SEMANYENZI. Ubwo buyobozi bwari bugamije gushakira abana n'umugore aho baba kubera ko aho bari bacumbitse babirukanaga. Komisiyo yasanze ibyo SEMANYENZI asaba nta shingiro bifite kuko atita ku nyungu z'abana nk'uko ubuyobozi bw'ibanze bubigaragaza.

Komisiyo irasanga ubuyobozi bw'ibanze bwarashyize mu gaciro kuko kuba SEMANYENZI Dauda yarataye urugo nta burenganzira afite bwo kwambura umugore we ikibanza.

3. Ifungwa ry'inzu ya UWIZEYIMANA Léonie.

UWIZEYIMANA Léonie yandikiye Komisiyo ku wa 1 Werurwe 2002 asaba kurenganurwa kubera ko uwitwa AHOBANTEGEYE Angeline, ari we nyirabukwe yari yaracumbikiye mu nzu iri mu Murenge wa Rusororo mu Mujyi wa Kabuga yaje kuyivamo ariko agasiga ayikinze mu gihe bari mu manza, baburana indi nzu UWIZEYIMANA atuyemo.

Komisiyo yagiye gusura ayo mazu, ibonana na UWIZEYIMANA Léonie, abayobozi b'inzego z'ibanze kugera ku Muhuzabikorwa w'Umurenge ndetse n'abayobozi b'Umujyi wa Kabuga, hanyuma ijya no mu Rukiko rwa Kanto ya Ndera ikora iperereza. Yasanze ikiregerwa ari inzu imwe UWIZEYIMANA Léonie atuyemo naho indi ikinze ari yo asaba ko yakingurwa mu gihe urubanza rugikomeza.

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yasanze UWIZEYIMANA Léonie yari yarashakanye na MURENGERANTWARI Fulgence ku buryo bwemewe n'amategeko ku wa 25 Werurwe 1999 imbere y'Ubutegetsi bw'icyahoze ari Komini Rubungo. Mbere yo guhunga mu mwaka w'1994, MURENGERANTWARI Fulgence yabanaga na nyina AHOBANTEGEYE Angeline kuva mu mwaka w'1986 mu nzu yari yarubatse mu murenge wa Rusororo mu mwaka w'1983 ari nayo iburanwa ubu.

Mu gihe cyo gutahuka, AHOBANTEGEYE yagiye gutura mu Ruhengeri aho umugabo we yari afite inzu ariko mu kwezi kwa Gashyantare k'umwaka wa 1999 yaje guturana n'umuhungu we. MURENGERANTWARI akimara gupfa mu kwezi kwa Gicurasi 2000, nyina yasubiye mu Ruhengeri ariko asiga afunze inzu yari acumbitsemo na yo y'uwo muhungu we ari na bwo yatangiye kuburana n'umukazana inzu nini.

Mu rwego rwo gukurikirana ibibazo yakiriye, Komisiyo yasubiye kureba ko iyo nzu yakinguwe isanga Porokireri wa Repubulika wa Kigali yarahaye UWIZEYIMANA Léonie uburenganzira bwo gukingura iyo nzu (mu magambo) nk'uko yari yabimusabye mu rwandiko rwo ku wa 25 Gicurasi 2002 kuko atari yo iburanwa.

5. Ukudasubizwa amazu y'imfubyi za MYASIRO Mathias.

Ikirego kijyanye n'amazu ya MYASIRO Mathias cyagejejejwe kuri Komisiyo tariki ya 24 Nyakanga 2001 kizanywe na NIYOYITA Bernard mu izina ry'umuryango. MYASIRO Mathias yari yaraguze amazu ya BENALCO S.A.R.L mbere ya Mata 1994. Yaje guhunga n'umuryango we muri Nyakanga 1994 ; aho ahungukiye muri 1997 asaba BENALCO gusubizwa ibye.

Igihe MYASIRO Mathias yakurikiranaga ibyayo mazu ya BENALCO, yaje gushimutwa mu rugo rwe ku Muhima n'abantu batazwi hanyuma umurambo we uza kuboneka mu bitaro bya gisirikare i Kanombe mu Ukwakira 1998.

Komisiyo yabonanye n'imfubyi za MYASIRO Mathias ishaka ibimenyetso byayifasha mw'iperereza ryayo, hanyuma ijya kubonana n'abayobozi ba BENALCO S.A.R.L, isanga umuyobozi uriho ubu atazi ibibazo by'igurishwa ry'amazu ariko akaza kuvuga uwayagurishije n'aho abarizwa ubu (ngo ari muri Amerika y'amajyepfo). Komisiyo yasuye amazu avugwa muri iyi dosiye, isanga akorerwamo n'abacuruzi batandukanye bayakodesha na bwana RWAKANA Hermogène, umucuruzi mu Mujyi wa Kigali. Ayo mazu ngo RWAKANA yayaguze na BENALCO S.A.R.L muri 1995. Komisiyo yakomeje iperereza isanga icyo gihe RWAKANA Hermogène na we yarashakaga kuyagurisha na VERMA.

Komisiyo yagiye kubonana n'abashinzwe ibibazo byo kugurisha amazu mu buyobozi bw'Umujyi wa Kigali isanga na bo bazi ikibazo uko giteye ariko batarigeze bagikemura.

Komisiyo kandi yagiriye imfubyi za MYASIRO Mathias inama yo gutandukanya ibibazo iyishyikiriza. Ibijyanye n' urupfu rw'umubyeyi wabo n'isano n'inyerezwa ry'umutungo wabo byakurikiranwa n'inzego z'ubutabera. Ibyerekeranye n'imitungo y'amazu, Komisiyo izakomeza gushishikariza ubuyobozi bw'umujyi wa Kigali kubikemura kuko bubifite mu nshingano zabwo.

6. Iyubakwa ry'umudugudu mu isambu ya KAMBABAZI Donatille no kutishyurwa ubukode bw'inzu ye.

Tariki ya 8 Mutarama 2002, KAMBABAZI Donatille yagejeje kuri Komisiyo ibaruwa isaba kumurenganura mu bijyanye n'umutungo we ugizwe n'isambu irimo inzu byari byarabohojwe. Iyo mitungo iri mu Murenge wa Ndera, mu gace gasigaye ari Umujyi wa Kabuga. Aho inzu isubirijwe, icyo gihe Komini ya Rubungo yacumbikiyemo abantu ndetse n'igice cy'isambu gituzwamo abahawe ibibanza mu mudugudu uri aho hafi y'iyo nzu. Kubera ko iyo nzu n'isambu KAMBABAZI abifitiye icyemezo, arasaba ko yakwishyurwa ibyangijwe ndetse n'ubuyobozi bwacumbikiyemo abantu bukishyura ubukode.

Komisiyo yagiye gusura iyo nzu n'isambu irimo. Yasanze inzu irimo kwangirika ndetse n'igice cy'isambu cyaratujwemo abahawe amazu mu mudugudu. Mu rwego rwo kugereranya no kumenya ibivugwa ibyo ari byo, Komisiyo yasubiyeyo ijyanye na KAMBABAZI Donatille. Komisiyo yagiye kureba iyo inzu, KAMBABAZI agenda yerekana aho Komisiyo yeretswe mbere; umwe mu bari abaturanyi be mbere ya 1994 yemeza ko isambu ya KAMBABAZI Donatille yari nini ikaza gukatwamo umudugudu.

Tariki ya 15 Nyakanga 2002, Komisiyo yagiye ku cyicaro cy'Akarere ka Gasabo ivugana n'umuyobozi w'Akarere, MULIGANDE Benjamin. Yayisobanuriye ko ibibazo by'amasambu yafashwe n'imidugudu mu gace ka Rubungo gaherereye ku Karere ka Gasabo bikemurwa hifashishijwe kugurana amasambu hagati ya nyiri guhabwa inzu ku mudugudu n'uwari nyiri isambu yashyizwemo uwo mudugudu. Igihe nyiri guhabwa inzu nta sambu atunze, yishyura amafaranga ibihumbi icumi (10.000 FRw), agahabwa uwahoze atunze isambu mbere yo kubaka umudugudu.

Abayobozi b'Akarere ka Gasabo bagaragarije Komisiyo ko Imirenge yegukanywe n'Akarere bayobora ari Rubungo Karama na Jurwe, ko Ndera yegukanywe n'Umujyi wa Kabuga ari nawo ugomba gutanga igisubizo nyacyo kuri iki kibazo.

Tariki ya 18 Ugushyingo 2002 ni bwo Komisiyo yamenyeshejwe n'umujyanama w'Umujyi wa Kabuga (wari wasigariyeho umuyobozi), NSABIMANA Oda ko kuri bo uburenganzira bwa buri munyarwanda ku mutungo we bugomba kubahirizwa kabone n'iyo yaba atawufitiye icyemezo (acte de notoriété). Yongeyeho asaba ko KAMBABAZI Donatille agomba guhabwa ibye, ariko ko n'abadafite aho batura bagomba gutuzwa nta mananiza. Yanzuye avuga ko KAMBABAZI ategerejwe mu buyobozi ngo ahabwe ahandi hantu hasimbura isambu ye yubatswemo umudugudu.

7. Igurishwa ry'inzu ya SEBAZUNGU Jean Bosco.

Mu ibaruwa ye yo ku wa 15 Mutarama 2001 SEBAZUNGU Olivier yagejeje kuri Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ikirego cy'akarengane yagiriwe na nyirakuru ubyara se, NAGAHWEJE Asiteriya , wagurishije inzu y'ababyeyi be ari bo SEBAZUNGU Jean Bosco na MUSANGANIRE Marie**.** Iyo nzu yaguzwe n'uwitwa MUVUNYI Jonh yubatse mu kibanza n° 3020 mu Kagari ka Kanserege, Zone ya mbere, Umurenge wa Gikondo, Akarere ka Gikondo (hari muri Komini Kicukiro). MUVUNYI John, umwe mu bagize inama y'ubwishingizi bw'abana, yaguze iyo nzu

ku wa 7 Mutarama 1995 amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana ane na mirongo itanu (450.000 FRw).

Nyuma y'aho ababyeyi ba SEBAZUNGU Olivier bitabiye Imana, umwe mu mwaka w'1986 n'undi mu w'1988, abana barerewe mu kigo cy'imfubyi cya Croix-Rouge y'Ababirigi, igihe cy'itsembabwoko ryo mu mwaka w'1994, bahungishirizwa muri Kongo. Mu mwaka w'1996, abana ba SEBAZUNGU baje gutahuka basanga inzu yabo yaragurishijwe na nyirakuru NAGAHWEJE, wakekaga ko nta mwana n'umwe w'umuhungu we ukiriho.

Mu kugurisha iyo nzu hagaragayemo uburiganya : nko kujijisha Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo, bashakisha ibyemezo by'ubwishingizi bw'abana ba SEBAZUNGU Jean Bosco bakabihabwa.

Komisiyo yabikozeho iperereza, isanga koko abana ba SEBAZUNGU barahohotewe ; kuko bagurishirijwe umutungo basigiwe n'ababyeyi babo kandi NAGAHWEJE nk'ushinzwe gukurikirana imitungo y'abana nta burenganzira yarafite bwo kuyigurisha atabyemerewe n'urukiko rwamuhaye ubwishingizi bw'abana. Ikindi kibazo cyagaragaye cyerekeranye n'ugomba gutanga ikirego mu buryo bwemewe n'amategeko, kuko muri abo bana nta n'umwe uruzuza imyaka 21 y'amavuko, na nyirakuru wakagombye kubikora ni we wabagambaniye.

Komisiyo irasanga Perezida w'urukiko watanze buriya bwishingizi akwiye gukurikirana kiriya kibazo mu buryo bwihutirwa kuko amategeko abimwemerera.

Komisiyo irasaba kandi ko inkiko zajya zigira ubushishozi mu gutanga ibyemezo nk'iby'ubuzungure n'ubwishingizi bw'abana ndetse n'inzego zitanga za "mutation" ku mitungo zikajya zigira ubushishozi kugira ngo hirindwe uburiganya bukunze kugaragara.

Komisiyo irasaba kandi Urukiko rw'Ikirenga, cyane cyane ishami ryarwo rishinzwe ubuyobozi bw'inkiko kuzakurikirana iki kibazo.

Komisiyo izakomeza gukurikirana iki kibazo.

8. Igabana ry'amasambu ya AKINGENEYE na NYIRABAVAKURE.

Ku wa 13 Ugushyingo 2001, Komisiyo yakiriye mu nyandiko ikirego cya AKINGENEYE na NYIRABAVAKURE babarizwa ku Murenge w'Ayabaraya, Akarere ka Kanombe, bayisaba kubarenganura kuko bagabanye amasambu n'abandi bantu kandi ayo masambu yaratanzweho ingwate muri Banki y'Abaturage ya Masaka.

Mu iperereza ryayo, Komisiyo yabonanye n'abarebwa n'icyo kibazo bose uhereye ku bayobozi, abanditse, n'abagabanye ayo masambu. Icyagaragaye, ni uko abatanze ikirego nta sano bafitanye ahubwo bari bafite ikibazo kimwe cyerekeye amasambu yabo yari yaratanzweho ingwate muri Banki y'Abaturage ya Masaka.

Kubera ko ko mu isambu ya NYIRABAVAKURE uwo bagabanye Bwana BUTOBWINTOBO, yari yarakuyemo urutoki rwari rurimo agashyiramo indi myaka, Komisiyo yagaragarije umukozi w'umujyi wa Kabuga, Kayijamahe Denys wakurikiranye icyo kibazo, n'Umuhuzabikorwa w'Ayabaraya, ibibazo NYIRABAVAKURE afite, biterwa n'uko kuba isambu ye yarayigabanye n'undi muntu, atashobora kwishyura umwenda wa Banki, Komisiyo yasabye Umukozi w'Umujyi wa Kabuga ko yakwumvikanisha uwagabanye isambu na NYIRABAVAKURE, akamusubiza igice afite, atabyemera akishyura uriya mwenda, bityo isambu akayigumana.

Ibyo byarakozwe, kuko n'umunsi Bwana BUTOBWINTOBO abyemera yakoreye amasezerano Banki ya Masaka arebana n'uburyo azishyura amafaranga NYIRABAVAKURE yari asigayemo banki, kandi ibyo byabaye hari n'intumwa ya Komisiyo.

Ku bireba mugenzi we ari we AKINGENEYE Consolata, kubera ko ari nta bintu byahindutse kuri iriya sambu, mu gihe cyo gutegura iyi raporo Komisiyo yandikiye Umukuru w'Intara ya Kigali Ngali mu ibaruwa n° CNDH/426/03 yo ku wa 20 Gashyantare 2003 imusaba ko umuryango wa AKINGENEYE wasubizwa isambu yawo, bitewe n'uko iyo sambu yatanzweho ingwate.

Komisiyo irasanga mu igabana ry'amasambu hakwiye ubushishozi kugira ngo hirindwe amakosa akomeye y'itangwa ry'amasambu aba ari mu manza.

9. Isambu ya NKEBESHA Laurent yakaswe mo umudugudu.

NKEBESHA Laurent yandikiye Komisiyo ku wa 13 Nzeri 2002, ayisaba kumurenganura kubera ko yarenganijwe n'Ubuyobozi bw'Umurenge w'Ayabaraya kuko bwakase mu isambu ye umudugudu, buhakatira abahungu babiri bavuka mu kagari ka Gihuke, Umurenge w'Ayabaraya ari bo KARENZI Ernest na BASARIKE Dominique.

Komisiyo ishingiye ku ibaruwa Umukuru w'Intara ya Kigali Ngari yandikiye Umuyobozi w'Umujyi wa Kabuga ku wa 23 Ukuboza 2001 amusaba kwifashisha njyanama agasuzuma ikibazo cya NKEBESHA yigiriyeyo ubwe maze agaha umwanzuro ukwiye uriya musaza nk'uko amabwiriza ku midugudu n'imituranire y'abaturage abivuga ;

Mu iperereza Komisiyo yakoze, yasanze Umukuru w'Intara ya Kigali Ngari yarandikiye Umuyobozi w'Umujyi wa Kabuga ku wa 23 Ukuboza 2001 amusaba kwifashisha inama jyanama agasuzuma ikibazo cya NKEBESHA, agafa umwanzuro ushingiye ku mabwiriza ajyanye n'imidugudu n'imituranire y'abaturage.

Komisiyo kandi na none yagaragarijwe n'abarebwa n'iki kibazo ku mpande zose ibi bikurikira :

- Kuba iriya sambu yarakatiwe abasore bavuzwe haruguru kandi baragabanye no mu miryango yabo ;
- Kuba NKEBESHA Laurent yaragabanye n'abandi bantu kandi yarashoboraga kugabana n'abana be kuko ntaho bari barahawe ;

- Kuba ikawa zari muri iyo sambu igihe hakatwaga umudugudu zitarishyuwe ari nazo zari zimutunze n'umuryango we.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo Komisiyo, ishingiye kuri iyo baruwa yavuzwe haruguru, yandikiye Umuyobozi w'Umujyi wa Kabuga mu ibaruwa n° CNDH/398/03 imusaba kurangiza ikibazo cya NKEBESHA Laurent.

10. Isambu ya Domitille NYIRAKABANZA yahawe RUBABAZA Manassé.

Ku wa 14 Kanama 2002, NYIRAKABANZA Domitille utuye mu Kagari ka Butanga, Umurenge wa Gahara, Akarere ka Rusumo, yaregeye Komisiyo ko umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Gahara HABIYAKARE yamwambuye isambu akayiha RUBABAZA Manassé yari afitiye ideni ry'amafaranga ibihumbi mirongo inani (80.000FRw). Ibyo ngo yabikoze nta cyo ashingiyeho.

Mu gushaka ukuri, Komisiyo yasanze NYIRAKABANZA Domitille na RUBABAZA Manassé bari bafitanye amasezerano yo kwishyura umwenda ku wa 25 Ukuboza 2002. Bityo yasabye umuyobozi wungirije w'Akarere ka Rusumo, KANAMUGIRE Claver gusuzumana ubushishozi icyo kibazo, amasezerano akaba ari yo akurikizwa, NYIRAKABANZA Domitille agasubirana isambu ye. KANAMUGIRE Claver yasabye HABIYAKARE gusubiza isambu nyira yo, hagategerezwa itariki ya 25 Ukuboza 2002 ; RUBABAZA Manassé yaba atishyuwe amafaranga ye, akitabaza inkiko.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yamenye ko NYIRAKABANZA Domitille yishyuye ibihumbi mirongo itanu na bitanu (55.000 FRw), asigaye akazayishyura muri Nyakanga 2003.

Komisiyo iragaya abayobozi bafata ibyemezo uko bishakiye kenshi usanga bibangamiye uburenganzira bw'abaturage.

b. Ibibazo bijyanye n'ubukungu.

1. Ibikorwa by'abaturage b'Akarere ka Muhanga byangijwe n'umuhanda wa Gitarama–Kibuye.

Tariki ya 8 Mata 2002, abaturage b'icyahoze ari Komini ya Mushubati yahindutse Muhanga, bandikiye Komisiyo basaba kurenganurwa, kubera ko inzego zishinzwe kwishyura amafaranga y'ibyangijwe n'umuhanda wa Gitarama–Kibuye zikorera muri Minisiteri y'ingufu (MINITRAPE), bishyuye abaturage bamwe muri banyir'ukwangirizwa ibikorwa, abandi ntibishyurwa kugeza n'ubu.

Ku wa 24 Mata 2002, Komisiyo yakoze iperereza muri Minisiteri y'Ingufu (MINITRAPE) aho yabonanye na Bwana HAKIZIMANA Emmanuel, umukozi wa Minisiteri y'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije, ukorera muri iyo Minisiteri y'Ingufu aho ashinzwe gukurikirana ibyerekeye iyishyurwa ry'ibikorwa byangijwe n'iyubaka ry'imihanda.

HAKIZIMANA yasobanuye ko iyo ibarura ry'ibyangijwe rirangiye, abarebwa n'ikibazo basobanurirwa uburyo bazishyurwa. Ubu hari abantu magana abiri basinyiye amafaranga angana na miliyoni cumi n'indwi n'ibihumbi magana atatu mirongo cyenda na bine magana atandatu mirongo inani n'atanu y'u Rwanda (17.394.685 FRw), hakaba hategerejwe ko aboneka kuko amadosiye y'abishyuza yoherejwe muri Minisiteri y'Imari. Abo bantu ni abo mu mirenge ya Gatikabisi, Karama n'ahandi.

Komisiyo yamenyeshejwe ko ari ngombwa ko abasaba kwishyurwa bagana ibiro bibishinzwe, bagasinyira amafaranga yemejwe nyuma y'ibarura ry'ibyangijwe n'umuhanda kandi bagakurikirana uko bazishyurwa.

Mu gihe iyi raporo itegurwa, Komisiyo yamenye ko abantu basabaga kwishyurwa babonye amafaranga yabo nk'uko yari yarabazwe.

c. Ibibazo byerekeye uburenganzira bw'abana.

1. Iyirukanwa rya BYUKUSENGE Anita mu muryango wa mukuru we.

Uwitwa NYIRAHABIMANA Spéciose yandikiye Komisiyo ku wa 2 Kanama 2002 ayisaba kurenganura murumuna we BYUKUSENGE Anita, ufite imyaka 14, ngo amusubirane kuko aho yari ari yavugaga ko bamushimuse kandi bakaba banamucuruza.

Mu iperereza yakoze, Komisiyo yagiye kureba uwo mwana kwa KAYITESI Henriette wari umufite, ayibwira ko yavuye kwa mukuru we kubera ko yamufataga nabi, akanamwima ibikoresho by'ishuri, yabona ibintu bitameze neza agahitamo guhunga mukuru we wamuhozaga ku nkeke. Kubera ko ikibazo cyazanywe muri Komisiyo cyarageze mu Rukiko (ibyemezo n° 64/2002 na n° 72/2002), Komisiyo yakoze iperereza kugira ngo imenye uko giteye, ariko ibanza kureka Urukiko ngo rubanze rugifatire umwanzuro. Rwaje gusubiza Anita kwa mukuru we NYIRAHABIMANA Spéciose, ariko bidatinze NYIRAHABIMANA Spéciose ntiyigeze yibuka uburyo yirutse kuri uwo mwana kugira ngo amusubirane, nibwo amwirukanye ku mugaragaro amaze no kumukomeretsa, umwana asubira kwa KAYITESI Henriette.

Na none mu iperereza Komisiyo yakoze, yasanze ibyo NYIRAHABIMANA Spécose yavugaga ko uwo mwana yashimuswe kandi acuruzwa atari byo. Ubu ariko umwana afite ibibazo by'ingutu kuko aho ari batakifuza kumugumana biturutse ku bibazo bagiye bahura nabyo bitewe na mukuru we, kandi na mukuru we ntakimushaka. Ba se wabo na bo ntibamwakira kuko ngo mukuru we yabihakanye bari mu Rukiko.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Nyamirambo mu ibaruwa n° CRDH/474/03 imusaba ko yashakira uwo mwana aho yarererwa handi hatekanye kandi akagira uburenganzira bwo kwiga. Komisiyo ubwayo yamushyikirije Umuhuzabikorwa w'Umurenge wa Nyamirambo ngo akemure ikibazo, umwana abone aho aba.

3. Ukudahabwa indezo y'umwana wa Mukankubito Corinne.

Ku wa 11 Ukwakira 2002, MUKANKUBITO Corinne yandikiye Komisiyo ayisaba ko yarenganurwa agahabwa imfashanyo yo kurera umwana yabyaranye na SIDIBE Almouhamoud ufite ubwenegihugu bwa Mali. SIDIBE yakoreraga Urukiko Mpuzamahanga ku Rwanda (T.P.I.R.), ubu akaba akorera urwo rukiko nka "Enquêteur" i Kinshasa. Yabanye na MUKANKUBITO Corinne igihe cy'imyaka hafi itatu kuva Kamena 1999 kugera ku wa 28 Ukuboza 2001.

Mu gukurikirana ikibazo, Komisiyo yaje kumenya ko MUKANKUBITO yatandukanye na SIDIBE atwite ; amaze kubyara TPIR ikajya imugenera indezo y'umwana nk'uko bigaragazwa n'inyandiko yahereweho ayo mafaranga. Ayo mafaranga yayahawe mu buryo bukurikira : Gashyantare 2002 : 50$, Werurwe 2002 : 50$, Mata 2002 : 50$, Gicurasi 2002 : 100$, Kamena 2002: 100 $. Gutangwa kw'iyo ndezo byaje guhagarikwa ubwo uriya mugabo yimurirwaga i Kinshasa.

Ihereye ku budahangarwa abakozi b'Umuryango w'Abibumbye bafite bigatuma nta Rukiko rwo mu Rwanda baregerwamo, ku wa 20 Gashyantare 2003, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bw'Uturere imusaba ko yakoresha ububasha afite agakurikirana icyo kibazo ku nyungu z'umwana wabyawe n'abo bantu bombi, agahabwa indezo.

3. Kwirukanwa mu rugo k'umwana BYABAGAMBA

Ku wa 29 Kanama 2002, umwana w'imyaka 14, BYABAGAMBA wo mu murenge wa Nsheke mu mujyi wa Nyagatare yagejeje ku biro bya Komisiyo mu Mutara ikibazo cye mu magambo cyerecyeranye no kuba se GAKERE François yamwirukanye mu rugo.

Komisiyo yakoze iperereza isanga uwo mwana yarirukanwe biturutse ku bwumvikane bucye hagati ye na muka se. Komisiyo yanamenye kandi ko BYABAGAMBA afite mushiki we wubatse, DADARI Evanisi imwumvisha ko yaba yakiriye musaza we akareka gukomeza kubungera. Yarabyemeye ndetse n'umwana arabyishimira.

4. Kudahabwa indezo by'umwana wa MUTONI Renata.

Ku wa 23 Nzeri 2002, MUTONI Renata utuye mu Kagari ka NYAGATARE, Umurenge wa NYAGATARE, Umujyi wa Nyagatare yagejeje mu magambo ku biro bya Komisiyo mu Mutara ikirego cye cyerekeranye no kudahabwa indezo y'umwana witwa NTWALI yabyaranye na NSHUNGUYINKA Emmanuel ku wa 25 Ukuboza 2001.

Bitewe n'uko icyo gihe MUTONI Renata yari afite imyaka 17 akaba yari ataruzuza imyaka imuha ububasha bwo kuregera inkiko, Komisiyo yamugiriye inama yo gusaba Urukiko ko rwamuha imyaka y'ubukure kubera ko yari amaze kuba umubyeyi urera umwana, nyuma akabona kuregera guhabwa indezo y'umwana.

MUTONI yandikiye Perezida w'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rw'Umutara asaba ko bamuha imyaka y'ubukure, amaze kubihabwa abona kuregera indezo mu rubanza RC/370/R1/02/MTR.

Urubanza rwaburanishijwe mu ngingo zarwo zose ku wa 12 Ugushyingo 2002 nyuma yo gusubikwa inshuro eshatu (ku wa 8 no ku wa 22 Ukwakira ndetse no ku wa 5 Ugushyingo 2002) ku mpamvu z'amahugurwa y'abacamanza. Urukiko rwategetse NSHUNGUYINKA guha MUTONI amafaranga ibihumbi cumi (10.000 FRw) buri kwezi by'indezo y'umwana kugeza igihe azagirira imyaka irindwi.

5. Kubura amafaranga y'ishuri kwa MUKAMANA Chantal na barumuna be.

Ku wa 23 Ukuboza 2002, MUKAMANA Chantal, mwene SINGURANWA Anatole na MUKARUMARANA Jeanne d'Arc, ukomoka mu kagari ka Jurwe, Umurenge wa Mubuga, Akarere ka Rusenyi, Intara ya Kibuye, yagejeje kuri Komisiyo ikibazo asangiye na barumuna be babiri cy'amafaranga y'ishuri kandi umubyeyi wabo ufungiye muri Gereza ya Gisovu afite amafaranga muri Banki y'abaturage ya Mubuga. Yavugaga ko Pariki yanze ko bahabwaho make yo kuriha amashuri kandi nyina wasigaye nta bundi bushobozi afite bwo kuyabona.

Hakurikijwe ko uburezi ari uburenganzira abana badashobora kuvutswa ku mpamvu zo gufungwa k'umubyeyi wabo, Komisiyo yagiranye imishyikirano na Porokireri wa Pariki ya Repubulika ku Kibuye kuri icyo kibazo, yemera guha icyemezo abo bana cyo gukura kuri konti ya se amafaranga atarenga ibihumbi ijana na mirongo itandatu yo kubarihira amashuri umwaka wose uko ari batatu.

6. Ukutishyurirwa amafaranga y'ishuri kwa KAREKEZI Méthode.

Ku wa 25 Gashyantare 2002, Komisiyo yakiriye ikirego cya KAREKEZI Méthode ubarizwa mu Rwunge rw'Amashuri rwa ishuri rya ACEJ/Karama. Yanditse asaba uburenganzira ku burezi kuko nyina UGIRIBAMBE Virginie utubahiriza inshingano ze zo kumwishyurira amafaranga n'ibikoresho by'ishuri bikamutesha gukurikira kandi ari mu mwaka wa nyuma.

Komisiyo yageze ku ishuri ivugana n'ubuyobozi isanga koko hari igihe kinini umwana amara atagera ku ishuri kuko aba yirukanwe ku mpamvu zo kutishyura amafaranga y'ishuri kandi akaba nta cyemezo afite cyo kuba atishoboye. Komisiyo yavuganye n'umubyeyi we ayibwira ko umwana agira agasuzuguro nyamara imwumvisha ko afite inshingano zo kurera umwana kugeza igihe akuze kandi agakomeza kwiga.

Mu kubahuza, Komisiyo yasobanuriye umwana na nyina inshingano za buri wese. Nyuma y'iyo mishyikirano, umubyeyi yemeye gutanga amafaranga y'ishuri, umwana akomeza amasomo ye.

d. Ibibazo bijyanye n'uburenganzira ku murimo n'iyubahirizwa ry'amategeko agenga umurimo.

1. Kwirukanwa ku kazi kwa MUNYANZIZA Eugène.

MUNYANZIZA Eugène wakoreraga Akarere ka Butamwa yandikiye Komisiyo ku wa 2 Gicurasi 2002, ayigezaho ikirego kirebana n'uko yirukanywe ku kazi n'ubuyobozi bw'Akarere ka Butamwa ku buryo bunyuranyije n'amategeko, butamuhaye amafaranga ye y'ibirarane by'umushahara bwari bumurimo.

MUNYANZIZA yari umukozi wa Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage ari ho yaje kuva yoherezwa gukorera ako Karere ka Butamwa mu rwego rwo kwegereza ubutegetsi abaturage. Ageze aho yimuriwe, Akarere katangiye kumuhemba amafaranga ibihumbi makumyabiri na bitandatu na maganabiri mirongo ine n'atanu (26.245 FRw) gusa kandi yari ageze ku mushahara w'ifatizo ku kwezi ungana n'ibihumbi mirongo ine n'umunani na magana inani (48.800 FRw). Mu gihe cyose yakoreraga ako Karere, ntiyaretse kwishyuza amafaranga ye.

Minisiteri y'Imibereho Myiza y'Abaturage, nk'urwego rubishinzwe, yandikiye umuyobozi w'Akarere ka Butamwa, NTAYOMBA Jean Marie Vianey, imusaba ko MUNYANZIZA Eugène yahembwa umushahara yari agezeho, ariko ntiyabishyira mu bikorwa.

MUNYANZIZA Eugène yabwiye Komisiyo ko yirukanwe n'ubuyobozi bw'Akarere ka Butamwa bumuziza kuba yarandikiye Minisiteri ayigezaho ibibazo afitanye n'ubuyobozi bw'Akarere, bityo ngo akaba yarabareze mu nzego zo hejuru. Ubuyobozi bw'Akarere ka Butamwa bwo bukaba, mu ibaruwa imwirukana bumurega amakosa akurikira : guhesha isura mbi Akarere, gukurura amacakubiri mu bakozi bagenzi be, gukwirakwiza impuha z'amashyaka atemewe mu gihugu akabyitirira abandi, gusebya ubuyobozi bw'Akarere agambiriye kubuteranya n'abaturage, kubeshya no guhindura amagambo mu ruhame nko mu nama yo ku wa 5 Mutarama 2002 yahuje inzego z'umutekano mu Mujyi wa Kigali n'inzego z'Akarere, kwandika inyandiko zisebya z'ibinyoma akazijyana mu buyobozi bukuru bw'igihugu kandi abeshyera abandi, kuyobya inzego z'umutekano yishingana ibinyoma.

Komisiyo yakurikiranye iki kirego mu buyobozi bw'Akarere isanga ibyo MUNYANZIZA arega bifite ishingiro kandi n'Akarere kemera ko kamufitiye ibirarane, ariko kubera amikoro make y'Akarere, bakaba bemera kuyamwishyura ku ngengo y'imari y'umwaka w'2003.

Ku byerekeranye n'impamvu zatumye yirukanwa, abakozi b'Akarere batashatse ko bavugwa amazina muri raporo bemeza ko MUNYANZIZA nta macakubiri amurangwaho ko n'ibindi aregwa nta shingiro bifite uretse kuzira ukuri avuga ku buyobozi bw'Akarere ka Butamwa.

Komisiyo yandikiye ubuyobozi bw'Akarere ka Butamwa ibusaba ko bakubahiriza uwo mwanzuro bakishyura aya mafaranga ya MUNYANZIZA, ntakomeze guhera mu gihirahiro.

Komisiyo ikaba isanga MUNYANZIZA yararenganyijwe mu kwirukanwa nta nteguza ndetse atanahawe ibirarane by'umushahara we. Komisiyo iranagaya imyitwarire y'umuyobozi w'Akarere ka Butamwa muri icyo kibazo wumva ko umukozi atagomba kubaza ibibazo bye mu nzego zo hejuru kugera ubwo bifatwa nk'ikosa rikomeye ryirukanisha umukozi.

Komisiyo ikaba igitegereje ko ubuyobozi bw'Akarere ka Butamwa bwashyira ibyo busabwa mu bikorwa.

2. Ihagarikwa ku kazi ry'abahoze ari abakozi ba P.V.K.

Ku wa 4 Mutarama 2002 Komisiyo yakiriye ikibazo cy'abahoze ari abakozi b'icyahoze ari Perefegitura y'Umujyi wa Kigali birukanwe nta nteguza. Abo bakozi birukanwe mu rwego rwo kugabanya abakozi mu gihe Umujyi wa Kigali wari umaze gushyirwaho n'itegeko. Ubuyobozi bwasanze abakozi ari benshi cyane ku bari bakenewe nyuma y'iryo vugurura ry'Umujyi wa Kigali. Komisiyo yakiriye icyo kirego ikigejejweho n'abahagarariye abandi bakozi basezerewe ari bo : RUBAGUMYA Innocent, JABO Jean URWINTWARI, KABAYIZA Rubega, RUTIKANGA Léonard, MUKABAGIRE Rose, KALISA Hussein na BAZATOHA Pierre.

Ku wa 23 Mutarama 2002 Komisiyo yagiranye inama n'ubuyobozi bwa M.V.K. hari Umuyobozi ushinzwe imibereho myiza y'abaturage n'ushinzwe iterambere ry'umunyarwandakazi. Komisiyo yemeranijwe n'Abayobozi ba M.V.K. ko bagiye gutangira kubarira abo bakozi amafaranga yabo y'ibirarane ndetse ko hari n'abandi muri abo bakozi basubijwe mu kazi. Bijeje Komisiyo ko bagiye gukora ibishoboka byose kugira ngo abo bakozi bishyurwe amafaranga yabo bitarenze ukwezi kwa Werurwe 2002.

Mu gihe cyo gutegura iyi raporo, Komisiyo yandikiye Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali mu ibaruwa n° CNDH/392/03 yo ku wa 28 Mutarama 2003 imusaba kuyigezaho kopi z'inyandiko (ibimenyetso) abo bakozi basinyeho igihe bahembwaga ndetse n'izindi nyandiko zerekana ko abakozi bamwe basubijwe mu mirimo yabo.

Mu ibaruwa n° 0643/07/.n.13/03 yo ku wa 20 Gashyantare 2003, Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwasubije Komisiyo buyoherereza ibimenyetso (inyandiko) by'uko bamwe mu bari Abakozi b'icyahoze aro Perefegitura y'Umujyi wa Kigali batanze ibyangombwa byasabwe, bishyuwe koko amafaranga yabo anyujijwe mu mabanki bakaba bagitegereje ko n'abandi babyuzuza bakabona kwishyurwa. Abakozi bavugwa ko basubijwe mu mirimo yabo, na bo bayishubijwemo.

3. Ukudahabwa amafaranga ya konji kwa GAPAGASI J. Marie Vianney.

Tariki ya 2 Gicurasi 2002, GAPAGASI J.Marie Vianney wo mu Karere ka Kisaro yagejeje kuri Komisiyo ikibazo cyerekeranye no gusezererwa ku kazi adahawe amafaranga ya konji akaba ataranatangiwe imisanzu mu isanduku y'ubwiteganirize bw'abakozi.

Mbere yo guhuza GAPAGASI J. Marie Vianney n'umukoresha we ari we Caritas ya Diyosezi ya Byumba, Komisiyo yamugiriye inama yo kuba aretse kuregera urukiko ikabanza gusaba Umugenzuzi w'Umurimo mu Ntara ya Byumba agahuza Ubuyobozi bwa Caritas na nyiri kurega.

Komisiyo yabonanye n'ukuriye Caritas ya Diyosezi Byumba imugaragariza ko GAPAGASI J.Marie Vianney yavukijwe uburenganzira kuri konji kandi ko akwiye kuyihemberwa ndetse akishyurirwa n'amafaranga y'ubwiteganyirize bw'abakozi.

Nk'uko Komisiyo yari yiyemeje guhuza impande zombi ibicishije mu buyobozi bubifitiye ububasha, yasabye Umugenzuzi w'Umurimo mu Ntara ya Byumba guhuza impande zombi, ibyo bikorwa tariki ya 20 Gicurasi 2002 ku buryo GAPAGASI yahawe amafaranga 72.000 bagenera Komisiyo kopi y'inyandiko mvugo y'imishyikirano, ikibazo kirangira ku bwumvikane busesuye bw'impande zombi.

4. Ukudahabwa imperekeza kwa HARERIMANA Désiré.

Ku wa 26 Kanama 2002, uwitwa HARERIMANA Desiré utuye mu murenge wa Shyogwe, Umujyi wa Gitarama, yandikiye Komisiyo asaba kurenganurwa kuko umukoresha we (ibarizo rya Diyosezi ya Kabgayi) atamuhaye imperekeza igihe yahagarikwaga ku kazi.

Komisiyo yahuje HARERIMANA n'uwahoze ari umukoresha we ikibazo gikemuka nta nzitizi kandi bidatinze.

e. Uburenganzira ku buzima n'imibereho myiza.

1. Kudahabwa "expertise" kwa RINGUYENEZA Pierre Claver.

RINGUYENEZA Pierre Claver yandikiye Komisiyo ku wa 23 Mutarama 2002 ayisaba kurenganurwa kubera ko muganga w'amaso wo kuri "Centre Hospitalier de Kigali", Dr ABELOS, yamubaze ijisho rikononekara.

Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ubuzima ku wa 15 Gicurasi 2002 imusaba ko yakoresha ububasha afite RINGUYENEZA agakorerwa expertise. Mu rwego rwo gukurikirana ibyakozwe Komisiyo yaje kumenya ko expertise yakozwe nyamara igisubizo ntigihabwe uwo bireba.

Mu gihe handikwa iyi raporo, Komisiyo yongeye kwandikira Minisitiri w'Ubuzima mu ibaruwa n° CNDH/388/03 yo ku wa 24 Mutarama 2003, imusaba kugeza umwanzuro wa "expertise" yakozwe kuri RINGUYENEZA Pierre Claver.

Komisiyo ikaba isanga abagana amavuriro bari bakwiye kujya bahabwa bene biriya byemezo nta mananiza.

2. Ikibazo cy'abaturage bimuwe muri Gishwati

Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu y'u Rwanda yakurikiranye ikibazo cy'abantu bari bahungutse bituje mu ishyamba rya Gishwati bakaza kwimurwa na Minisiteri y'Ubutaka, Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije yagiye kubatuza mu tundi turere.

Kuva ku wa 21 kugera ku wa 23 Nzeri 2002, Komisiyo yasuye abo baturage mu Turere bimuriwemo kugira ngo yirebere imiterere y'ibibazo by'imibereho byahavugwaga.

Mu Ntara ya Kibuye hasuwe inkambi z'agateganyo za Kajugujugu na Ruhanga mu Murenge wa Bwiza, mu Karere ka Rutsiro ; mu Ntara ya Gikongoro hasuwe inkambi ya Nyarwungo mu Karere ka Mushubi ; mu Ntara ya Gisenyi hasuwe inkambi za Kibihekane mu Karere ka Karago, Nkamira na Arusha mu Karere ka Mutura, Mahoko mu Karere ka Kanama, Gaseke na Muhayo mu Karere ka Gaseke na Nyirabikokoro mu Karere ka Gasiza, naho mu ntara ya Gitarama hasurwa inkambi ya Kiginga mu Karere ka Ndiza. Ku wa 18 Ukwakira 2002, intumwa za Komisiyo zagiye gusura inkambi ya Ndiza kubera ibibazo byihariye byari bihari mu rwego rwo kugenzura niba hari icyo byakozweho.

Muri rusange ahasuwe hose abaturage bemezaga ko bimuwe huti huti muri Gishwati kandi mu buryo bubatunguye bigatuma imiryango myinshi itandukana n'abayo ikanatakaza imitungo yayo. Ikindi bagaragarije Komisiyo ni ikibazo cy'imibereho mibi yo mu nkambi batujwemo. Ibibazo by'ingutu byagaragaye ni ibi bikurikira :

- Ubuto bw'ibibanza batujwemo ;
- Ibyo kurya bidahagije kandi bitabonekera igihe;
- Ubuke bw'ibikoresho byo kuryamamo n'iby'isuku ;
- Kutagira aho bikinga imbeho ;
- Gukora ingendo ndende bajya ku mavuriro no ku mashuri.

Imaze kubona ibyo bibazo byose, ku wa 26 Nzeri 2002, Komisiyo yandikiye Minisitiri w'Ubutaka Gutuza Abantu no Kurengera Ibidukikije n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho Myiza y'Abaturage, itabariza abo bantu yari ivuye gusura, inasaba abo bayobozi gusuzuma mu bwitonzi ibibazo byabo.

Ishingiye ku bibazo byagaragaye mu Turere twose yasuye, Komiyo irasaba inzego zibishinzwe kwihutira kubonera ibisubizo ibibazo byavuzwe haruguru kugira ngo bariya baturage bahumurizwe banagire imibereho ishimishije. Mu bibazo byihutirwa harimo kubagezaho mu buryo bwihutirwa ibyo kurya bihagije n'ibibakingira imbeho.

Komisiyo yiyemeje gukomeza gukurikirana kiriya kibazo.

2.2.3. Mu byerekeye guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu rwego rwo guteza imbere Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu y'u Rwanda yageze ku bikorwa by'ingenzi bikurikira :

- Ibikorwa bijyanye no gukangurira Abaturarwanda b'ingeri zinyuranye uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

- Ibikorwa bijyanye no kwigisha Abaturarwanda Uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

2.2.2.1. Gukangurira abaturarwanda muri rusange uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu rwego rwo gukangurira Abaturarwanda uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Komisiyo yatanze ibiganiro byari bigenewe abantu b'ingeri zinyuranye, hanatangwa ibiganiro kuri Radiyo na Televiziyo.

A. Abantu b'ingeri zinyuranye babonye ibiganiro ku burenganzira bw'ikiremwamuntu.

a. Abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri makuru n'ayisumbuye.

Mu mwaka w'2002, Komisiyo yatanze ibiganiro mu bigo 50 by'amashuri yisumbuye anyuranye. Ibyo biganiro byitabiriwe n'abanyeshuri ndetse n'abarezi babo bagera ku 20.777, bikaba byaribanze ku kumenyekanisha amahame shingiro y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'uburenganzira bw'umwana.

Muri rusange, abahuguwe bifuje ko Komisiyo yajya ibegera kenshi ikabahugura ku bijyanye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ikabatera inkunga mu gushinga amashyirahamwe (clubs) yita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu mu bigo bigamo no guhugura ayamaze gushingwa.

b. Ibiganiro byahawe inzego z'ubuyobozi.

Komisiyo yatanze ibiganiro ku bagize inzego z'ubuyobozi barimo abagize Njyanama, Komite Nyobozi z'Uturere, iz'Imirenge, iz'Utugari n'iza "Conseil de Développement Communautaire", abahuzabikorwa b'Imirenge, abahagarariye inzego z'Imirenge ku rwego rw'Uturere n'Imirenge, abagize amashyirahamwe n'imiryango inyuranye. Ibyo biganiro byibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Inyigisho y'ibanze ku burenganzira bw'ikiremwamuntu ;

- Uburenganzira bw'ikiremwamuntu, imiyoborere myiza n'iterambere ;

- Uruhare rw'abayobozi mu guharanira no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Abahawe ibiganiro bishimiye ko inyigisho z'uburenganzira bw'ikiremwamuntu zibafasha kumva neza umurimo bashinzwe muri politiki rusange yo kwegereza abaturage ubuyobozi. Bifuje kandi ko ibiganiro bahawe byagenerwa umwanya uhagije kugira ngo babone urubuga rwo kungurana ibitekerezo.

c. Inzego z'umutekano.

Ibiganiro byahawe kandi abagize inzego z'umutekano barimo abasirikari, abapolisi na ba "Local Defence Forces" bari mu ngando. Ibiganiro byatanzwe byibanze ku mahame shingiro y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'amahame ndangamyitwarire ku bakoresha intwaro.

Abahawe ibiganiro bifuje ko Komisiyo yajya ibahugura kenshi kandi ikanabavuganira ku bijyanye n'ibibazo bahura na byo mu kazi kabo ka buri munsi.

d. Inzego z'ubutabera.

Ibiganiro byahawe abagize inzego z'ubutabera barimo inyangamugayo mu Nkiko Gacaca, abazakurikirana imirimo yazo n'Abashinjacyaha. Insanganyamatsiko zibanzweho ni :

- Amahame shingiro y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

- Uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Nkiko Gacaca.

Bifuje ko bahugurwa kenshi kugira ngo basobanukirwe neza n'ibijyanye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu kuko ubutabera bubereyeho kurengera ubwo burenganzira.

e. Abanyamadini.

Ibiganiro ku burenganzira bw'ikiremwamuntu byahawe abanyamadini banyuranye barimo abapadiri n'abalayiki bo muri Kiliziya Gatolika, abagize Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro, abantu bari mu giterane cy'ivugabutumwa cy'Umuryango w'Ababatisita mu Rwanda, abagize Ishyirahamwe "Giraneza" ry'Abagore b'Abayisilamu mu Rwanda n'abakuru b'imisigiti ndetse n'abahagarariye Paruwasi bo mu Itorero ry'Abaperesipiteriyani. Inyigisho zatanzwe zibanze ku mahame shingiro y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu no ku ruhare rw'abanyamadini mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Bishimiye ibiganiro bahawe n'uruhare bifite mu kubaka umuryango nyarwanda, maze bifuza ko bene ibyo biganiro byatangwa ku banyamadini benshi kandi inshuro nyinshi.

f. Gereza.

Ibiganiro byatanzwe muri gereza nkuru ya Gikongoro n'iya Gisenyi. Abagororwa bo muri izo gereza baganiriwe ku bijyanye n'amahame shingiro y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, uburenganzira bw'abafungwa n'amategeko agenga ifata n'ifunga. Bifuje ko Komisiyo yajya ikurikirana by'umwihariko ibibazo by'abafunze barengana.

g. Imiryango y'urubyiruko.

Hatanzwe ibiganiro mu ngando z'abasukuti, abasaveri n'urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe (Clubs) y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Baganiriwe ku mahame shingiro y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, uburenganzira bw'umwana n'uruhare rw'urubyiruko mu kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu byifuzo byabo, bagaragaje ko urubyiruko ari ingufu z'igihugu bityo, bagasanga amahugurwa menshi ku burenganzira bw'ikiremwamuntu yafasha urubyiruko mu kubaka igihugu.

h. Abafite imibereho yihariye.

Hatanzwe ikiganiro ku bacitse ku icumu ry'itsembabwoko no ku bantu bitabiriye icyumweru cyahariwe kwibuka abazize itsembabwoko. Ibiganiro kandi byatanzwe mu bigo by'imfubyi by'umuryango S.O.S, binahabwa abagize ishyirahamwe ryitwa "Communauté des Autochtones Rwandais".

B. Ibiganiro byatanzwe kuri radiyo na televiziyo.

Mu rwego rwo kurushaho gukangurira Abaturarwanda uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Komisiyo yatanze ibiganiro ku nsanganyamatsiko zinyuranye mu kiganiro "**Uburenganzira iwacu**" ihitisha buri wa gatanu kuri Radiyo Rwanda kuva saa kumi n'ebyiri n'igice kugera saa moya z'umugoroba. Inahitisha ibindi biganiro kuri televiziyo y'u Rwanda.

a. Ibiganiro kuri Radiyo.

Kuri Radiyo hahise ibiganiro ku Nsanganyamatsiko zikurikira :

Inshamake y'ibiganiro byahise kuri Radiyo Rwanda mu rwego rw'ikiganiro "Uburenganzira iwacu" cya Komisiyo mu mwaka w'2001.
Ibikorwa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu iteganya gukora mu mwaka w'2002 mu rwego rwo kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Uruhare rw'abaturage mu kubungabunga uburenganzira bw'ikiremwamuntu : Inkiko-Gacaca n'uburenganzira bwa muntu.
Uruhare rw'inzego za Leta mu kubungabunga uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Ihame ry'ubwigenge bwa Komisiyo mu mikorere yayo.
"Guterura" ni kimwe mu bihungabanya uburenganzira bwa muntu muri rusange n'uburenganzira bw'umwari n'umutegarugori by'umwihariko.
Igikorwa cya Komisiyo cyo gukangurira abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Ifata n'ifunga bidakurikije amategeko bibangamira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya ivanguramoko kuko ribangamira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Ivanguramoko ribangamira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Kurwanya ivanguramoko.
Indishyi mu manza z'itsembabwoko n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Uko Komisiyo ibona ikibazo cy'ihohoterwa ry'abana mu gihugu cyacu.
Uburenganzira ku murimo.
Uko uburenganzira bw'ikiremwamuntu, by'umwihariko uburenganzira ku murimo bwifashe mu Ntara ya Gisenyi.
Gushimangira uburere mboneragihugu ku matora ni inkingi ikomeye y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
Ingabo z'igihugu zishishikajwe no kurushaho guteza imbere no gusobanukirwa n'amahame y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ndetse n'aho ahurira n'inshingano zazo.
Urubyiruko rwitegura kujya muri Kaminuza n'andi mashuri makuru ruriyemeza kuba abakangurambaga mu guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu gihugu cyacu.
Uburenganzira bw'umwana w'Umunyafurika.
Uko Komisiyo yiteguye gukurikirana uko uburenganzira bw'ikiremwamuntu bwubahirizwa mu mikorere y'Inkiko Gacaca.
Imikorere y'Inkiko Gacaca n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu
Ibyerekeye ifata n'ifunga mu mikorere y'Inkiko Gacaca
Ibyerekeye raporo ya Komisiyo y'umwaka w'2001
Uko uburenganzira bw'ikiremwamuntu bwifashe mu Ntara y'Umutara.
Uko uburenganzira bw'ikiremwamuntu bwifashe mu Ntara ya Kibungo.
Ihame ry'ubwigenge ku idini no ku bitekerezo.
Uko urubyiruko rwitegura kujya muri Kaminuza rwumva iby'uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'uruhare bafite mu kubuteza imbere no kuburengera.
Itangazamakuru n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu gihugu cyacu.
Ivugurura ry'ubucamanza n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda : iby'Urukiko rw'Ikirenga
Ivugurura ry'ubucamanza n' uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda : iby'imiterere n'ububasha by'Urukiko rw'Akarere n'icyo rwamarira abaturage.
Uko abari muri Komisiyo y'ubutabera n'Amahoro muri Diyosezi ya Ruhengeri bumva ibyerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'uko babona inyigisho za Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
Ivugururwa ry'Ubucamanza n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu : iby'Urukiko rw'Intara, Urukiko

Rukuru rw'Igihugu n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.
Uburenganzira bwo kwishyira ukizana : ifungurwa ry'agateganyo rya bamwe mu bagororwa bakekwaho icyaha cy'itsembabwoko muri gereza ya Kimironko/Remera.
Uruhare rw'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu iterambere ry'Igihugu.
Ibyerekeye Imbanzirizamushinga y'Amasezerano Nyarwanda y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.
Ibitekerezo ku burenganzira bw'ikiremwamuntu by'Urukiko rwo mu Karere ka Bicumbi muri Kigali Ngari.
Ubworoherane n'uburenganzira bwa muntu.
Gahunda ya Komisiyo yo gushishikariza Abaturarwanda uburenganzira bw'umwana n'itangira ryayo binyujijwe mu bana ubwabo.
Iby'umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'intambwe igihugu cyacu kimaze gutera mu guteza imbere no kurengera ubwo burenganzira.
Ibikwiye kwibukwa igihe hazirikanwa iby'umunsi mpuzamahanga w'uburenganzira bw'ikiremwamuntu na bimwe mu bikorwa bya Komisiyo mu kuburengera.
Uburenganzira bw'abafite ubumuga.
Uko urubyiruko rwo mu Karere ka Bicumbi rubona iby'uburenganzira bw'ikiremwamuntu aho ruri.

b. Ibiganiro kuri Televiziyo.

Kuri Televiziyo y'u Rwanda hahitishijwe ibiganiro bikurikira :

- Uruhare rw'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu iterambere ry'igihugu ;

- Mu kiganiro "kubaza bitera kumenya" haganiriwe ku ngingo zikurikira :

  - Impamvu n'akamaro k'umunsi w'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, impamvu n'akamaro k'Itangazo Mpuzamahanga ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Amasezarano Mpuzamahanga agamije gukumira no kurwanya itsembabwoko ;

  - Intambwe u Rwanda rumaze gutera mu kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu, uruhare rwa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, n'izindi nzego za Leta n'urw'imiryango itegamiye kuri Leta ;

  - Ibibazo byihariye bibangamiye ikiremwamuntu birimo ubukene n'indwara ya SIDA.

C. Ibikorwa bijyanye n'amasabukuru y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu rwego mpuzamahanga no mu rwego rw'igihugu hari iminsi ngarukamwaka yo kuzirikana uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu mwaka w'2002, Komisiyo yijihije iminsi ikurikira :

a. Ku wa 8 Werurwe : umunsi w'abari n'abategarugori.

Abakozi ba Komisiyo bifatanyije n'abandi kwizihiza uwo munsi. Komisiyo kandi yatanze inyandiko ku burenganzira bw'umugore zigezwa ku bantu barenga 2000 bari i Butamwa aho uwo munsi wijihirije ku rwego rw'igihugu.

b. Ku wa 21 Werurwe : umunsi wo kurwanya ivanguramoko.

Kuri uyu munsi, hateguwe ubutumwa bwanditse bunyuranye bumanikwa ahantu nyabagendwa mu Mujyi wa Kigali, ndetse na Perezida wa Komisiyo atanga ubutumwa bujyanye n'uwo munsi bwahitishijwe kuri radiyo na Televiziyo.

c. Ku wa 16 Kamena : umunsi w'umwana w'umunyafurika.

Uwo munsi wijihirijwe ku rwego rw'igihugu mu Ntara ya Gikongoro, mu Karere ka Nshili. Insanganyamatsiko yawo yari : **"Tumenye uburenganzira n'inshingano z'umwana, tumurengere"**. Komisiyo yatanze ubutumwa ku Banyarwanda ikoresheje uburyo bwo kwandika ku bitambaro byamanitswe mu Ntara zose no mu Mujyi wa Kigali. Ubwo butumwa bwari bugamije gukangurira Abaturarwanda kumenya amategeko arengera uburenganzira bw'umwana no kuyubahiriza. Komisiyo nayo yari ihagarariwe muri uwo muhango.

d. Ku wa 20 Kamena 2002 : umunsi mpuzamahanga w'impunzi.

Uwo munsi wijihirijwe ku rwego rw'igihugu i Byumba, mu Nkambi y'Impunzi z'Abanyekongo ya Gihembe. Muri iyo mihango, Komisiyo nayo yari ihagarariwe.

e. Ku wa 10 Ukuboza 2003 : umunsi w'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu rwego rwo kwizihiza no kuzirikana uyu munsi, ku wa 10 Ukuboza 2002 hatanzwe ikiganiro mbwirwaruhame muri Hôtel Novotel Umubano. Icyo kiganiro cyahitishijwe kuri Radiyo na Televiziyo, kibanze ku kugaragaza impamvu n'akamaro k'Umunsi w'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, impamvu n'akamaro k'Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu n'Amasezarano Mpuzamahanga agamije gukumira no kurwanya itsembabwoko ; intambwe u Rwanda rumaze gutera mu kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu, uruhare rwa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu urw'izindi nzego za Leta n'urw'imiryango itegamiye kuri

Leta. Icyo kiganiro cyavuze no ku bindi bibazo byihariye bibangamiye ikiremwamuntu birimo ubukene n'indwara ya SIDA. Hatanzwe n'ikiganiro mbwirwaruhame mu nzu mberabyombi y'Intara ya Kibuye ku bijyanye n'uwo munsi.

Hateguwe kandi ubutumwa bukubiye mu nyandiko yacishijwe mu binyamakuru. Muri make, iyo nyandiko igaragaza impamvu y'Umunsi Mpuzamahanga w'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, intambwe u Rwanda rwateye mu guharanira no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu nk'igihugu cyasinye Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ryo mu w'1948 ndetse n'uruhare Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yabigizemo mu gihe cy'imyaka itatu imaze ishyizweho.

Hateguwe n'ubutumwa bwanditse ku bitambaro bumanikwa ahantu nyabagendwa hirya no hino mu gihugu.

Ku itariki ya 9 n'iya 10 Ukuboza 2002, Komisiyo yagejeje ku baturarwanda, kuri Radiyo na Televiziyo, ubutumwa bujyanye n'iyo minsi ngarukamwaka itwibutsa amasezerano mpuzamahanga ajyanye no gukumira no guhana icyaha cy'itsembabwoko n'itangazo mpuzamahanga ku burenganzira bw'ikiremwamuntu. Muri ubwo butumwa, Perezida wa Komisiyo yasobanuye amateka y'Umunsi Mpuzamahanga w'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Uwo munsi ukomoka ku Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ryemejwe kandi rigatangazwa n'Umuryango w'Abibumbye ku wa 10 Ukuboza 1948 i Genève. U Rwanda rwo rwarishyizeho umukono ku wa 18 Nzeri 1962.

Perezida wa Komisiyo yagaragaje kandi ibikorwa byagezweho na Komisiyo mu rwego rwo kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

D. Ibikorwa byerekeranye n'amashyirahamwe (Clubs) yita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu.

Abagize amashyirahamwe yita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu cyane cyane ayo mu mashuri yisumbuye yo mu Ntara za Butare, Kigali Ngari na Byumba barahuguwe. Mu rwego rwo guteza imbere ibikorwa byayo, hateguwe amarushanwa y'ikinamico, ishyirahamwe ribaye irya mbere rikagenerwa ibihembo.

2.2.2.2. Kwigisha abaturarwanda uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu rwego rwo kwigisha Abaturarwanda uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Komisiyo yatanze amahugurwa amara iminsi myinshi ku bantu b'ingeri zinyuranye.

A. Inzego z'ubuyobozi.

Mu mwaka w'2002, Komisiyo yahuguye abagize Komite Nyobozi z'Uturere n'Imijyi na bamwe mu bakozi b'Intara bageze ku 125 bo mu Ntara za Cyangugu, Kibuye na Butare. Yanahuguye abagize

inzego z'abari n'abategarugori 92 bo mu Ntara y'Umutara, hanahugurwa kandi abahuzabikorwa b'Imirenge n'Umujyi 113 bo mu Ntara ya Cyangugu.

Aya mahugurwa yibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :
- ishingiro n'amahame remezo y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu,
- amahame n'amategeko bigenga ukwishyira ukizana kwa buri muntu n'amategeko agenga ifata n'ifunga,
- uburenganzira bw'umugore mu mategeko y'u Rwanda n'uko bwifashe muri iki gihe,
- uburenganzira bw'umwana mu mategeko y'u Rwanda n'uko bwifashe muri iki gihe,
- uko uburenganzira bw'ikiremwamuntu bwifashe mu gihugu n'uruhare rw'abayobozi n'abaturage mu kububungabunga no kubuteza imbere,
- imiyoborere myiza n'iterambere n'inyigisho ku buryo bwiza bwo guhuza abantu no gukemura amakimbirane.

Nyuma y'amahugurwa, abahuguwe bishimiye uburyo amahugurwa yagenze bifuza ko yagera no ku nzego z'ibanze cyane cyane iz'utugari n'imirenge.

B. Inzego zishinzwe umutekano.

Mu rwego rwo guhugura abagize inzego zishinzwe umutekano, mu mwaka w'2002, Komisiyo yahuguye abapolisi 100, abasirikare 30 n'abacungagereza 30 bo mu Ntara no muri za Burigade zitandukanye. Ayo mahugurwa yabereye mu Ntara za Kibuye, Gitarama, Ruhengeri na Gisenyi.

Abagize inzego z'umutekano bahuguwe ku nsanganyamatsiko zikurikira :
- inyigisho y'ibanze ku burenganzira bw'ikiremwamuntu,
- uko uburenganzira bw'ikiremwamuntu bwifashe mu gihugu n'uruhare rwa Polisi n'abaturage mu kuburinda no kubuteza imbere, uruhare n'imyifatire by'abapolisi mu miyoborere myiza,
- amahame n'amategeko bigenga ukwishyira ukizana kwa buri muntu,
- n'amategeko agenga ifata n'ifunga, uburenganzira bw'abafunze,
- amasezerano Mpuzamahanga abuza iyicarubozo n'imyitwarire ya kinyamaswa itesha muntu agaciro,
- amahame ndangamyitwarire ku bashinzwe kubahiriza amategeko n'umutekano,
- inshingano n'uruhare by'abagenzacyaha mu birebana n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu,
- uburenganzira bw'umugore n'umwana mu Rwanda n'uruhare rw'abagenzacyaha mu kububungabunga.

Bifuje ko habaho imikoranire myiza hagati y'inzego zishinzwe umutekano n'izindi nzego z'ubuyobozi kandi amahugurwa ku burenganzira bw'ikiremwamuntu agahabwa inzego zinyuranye zishinzwe umutekano.

C. Urubyiruko.

Umwaka w'2002 warangiye Komisiyo ihuguye abagize inzego z'urubyiruko 32, abanyeshuri 106 bo muri amwe mu mashuri yisumbuye n'amakuru n'abanyeshuri 136 bibumbiye mu mashyirahamwe (Clubs) yita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu. Ayo mahugurwa yabereye mu Ntara za Butare, Kigali Ngari, Byumba no mu Mujyi wa Kigali yibanze ku nyigisho zikurikira :

- amahame remezo ku burenganzira bw'ikiremwamuntu,
- uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu gihugu kigendera ku mategeko,
- uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Nkiko Gacaca,
- uburenganzira bw'umwana n'ubw'umugore mu masezerano mpuzamahanga no mu mategeko y'u Rwanda,
- uburenganzira bw'abafite imibereho yihariye,
- by'umwihariko ba nyamuke n'abamugaye,
- ibibazo bibangamiye uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda n'uruhare rw'urubyiruko mu kubikemura.

Abanyeshuri bahuguwe basabye ko Komisiyo yagira uruhare mu gushinga andi mashyirahamwe (Clubs) yita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu mu rwego rwo kumenyekanisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu ndetse igakomeza amahugurwa ku mashyirahamwe yamaze gushingwa.

D. Abanyamakuru.

Kuva ku wa 22 kugera ku wa 23 Nzeri 2002, mu mujyi wa Kigali, Komisiyo yahuguye abanyamakuru ba Leta n'abikorera ku giti cyabo bagera kuri 47.

Ayo mahugurwa yibanze :

- ku mahame remezo ku burenganzira bw'ikiremwamuntu,
- uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru mu mategeko mpuzamahanga,
- uko uburenganzira bw'itangazamakuru bwifashe mu Rwanda n'uburenganzira bw'umunyamakuru mu mategeko y'u Rwanda n'uko bwifashe muri iki gihe,
- amateka y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda,
- uruhare n'ububasha by'itangazamakuru mu kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu bihe bisanzwe no mu bihe by'imidugararo,
- uruhare rw'itangazamakuru mu itsembabwoko n'umusanzu ritegerejweho mu kurwanya ibitekerezo bipfobya itsembabwoko,
- imikoranire ikenewe hagati y'inzego za Leta, zigenga n'ibigo bya Leta by'itangazamakuru mu birebana no kurengera no guteza imbere uburenganzira bwa muntu.

Nyuma y'amahugurwa, abanyamakuru bagaragaje ko :

- Itangazamakuru rifite uruhare runini mu kwigisha guharanira, kurengera, kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'ubwo ibinyamakuru bitinya gutangaza amakuru arebana n'ibangamira ndetse n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

- Itangazamakuru ryagize uruhare runini mu gukangurira abantu itsembabwoko, rikaba rigira n'uruhare muri iki gihe mu kurihakana no kuripfobya ;

- Mu itegeko rigenga itangazamakuru harimo ingingo zimwe na zimwe zidasobanutse neza zishobora kubangamira uburenganzira n'ubwisanzure bigenga itangazamakuru.

Bamaze kugaragaza ibyo bibazo, abanyamakuru batanze ibyifuzo bikurikira :

- gutangaza amakuru yerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu bwisanzure busesuye hakurikijwe amahame n'imyitwarire bigenga umwuga w'itangazamakuru hifashishijwe ibigo n'amashyirahamwe by'abanyamakuru ;

- kwihatira kwihugura ku mahame n'amategeko arebana n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, n'ibindi byose birebana na byo ariko barasaba amahugurwa arebana no gusobanukirwa n'amategeko yerekeye itsembabwoko, kandi hagashyirwaho ibihano hakurikijwe amategeko ku baripfobya cyangwa abakongera kurikangurira abanyarwanda ;

- koroherezwa kubona amakuru arebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'abayobozi b'ibigo by'itangazamakuru, ndetse n'amashyirahamwe y'abanyamakuru agasabwa gukurikirana imyitwarire y'abanyamakuru mu mirimo yabo ;

- inzego za Leta, by'umwihariko izishinzwe umutekano n'iz'ubutabera, zakorohereza itangazamakuru mu gihe rikurikirana ibibazo birebana n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

- kuvugurura itegeko rigenga itangazamakuru kugira ngo risobanuke neza.

*

* *

2.2.3. Mu guteza imbere Komisiyo.

2.2.3.1. Gushaka abakozi bashya no kubashyira mu myanya.

Umwaka w'2002 warangiye Komisiyo ishyize abakozi bashya mu myanya bagera kuri makumyabiri na babiri (22) : Harimo abayobozi b'amashami babiri (2) n'abakozi bandi makumyabiri (20). Abo bose bashyizwe mu myanya batangira akazi ku wa 2 Mutarama 2002.

2.2.3.2. Guhugura abakozi

Ibikorwa by'umwaka w'2002 byibanze ku mahugurwa y'abakozi ba Komisiyo yabereye mu Rwanda no mu mahanga. A mahugurwa yatanzwe yibanze ku nsanganyamatsiko zikurikira :

- Uburyo bwo kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;
- Ubuhanga bwo gukora amaperereza mu bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu;
- Ubuhanga bwo gukemura amakimbirane hakoreshejwe guhuza no kunga abantu;
- Ubuhanga bwo gucunga no kubika inyandiko zikoreshwa mu buyobozi ;
- Ubuhanga bwo kubaka no gucunga imiyoboro y'itumanaho hakoreshejwe ibyuma kabuhariwe (site web).

A. Mu gihugu.

Kuva ku wa 22 kugera ku wa 27 Gicurasi 2002, mu kigo Centre de Pastorale Saint Paul, i Kigali, hahuguwe abakozi 32 ku mahame y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Abahuguwe ni abayobozi b'inzego, ab'amashami n'abahagarariye Komisiyo mu Ntara. Bahuguwe n'impuguke yigisha iby'uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Ishuri Rikuru ryitwa Raoul Wallenberg ryo mu gihugu cya Suwede no muri Kaminuza y'i Pretoria mu gihugu cya Afurika y'Epfo yitwa Michelo Kennedy HANSUNGULE ikomoka mu gihugu cya Zambiya. Yunganiwe na NTAGANDA Eugène, Umunyamategeko waturutse muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare .

Kuva ku wa 16 kugera ku wa 22 Nyakanga 2002, mu kigo Kicukiro Training Center, i Kigali, hahuguwe abakozi mirongo itatu na babiri (32) ku buryo bwo gukora iperereza ku bijyanye n'ihohotertwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Abahuguwe ni abayobozi b'inzego, ab'amashami, abahagarariye Komisiyo mu Ntara n'abakozi bo mu nzego zishinzwe Uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki, Uburenganzira mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Iterambere, n'abo mu rwego rushinzwe Imanza n'Amakimbirane. Mu bahuguwe kandi harimo abakozi 2 ba Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'umukozi umwe wo muri CLADHO. Inyigisho zatanzwe na Pearl ELIADIS, impuguke mu by'amategeko ikomoka mu gihugu cya Kanada akaba n'inzobere mu by'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Iryo hugurwa rikirangira, abo bakozi bagiye mu rindi ryerekeranye n'uburyo bwo kunga no gukemura amakimbirane ryatangiye ku wa 23 rigasozwa ku wa 26 Nyakanga 2002. Inyigisho zatanzwe na none na Pearl ELIADIS, yunganirwa na NTAGANDA Eugène.

Kuva ku wa 26 kugera ku wa 29 Ugushyingo 2002, mu kigo Kicukiro Training Center, i Kigali, hahuguwe abakozi makumyabiri n'icyenda (29) mu buryo bwo kunga no gukemura amakimbirane. Hahuguwe abungirije abahagarariye Komisiyo mu ntara n'abakozi batahuguwe mu mahugurwa yabaye mbere. Abatanze amahugurwa ni bamwe mu bakozi ba Komisiyo bahuguwe mu cyiciro cya mbere.

Kuva ku wa 27 Ugushyingo kugeza ku wa 6 Ukuboza 2002, ku cyicaro cya Komisiyo, i Kigali, hahuguwe abakozi bane (4) mu bijyanye no kubaka no gucunga imiyoboro y'itumanaho hakoreshejwe ibyuma kabuhariwe "Web Site". Bahuguwe n'impuguke yo mu gihugu cya Danemariki yitwa Henrik LINDHOLT.

Kuva ku wa 12 kugera ku wa 14 Ukoboza 2002, mu kigo cy'amahugurwa cy'i Murambi, i Gitarama, hahuguwe abakozi makumyabiri na batandatu (26) mu buryo bwo gucunga no kubika inyandiko zikoreshwa mu buyobozi. Abahuguwe ni abakozi ba Komisiyo mu ntara na bamwe mu bakozi bo ku cyicaro gikuru barebana n'iby'ubuyobozi. Ayo mahugurwa yari yatanzwe n'Ikigo cy'igihugu cyigisha icungamutungo n'ubuyobozi (RIAM).

B. Mu mahanga.

Kuva ku wa 15 kugera ku wa 26 Nyakanga 2002 umuyobozi w'Urwego rushinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Imbonezamubano na Politiki yahuguwe k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu muri Kaminuza ya Abomey-Calavi y'i Cotonou muri Bénin.

Kuva ku wa 23 Nzeri kugera ku wa 18 Ukwakira 2002, umuyobozi w'Urwego rushinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu mu by'Ubukungu, Imibereho myiza, Umuco n'Iterambere yahuguwe mu buryo bwo kurinda Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu muri Ecole Nationale d'Administration i Paris mu Bufaransa.

Umuyobozi w'Ishami rishizwe Ubutegetsi bw'Ubutabera yoherejwe gukora"maîtrise" mu Burenganzira bw'Ikiremwamuntu muri Université Catholique de Lyon mu Bufaransa mu mwaka w'amashuri 2002-2003.

Kuva ku wa 23 Nzeri kugera ku wa 18 Ukwakira 2002, umuyobozi w'Urwego rushinzwe iby'Imanza n'Amakimbirane yoherejwe mu mahugurwa ku buringanire n'Uburenganzira bw'abari n'abategarugori muri "Raoul Wallenberg Institute" muri Suwede.

2.2.3.3. Imishinga yateguwe, igashyirwa mu bikorwa ikanakurikiranwa.

Mu mwaka w'2002 imishinga ikurikira yarateguwe ishyirwa mu bikorwa :

Hateguwe umushinga w'amahugurwa y'abagize komite nyobozi z'Uturere n'Imijyi mu Ntara ya Butare ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu watewe inkunga na Catholic Relief Service (CRS). Hahuguwe abantu 48 mu byiciro bitatu : kuva kuwa 26 kugeza kuwa 28 Nzeri, kuva kuwa 2 kugeza kuwa 4 Ukwakira no kuva ku wa 19 kugeza ku wa 21 Ukuboza.

Hari na none umushinga w'amahugurwa y'abapilisi (O.P.J.) mu Ntara ya Butare ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu watewe inkunga na TROCAIRE ;

Umushinga w'amahugurwa y'abapolisi n'abacungagereza mu Ntara ya Cyangugu mu Burenganzira bw'Ikiremwamuntu watewe inkunga na HELPAGE Rwanda. Kuva ku wa 30 kugeza ku wa 31 Mutarama, hahuguwe Komite Nyobozi z'Uturere n'iy'umujyi bageze kuri 30. Kuva ku wa 23 kugeza ku wa 25 Ukwakira hahuguwe abahuzabikorwa b'Imirenge 113. Naho umushinga w'amahugurwa y'abapolisi ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu mu Ntara ya Kibungo wamaze gutegurwa ukazashyirwa mu bikorwa mu ntangiriro z'umwaka w'2003.

Umushinga w'amahugurwa y'abari n'abategarugori bari mu buyobozi bw'inzego z'ibanze mu Ntara y'Umutara ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu watewe inkunga na Lutherian World Federation (L.W.F.) na CARE International.

Komisiyo ifite umushinga iterwamo inkunga n'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi mu byerekeye gukurikira imikorere y'Inkiko Gacaca washyizweho umukono muri Nzeri 2002 ukaba waratangiye gushyirwa mu bikorwa mu gihe twandika iyi raporo.

Umushinga RWA/AH/42 waje guhinduka RWA/02/001 watewe inkunga n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu. Icyiciro cyawo cya mbere cyarangiye ku wa 31 Ukuboza 2002 icya kabiri kizarangira ku wa 30 Kamena 2003.

Umushinga w'amahugurwa n'ubushakashatsi ku ihohoterwa rikorerwa abari n'abategarugori Komisiyo yawukoranye na "Coopération Canadienne". Uyu mushinga warakozwe uranonosorwa ukaba uzashyirwa mu bikorwa kuva muri Nyakanga 2003.

Umushinga w'ubushakashatsi ku ihohoterwa rikorerwa abana warakozwe uranonosorwa. Icyiciro cyawo cya mbere kigamije gushaka amakuru y'ibanze ku ihohoterwa rikorerwa abana cyakozwe muri Nyakanga na Kanama 2002. Hasigaye ishyirwa mu bikorwa ry'icyiciro cya kabiri ari bwo bushakashatsi nyirizina.

Hateguwe na none umushinga w'ubushakashatsi ku miterere y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda ukaba utegereje amikoro kugira ngo ushyirwe mu bikorwa.

Umushinga w'amahugurwa y'abakozi ba Komisiyo ku buryo bwo kwakira no guhana amakuru ku birego bigezwa kuri Komisiyo hakoreshejwe ibyuma kabuhariwe (automatisation des plaintes warizwe ukazashyirwa mu bikorwa ku nkunga ya Ambasade y'Ubwongereza mu Rwanda. Ishyirwa mu bikorwa ryawo riteganyijwe mu mwaka w'2003.

Umushinga wo kwinjiza inyigisho z'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu nteganyanyigisho z'amashuri yisumbuye washyizwe mu bikorwa ku bufatanye bwa Komisiyo, Minisiteri y'Uburezi, Ubushakashatsi n'Ikoranabuhanga (MINEDUC) na Komite Mpuzamahanga ya "Croix-Rouge" (CICR). Icyiciro cya mbere cy'uyu mushinga cyatangiye ku wa 19 Kanama 2002 kigeza ku wa 23 Ukwakira 2002, hakaba harateguwe inyigisho z'icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (Tronc Commun).

Umushinga wo kwamamaza uburenganzira bw'umwana washyizwe mu bikorwa ugamije kumenyekanisha uburenganzira bw'umwana hakoreshejwe irushanwa ry'ibihangano by'abana ubwabo (indirimbo, ikinamico, ibishushanyo). Ibyo bihangano byibandaga ku kumenyekanisha itegeko n° 27/2001 ryo ku wa 28 Mata 2001 ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa. Irushanwa ry'indirimbo ryakozwe n'abana baba mu bigo byakira urubyiruko (Centres d'acceuil pour enfants) biri mu Ntara ya Kigali Ngari no mu Mujyi wa Kigali. Irushanwa ryo gushushanya ku nsanganyamatsiko zijyanye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ryakozwe n'abana biga mu mashuri abanza bo mu Ntara za Gikongoro, Cyangugu, Kibuye, Kibungo, Umutara na Ruhengeri ; na ho iry'ikinamico rikorwa n'abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye yo mu Ntara ya Gitarama na Gisenyi.

2.2.3.4. Ifungurwa ry'isomero rya Komisiyo.

Muri Mutarama 2002, isomero rya Komisiyo ryarafunguwe rishyirwamo ibikoresho bikenewe bigizwe n'ibitabo ahanini byerekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu hamwe n'ibinyamakuru. Iryo somero rifasha abakozi ba Komisiyo ndetse n'abandi bo hanze gukora ubushakashatsi.

*

* *

2.2.4. Umubano rusange n'izindi nzego.

Nk'uko Komisiyo isanzwe igirana ubufatanye n'inzego zinyuranye kugira ngo ibashe kugera ku nshingano zayo, mu mwaka w'2002 yafatanyije n'inzego za Leta zitandukanye, imiryango yigenga itegamiye kuri Leta ikorera mu Rwanda, imiryango nterankunga hamwe n'inshuti zayo. Ubwo bufatanye bugaragarira mu bikorwa bifatika byagezweho bikubiye mu ngingo zikurikira :

2.2.4.1. Inzego za Leta y'u Rwanda.

A. Ubufatanye na Minisiteri.

a. Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Itangazamakuru n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

Uyu mwaka, Komisiyo yakurikiranye ishyirwa mu bikorwa ry'ibyaganiriweho mu mwaka w'2001 ku byerekeye ubufatanye bw'inzego zombi, cyane cyane ibyerekeye amahugurwa y'abayobozi banyuranye ategurwa n'umushinga w'iyo Minisiteri ushinzwe gukurikirana gahunda yo kwegereza abaturage ubutegetsi (DMU). Mu mahugurwa y'abazahugura abandi yateguwe n'uwo mushinga hashyizwemo n'isomo ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ku buryo mu batanze amasomo mu gihugu hose ku bayobozi b'inzego zinyuranye z'ibanze harimo n'umukozi wa Komisiyo. Kuri ubwo bufatanye hanatanzwe amahugurwa ku burenganzira bw'umwana hamwe no ku burere mboneragihugu.

- **Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco.**

Ubufatanye bw'Inzego zombi bwaranzwe n'inama nyunguranabitekerezo zagiye zikorwa. Ni muri urwo rwego Komisiyo yagize uruhare mw'itegurwa ry'umunsi w'intwari n'icyunamo cy'igihugu, inatanga ibiganiro bijyanye n'icyo cyumweru ku nshuro ya munani u Rwanda rwibuka itsembabwoko ryo mu mwaka w'1994.

- **Minisiteri y'Uburezi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi.**

Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yafatanyije na Minisiteri y'Uburezi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi gutegura gahunda z'amasomo y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu azajya atangwa mu mashuri. Hanateguwe uburyo bw'imikoranire hagati y'inzego zombi, ariko mu gihe cyo gutegura iyi raporo, inyandiko y'ubufatanye bw'impande zombi ntirashyirwaho umukono.

- **Minisiteri y'Umuryango n'Iterambere ry'Umunyarwandakazi.**

Abakozi ba Komisiyo bahuguwe na Minisiteri y'Umuryango n'Iterambere ry'Umunyarwandakazi ku birebana n'uburinganire. Komisiyo nayo yagize uruhare mu itegurwa ry'ubushakashatsi kw'ihohoterwa ry'abana, abari n'abategarugori bwari bwateguwe na Minisiteri

y'Ubutabera n'Imikoranire n'izindi Nzego ifatanyije n'iy'Umuryango n'Iterambere ry'Umunyarwandakazi. Mu rwego rw'ubufatanye hanashyizweho kandi ukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki ya "gender" muri Komisiyo.

B. Ubufatanye n'Inzego z'Umutekano.

- **Ingabo z'Igihugu.**

Mu mwaka w'2002 hashyizwe mu bikorwa igice cya mbere cy'umushinga Komisiyo ifatanyije n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) na Minisiteri y'Ingabo ugamije guhugura ingabo z'igihugu mu byerekeye uburenganzira bw'abana cyane cyane mu bihe by'intambara n'amage.

Mu gihe iyi raporo handikwaga, igice cya kabiri cy'uwo mushinga cyaratangiye.

- **Polisi y'Igihugu.**

Ubufatanye bwa Komisiyo na Polisi y'Igihugu bwaranzwe n'amahugurwa agenerwa Polisi y'Igihugu, ku nsanganyamatsiko zinyuranye (reba ku rupapuro rwa 80 ry'iyi raporo), yahawe abapolisi mu Ntara z'igihugu ku byerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

- **Ubufatanye n'andi makomisiyo.**

  - **Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge.**

Mu ngando zitegurwa na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge zigenerwa ingeri z'abantu batandukanye, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu igira uruhare mu gutanga isomo rirebana n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Mu mahugurwa Komisiyo igira itumiramo Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge ndetse nayo igira uruhare mu mahugurwa agenewe abasirikare Komisiyo ifatanyije na UNICEF.

Mu rwego rwo gusubiza mu buzima busanzwe abanyarwanda batahutse bari barahunze mu 1994, bagiye banyuzwa mu ngando aho bahabwaga amasomo azabafasha mu buzima babaga bagiyemo. Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu nayo yagiye ibagenera amasomo arebana n'uburenganzira bwabo n'ubw'abandi n'uburyo bagomba kubuharanira.

Komisiyo kandi yahuguye abakozi ba Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge ku bijyanye no gukora ipererezа ku ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'ibijyanye n'uburyo bwo gukemura amakimbirane bitanyuze mu nkiko.

➢ **Komisiyo ishinzwe gutegura Itegeko Nshinga.**

Komisiyo yatanze ibitekerezo mu itegurwa ry'imbanzirizamushinga y'Itegeko Nshinga ishyikiriza Komisiyo ishinzwe Gutegura Itegeko Nshinga inyandiko yiswe imbanzirizamushinga y'amasezerano nyarwanda y'uburenganzira bwa muntu yari igamije kwinjizwa muri iryo Tegeko.

➢ **Komisiyo ishinzwe Gusubiza mu buzima busanzwe abasezerewe mu ngabo.**

Ku bufatanye bw'inzego zombi, buri gihe iyo habaye ingando y'abasezerewe mu ngabo bahabwa amasomo anyuranye, bityo Komisiyo ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu nayo ikayagiramo uruhare runini aho itanga amasomo yerekeranye n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

➢ **Komisiyo y'Amatora.**

Komisiyo zombi zafatanyije gutegura inyandiko zirebana n'uburere mboneragihugu, imfashanyigisho no gukangurira abaturarwanda kwitabira amatora y'abayobozi. Mu masomo yateguwe hakaba harimo arebana n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, kandi mu bazakurikirana itangwa ryayo harimo n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu. Mu masomo yateguwe hakaba harimo ayatanzwe na Komisiyo.

2.2.4.2. Inshuti za Komisiyo.

- **Ubufatanye na za Ambasade.**

➢ **Ambasade ya Kanada.**

Yateye inkunga Komisiyo, izafasha mu mahugurwa n'ubushakashatsi ku ihohoterwa rikorerwa abari n'abategarugori. Yanagiranye na Komisiyo amasezerano y'ubufatanye mu mushinga wo gukangurira abaturarwanda uburenganzira bw'umwana (campagne nationale de sensibilisation sur les droits de l'enfant).

➢ **Ambasade y'Ubusuwisi.**

Ibiro by'Ubufatanye bya Ambasade y'Ubusuwisi byateye inkunga ibiro bya Komisiyo bikorera mu Ntara ya Kibuye. N'ubwo umushinga warangiye muri Nzeri 2002, hari ikizere ko ubufatanye buzakomeza mu rwego rw'Intara zose. Mu Ukuboza 2002, i Murambi mu Ntara ya Gitarama, hatanzwe inyigisho zirebana no gucunga no guhererekanya amakuru yerekeye akazi (gestion de l'information administrative) zihabwa abakozi bose bo mu Ntara ku nkunga y'iyi Ambasade.

- **Ambasade y'Ubufaransa.**

Ambasade y'Ubufaransa mu Rwanda yateye inkunga Komisiyo mu kohereza mu mahugurwa Umukuru w'Urwego rushinzwe Uburenganzira mu by'Ubukungu, Imibereho Myiza, Umuco n'Amajyambere mu Ishuri ry'Igihugu ryigisha ibyerekeranye n'Ubutegetsi riri i Paris (Ecole Nationale d'Administration de Paris).

- **Ambasade y'Ubwongereza.**

Iyi Ambasade yemereye Komisiyo inkunga izayifasha mu mahugurwa y'abakozi bayo arebana n'uburyo bwo kwakira no guhana amakuru ku birego bigezwa kuri Komisiyo hakoreshejwe ibyuma kabuhariwe.

- **Ambasade ya Suwede.**

Yateye inkunga Komisiyo mu kohereza i Raoul Wallenberg Institute Umukuru w'Urwego rushinzwe Amategeko no Gukemura Amakimbirane, kwihugura mu birebana n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

- **Ambasade y'Ubudage.**

Yateye inkunga Komisiyo mu gukoresha amarushanwa yo gukora ku birebana n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ku bana bo mashuri abanza yo mu Ntara z'Umutara, Kibungo, Gikongoro na Ruhengeri.

2.2.4.3. Ubufatanye n'imiryango nterankunga.

- **Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burenganzira bw'Ikiremwamuntu (HCDH).**

Ku bufatanye bw'uyu muryango na Komisiyo ubinyujije mu mushinga w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ritsura Amajyambere wateye Komisiyo inkunga izayifasha mu mahugurwa anyuranye y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu :

- Amahugurwa ku mahame remezo y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;
- Amahugurwa ku buryo bwo gukora iperereza ;
- Amahugurwa ku guhosha amakimbirane.

- **Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF).**

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) rifatanya na Komisiyo mu mushinga wo kwigisha no guhugura Ingabo z'Igihugu mu byerekeye guteza imbere no kurinda uburenganzira bw'umwana mu bihe bisanzwe, mu bihe by'intambara n'amage.

- **Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi n'Umuco.**

Ishami ryayo rireba ibyerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu ryafashije Komisiyo mu kongera ubushobozi bw'abakozi bayo, ryohereza bamwe muri bo muri Bénin kwihugura ku nyigisho z'ibanze k'uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

- **Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi.**

Uyu muryango wagiranye amasezerano y'ubufatanye na Komisiyo binyuze mu mishinga ugamije gutera inkunga mu rwego rw'igihugu kigendera ku mategeko no gushyigikira ingamba zateza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu n'ubwiyunge mu gihugu. Uwo mushinga, ugamije gukurikirana imikorere y'Inkiko Gacaca uzamara imyaka itatu.

2.2.4.4. Ubufatanye n'imiryango yigenga itegamiye kuri Leta ikorera mu gihugu.

- **Imiryango nyamahanga ikorera mu gihugu.**

  - **CATHOLIC RELIEF SERVICE (CRS) :** Yateye inkunga Komisiyo mu mahugurwa ya Komite Nyobozi z'Uturere n'Imijyi mu Ntara ya Butare kandi yemera ko izakomeza kuyitera inkunga igihe cyose izayigezaho imishinga cyane cyane igamije gucengeza amahame y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu baturage no mu nzego z'ubuyobozi bw'ibanze.

  - **TROCAIRE :** Yateye inkunga Komisiyo mu mahugurwa y'Abapolisi (OPJ) bo mu Ntara ya Butare.

  - **LUTHERAN WORLD FEDERATION (LWF) :** Yateye inkunga Komisiyo mu mahugurwa y'Abari n'Abategarugori bari mu buyobozi bw'inzego z'ibanze mu Ntara y'Umutara. Ikaba yaranemeye gukomeza gutera inkunga mu yandi mahugurwa ajyanye n'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

  - **CARE INTERNATIONAL :** Yateye Komisiyo inkunga iyifasha mu mahugurwa yari agenewe inzego z'Abari n'Abategarugori bo mu Ntara y'Umutara.

  - **DED :** Yahaye Komisiyo impuguke iyifasha gutegura inyigisho zijyanye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu zatangwa mu mashuri hamwe no gukoresha amarushanwa ku burenganzira bw'ikiremwamuntu mu Ntara.

- **Imiryango nyarwanda yigenga itegamiye kuri Leta.**

Komisiyo yagiranye ubufatanye n'imiryango nyarwanda yigenga itegamiye kuri Leta ariko binyuze mu mpuzamiryango : CLADHO, PROFEMMES, CCOAIB, CESTRAR, IBUKA na HAGURUKA. Ubu bufatanye bwagaragariye mu mahugurwa Komisiyo yagiranye n'imwe muri iyo miryango arebana n'ikumira rya ruswa, kwihanganirana, uburenganzira bw'abana n'ubw'abategarugori. Habayeho n'ihererekanyamakuru ndetse n'inama nyungurabitekerezo.

Hagiyeho ihuriro rihuje Komisiyo n'imiryango inyuranye ihuriye ku murimo wo gukurikirana Inkiko Gacaca, Komisiyo ikaba ari yo ifite ubuyobozi bw'iryo huriro.

*
* *

III. RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'IMARI.

3.1. Iriburiro.

Iyi raporo y'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2002 ishingiye ku bintu by'ingenzi bikurikira :

- Amafaranga yasagutse ku y'imyaka ishize ;
- Amafaranga Komisiyo yemerewe n'Itegeko rishyiraho ingengo y'imari isanzwe ya Leta y'umwaka wa 2002 ;
- Amafaranga Komisiyo yahawe na Leta ;
- Amafaranga Komisiyo yahawe n'abaterankunga ;
- Amafaranga Komisiyo yakoresheje;
- Imiterere y'akazi.

Nk'uko byagaragajwe muri raporo iheruka, Umwaka wa 2001 urangiye, Komisiyo yari yasaguye amafaranga angana na miliyoni magana abiri na cumi n'indwi ibihumbi magana inani na bitatu na magana umunani na cumi n'icyenda **(217.803.819 FRw).** Aya mafaranga agizwe ahanini n'ayaragenewe ibigenda ku bakozi kubera ko Komisiyo yagiye yiyubaka buhoro buhoro abakozi ntibashobore gushyirwa mu myanya icyarimwe.

Ku mwaka wa 2002 Komisiyo yari yateganyije ingengo y'imari ingana na miliyari imwe miliyoni magana atanu na makumyabiri n'indwi ibihumbi bitanu na magana cyenda **(1.527.005.900 FRw).**

Amafaranga Komisiyo yagenewe na Leta y'u Rwanda ku ngengo y'imari ya Leta isanzwe y'umwaka w'2002, angana na miliyoni magana atandatu mirongo itandatu n'icyenda ibihumbi cumi magana ane mirongo itatu n'atatu **(669.010.433 FRw)**

Ayo Komisiyo yahawe ni miliyoni magana atanu makumyabiri n'imwe ibihumbi magana atatu mirongo itatu na magana ane n'abiri **(521.330.402 FRw**). Ni ukuvuga ko hari miliyoni ijana na mirongo ine n'indwi ibihumbi magana atandatu mirongo inani na mirongo itatu na rimwe **(147.680.031 FRw)** Komisiyo itahawe.

Komisiyo kandi yanatewe inkunga zitandukanye zingana na miliyoni ijana na mirongo ine n'indwi ibihumbi magana atandatu mirongo itatu na magana atanu mirongo icyenda n'abiri **(147.630.592 FRw).**

Amafaranga yakoreshejwe mu mwaka w'2002 ahwanye na miliyoni magana atandatu mirongo itandatu n'enye ibihumbi magana atatu na bitatu na makumyabiri n'icyenda **(664.303.029 FRw).**

Ku itariki ya 31 Ukuboza 2002, Komisiyo yari isigaranye amafaranga miliyoni mirongo irindwi n'enye ibihumbi magana inani mirongo itatu na cyimwe na magana atatu mirongo irindwi n'atandatu **(74.831.376 FRw).**

3.2. Imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe na Leta mu mwaka w'2002.

Imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe na Leta ku Ngengo y'Imari isanzwe mu mwaka w'2002 igaragarira mu mbonerahamwe n'ibisobanuro bikurikira.

INYITO	AMAFARANGA YEMEWE N'ITEGEKO	AMAFARANGA YATANZWE	AMAFARANGA YAKORESHEJWE	AMAFARANGA YASAGUTSE MU MWAKA WA 2002	AMAFARANGA YARENZE	AMAFARANGA YASAGUTSE YOSE HAMWE
Amafaranga Komisiyo yasaguye ku mwaka w'2001		**217 803 819**				
1. Ibigenda ku bakozi	**301 294 540**	**276 186 658**	**227 852 319**	**48 334 339**		
2. Ibikoresho biramba:						
2.1. Ibikoresho bya tekiniki	**3 252 000**	**2 168 000**	**24 097 474**		**21 929 474**	
3. Igiteranyo (S/Total)						
3.Ibikoresho by'imirimo ya buri munsi						
3.1. Ibikoresho bitaramba byo mu biro	14 087 287	9 391 525	14 888 301		5 496 776	
3.2. Gucapisha inyandiko (impression des documents)	12 075 750	8 050 500	12 376 228		4 325 728	
3.3. Kugura inyandiko (imprimés)	11 240 000	7 493 333	13 786 849		6 293 516	
3.4. Amazi n'amashanyarazi	7 800 000	5 200 000	1 711 285	3 488 715		
3.5. Lisansi na mazutu	31 362 440	20 908 293	29 331 301		8 423 008	
3.6 . Amafaranga y'ibintu binyuranye	650 000	433 333	24 138 869		23705536	
3.7. Guhindura inyandiko mu ndimi	5 133 000	3 422 000	3 477 641		55 641	
3.8. Gukoresha amamodoka	10 000 000	6 666 667	18 490 875		11824208	
3.9. Gukoressha ibyuma bya tekiniki	4 800 000	3 200 000	5 600 761		2 400 761	
3.10. Ingendo mu mahanga	10 202 000	6 801 333	2 737 450	4 063 883		

3.11. Ingendo mu gihugu	800 000	533 333	186 200	347 133		
3.12. Ubutumwa mu gihugu	24 165 600	16 110 400	21 717 513		5 607 113	
3.13. Ubutumwa mu mahanga	20 037 000	13 358 000	18 734 554		5 376 554	
3.14. Ayandi mafaranga yo mu butumwa	6 000 000	4 000 000		4 000 000		
3.15. Ubukode bw'amazu	83 509 576	55 673 051	73 729 576		18 056 525	
3.16. Iposita	7 136 000	4 757 333	2 006 285	2 751 048		
3.17. Amatangazo n'ibiganiro kuri radiyo	1 050 000	700 000	4 230 088		3 530 088	
3.18. Amahugurwa ku ngeri zinyuranye	36 887 070	24 591 380	25 705 032		1113652	
3.19. Guhugura abakomiseri n'abakozi	2 400 000	1 600 000	1 758 000		158 000	
3.20. Kwifashisha inzobere	18 473 170	12 315 447	3 565 033	8 750 414		
3.21. Amafaranga ya telefoni na fagisi	12 455 000	8 303 333	28 493 657		20 190 324	
3.22. Ubwishingizi bw'imodoka	10 000 000	6 666 667	5 165 528	1 501 139		
3.23. Kwakira abakozi n'abashyitsi	2 200 000	1 466 667	2 590 503		1 123 836	
3.24. Uburinzi	29 000 000	19 333 333	6 108 692	13 224 641		
3.25. Kugoboka by'ibanze abatishoboye	3 000 000	2 000 000		2 000 000		
IGITERANYO (S/Total)	**364 463 893**	**242 975 928**	**320 530 221**	**40 126 973**	**117.681.266**	
IGITERANYO CYA BYOSE (Grand Total)	**669 010 433**	**739 134 405**	**572 480 014**	**88 461 312**	**139 610 740**	
IBIRARANE KOMISIYO YISHYUYE			**91 823 015**[1]		**91 823 015**	
IGITERANYO RUSANGE (Total Général)	**669 010 433**	**739 134 405**	**664 303 029**	88 461312	**231 433 755**	**74 831 376**

[1] Amafaranga Komisiyo yatanze kuri gahunda z'imishinga zatangiye amafaranga yazo ataraboneka.

Amafaranga Komisiyo yari itarishyurwa ku itariki ya 31/12/2002				16 707 012[2]		

Aho biturutse : Inyandiko z'ibaruramari za Komisiyo mu mwaka w'2002

Ibisobanuro ku mbonerahamwe y'imikoreshereze y'amafaranga komisiyo yahawe na Leta.

Nk'uko iyi mbonerahamwe ibigaragaza, ibigenda ku bakozi byabaye bike ku byari biteganyijwe. Amafaranga yasagutse angana na miliyoni mirongo ine n'umunani ibihumbi magana atatu mirongo itatu na bine na magana atatu mirongo itatu n'icyenda **(48.334.339 FRw)**.Ibi byatewe n'uko hari abakozi bashya bari bateganyijwe, batashoboye gushyirwa mu myanya.

Amafaranga y'ibikoresho bya tekiniki yabaye menshi kubera ko hari za ordinateurs na accessoires zazo zaguriwe ibiro bya Komisiyo byo mu ntara zitari ziteganyijwe ku ngengo y'Imari y'umwaka.

Ikindi iyi mbonerahamwe igaragaza, ni uko amafaranga ya telefone yakoreshejwe ari menshi ibi bikaba byaturutse ku miterere y'akazi gasaba kuvugana kenshi n'abageza ibirego byabo kuri Komisiyo hamwe n'inzego zinyuranye zishinzwe kubikemura.

Amafaranga yo gukoresha amamodoka na yo yabaye menshi, impamvu zabyo zikaba ari uko imodoka zitangiye gusaza (inyinshi muri zo zirengeje imyaka itatu) kandi zigakunda gukorera mu misozi cyane ari yo mpamvu zijya mu magaraje kenshi bigatwara amafaranga menshi.

Amafaranga y'ibintu binyuranye yabaye menshi cyane kuberako hari imodoka yaguriwe umukomiseri mushya kuko iyo yari yagenewe yari yarangiritse kubera impanuka yigeze gukora hakaba n'ibindi bintu byinshi binyuranye usanga nta murongo ku ngengo y'imari byateganyirijwe kubarirwamo.

Amafaranga yo kugura inyandiko (imprimés) no gucapisha inyandiko (impression des documents) yakoreshejwe ari menshi, impamvu ikaba ari uko hakozwe byinshi mu rwego rwo kwamamaza no kumenyekanisha Komisiyo kugeza ubu igenda irushaho kwiyubaka hamwe no kumenyekanisha uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Ku yindi mirongo hafi ya yose amafaranga yakoreshejwe aruta ayo Komisiyo yahawe impamvu zabyo zikaba aruko hari amafaranga Komisiyo yemerewe n'Itegeko rishyiraho ingengo y'Imari ya Leta y'umwaka w' 2002 itahawe. Icyo cyuho cyazibwe n'ayasagutse kuyo Komisiyo yahawe ku myaka ishize.

[2] Amafaranga y'ibintu byari byaraguzwe muri 2002 Komisiyo itari yishyura kw'italiki ya 31/12/200.

Amafaranga y'ingendo mu mahanga yasagutse ari menshi kuko Abakomiseri n'abakozi bagiye mu mahugurwa cyangwa mu butumwa bunyuranye amafaranga y'ingendo kenshi yagiye yishyurwa n'imiryango cyangwa ibigo byabaga byabatumiye cyangwa se byabakiriye.

Andi mafaranga yo mu butumwa ntiyakoreshejwe kuberako Komisiyo yateganyaga gutumira impuguke ziva mu mahanga kuyifasha mu mirimo imwe imwe bikaba bitarabaye.

Amafaranga yo kwifashisha inzobere yasagutse ari menshi kubera ko kugeza ubu hari gahunda z'ubushakashatsi Komisiyo iteganya zitarashobora gutangira.

Amafaranga y'uburinzi yasagutse ari menshi kubera ko kugeza ubu ibiro bya Komisiyo byo mu ntara bitarabonerwa uburinzi bubifitiye ubushobozi.

3.3. Imikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe n'abaterankunga mu mwaka w'2002.

Mu mwaka w'2002, Komisiyo yahawe n'abaterankunga amafaranga miliyoni ijana na mirongo ine n'indwi ibihumbi magana atandatu mirongo itatu na magana atanu mirongo icyenda n'abiri **(147.630.592 FRw).** Muri ayo mafaranga hakoreshejwemo miliyoni mirongo itandatu n'eshanu ibihumbi ijana na mirongo itanu n'umunani na magana cyenda mirongo ine n'atandatu (**65.158.946 FRw**). Umwaka warangiye Komisiyo isigaranye miliyoni mirongo inani n'ebyiri ibihumbi magana ane mirongo irindwi na kimwe na magana atandatu mirongo ine n'atandatu **(82.471.646 FRw).** Amenshi muri aya mafaranga yatanzwe mu mpera z'umwaka , ayandi akaba agenewe gahunda zigikomeza mu mwaka wa 2003.

Imikoreshereze y'ayo mafaranga n'abayatanze bigaragara mu mbonerahamwe no mu bisobanuro bikurikira:

UMUTERANKUNGA	ICYO INKUNGA IGENEWE	AMAFARANGA YATANZWE.	AMAFARANGA YAKORESHEJWE.	AMAFARANGA ATARAKORESHWA.
HCNUDH*	Amahugurwa no Guteza imbere Komisiyo	29.792.001	9.959.692	19.832.309
UNION EUROPEENNE	Gukurikirana imirimo y'inkiko Gacaca	48.779.404	-	48.779.404
UNICEF	Amahugurwa	23.882.427	12.090.227	11.792.200

* **HCNUDH :** Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita k'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

COOPERATION CANADIENNE	Guteza imbere uburenganzira bw'abana	5.908.500	4.184.800	1.723.700
COOPERATION SUISSE	Amahugurwa	4.534.500	4.190.467	344.033
DED/GTZ/ Ambassade d'Allemagne	Amahugurwa no Guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu	31.204.805	31.204.805	0
CRS	Amahugurwa	1.463.500	1.463.500	0
TROCAIRE	Amahugurwa	1.085.055	1.085.055	0
HELPAGE RWANDA	Amahugurwa	980.400	980.400	0
IGITERANYO CYA YOSE		**147.630.592**	**65.158.946**	**82.471.646**

Aho biturutse : Inyandiko z'ibaruramari za Komisiyo mu mwaka w'2002

Ibisobanuro ku mikoreshereze y'amafaranga Komisiyo yahawe n'abaterankunga.

Komisiyo yahawe inkunga n'ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita k'uburenganzira bw'Ikiremwamuntu ingana na miliyoni makumyabiri n'icyenda ibihumbi magana arindwi mirongo icyenda na bibiri n'ifaranga rimwe **(29.792.001 FRw).** Ayo mafaranga agenewe guhugura abakozi ba Komisiyo mu byerekeye uburenganzira bw'Ikiremwamuntu no guteza imbere Komisiyo.Uwo mushinga urakomeza mu mwaka w' 2003 ukaba uteganyijwe kurangira muri kamena .

Umuryango w'Ibihugu by'Iburayi(Union Européenne) wahaye inkunga Komisiyo ingana na miliyoni mirongo ine n'umunani ibihumbi magana arindwi mirongo irindwi n'icyenda na mangana ane n'ane **(48.779.404 FRw)**. Iyi nkunga igenewe umushinga wo gukurikirana imikorere y'Inkiko Gacaca mu Rwanda. Aya mafaranga yatanzwe mu mpera z'umwaka w' 2002, uwo mushinga ukaba ukomeza mu mwaka w' 2003.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) ryahaye inkunga komisiyo ingana na miliyoni makumyabiri n'eshatu ibihumbi magana inani mirongo inani na bibiri na magana ane na makumyabiri n'arindwi **(23.882.427 FRw)**. Iyi nkunga igenewe guhugura abasirikare n'abapolisi ku myifatire y'abasirikare ku bana mbere y'intambara, mu gihe cy'intambara cyangwa nyuma yayo. Uwo mushinga urakomeza mu mwaka w' 2003.

Ibiro by'ubutwererane bya Canada mu Rwanda byateye inkunga Komisiyo ingana na miliyoni eshanu ibihumbi magana cyenda n'umunani na magana atanu **(5.908.500 FRw)**. Iyi nkunga yakoreshejwe mu guteza imbere uburenganzira bw'abana.

Ibiro by'ubutwererane by'Ubusuwisi mu Rwanda byateye inkunga Komisiyo ingana na miliyoni enye ibihumbi magana atanu mirongo itatu na bine na magana atanu **(4.534.500 FRw)** akaba yakoreshejwe mu guhugura abayobozi b'uturere n'imijyi bigize intara ya Kibuye, hamwe n' abapolisi n'abacungagereza bakorera mu ntara ya Kibuye.

Ambassade y'Abadage, GTZ hamwe na DED, mu rwego rw'amahugurwa no guteza imbere uburenganzira bw'Ikiremwamuntu bakoresheje miliyoni mirongo itatu n'imwe ibihumbi magana abiri na bine na magana inani n'atanu **(31.204.805 FRw)**

CRS(Catholic Relief Service) yateye ikunga ibiro bya Komisiyo byo mu ntara ya Butare. Iyo nkunga ingana na miliyoni imwe ibihumbi magana ane na mirongo itandatu na bitatu na magana atanu **(1.463.500 FRw)** yakoreshejwe mu guhugura Komite nyobozi z'uturere n'imijyi zo mu ntara ya Butare mu byerekeye Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu.

Umuryango utegamiye kuri Leta TROCAIRE wateye Komisiyo inkunga ingana na miliyoni imwe ibihumbi mirongo inani na bitanu na mirongo itanu n'atanu **(1.085.055 FRw)** akaba yarakoreshejwe mu guhugura abagenzacyaha bakorera mu ntara ya Butare.

Umuryango utegamiye kuri Leta HELPAGE Rwanda na wo wahaye inkunga Komisiyo ingana n'ibihumbi magana cyenda mirongo inani na magana ane **(980.400 FRw).** Yakoreshejwe mu guhugura abagize Komite Nyobozi z'uturere n'imijyi yo mu ntara ya Cyangugu hamwe n'abahuzabikorwa b'imirenge igize iyo ntara.

*

* *

IV. UMWANZURO RUSANGE, IBITEGANYIJWE MU MWAKA W'2003 N'IBYIFUZONAMA.

4.1. Umwanzuro rusange.

4.1.1. Ku birebana no kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu rwego rwo kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu, mu mwaka w'2002, Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu yakiriye kandi ikurikirana ibirego by'abantu banyuranye bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu by'imbonezamubano na politiki hamwe n'ibirebana n'ubukungu, imibereko myiza, umuco n'amajyambere. Hari n'ibindi bibazo Komisiyo yakurikiranye ibyibwirije.

Komisiyo yakomeje kandi gukurikirana ibirego yagejejweho mu mwaka w'2001 ariko ukarangira bitarakemuka.

Uretse kandi ibyo gukurikirana ibyo birego, Komisiyo yanasuye amakasho n'amagereza amwe n'amwe kugira ngo irebe uko uburenganzira bw'imfungwa bwubahirizwa inashobore gutanga ibitekerezo byafasha ishyirwa mu bikorwa ry'ubwo burenganzira.

Mu bijyanye n'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu by'imbonezamubano na politiki, Komisiyo yakiriye ibirego haba ku cyicaro cyayo cyangwa ku biro byayo byo mu Ntara. Ibirego byinshi bijyanye n'ifata n'ifungwa bidakurikije amategeko. Muri ibyo birego, ingero ni nko gufungwa hadakozwe dosiye, kurenza iminsi iteganywa n'amategeko kuri sitasiyo ya Polisi uregwa atarashyikirizwa umucamanza, gufungwa nta perereza ryakozwe n'ifata n'ifunga bikozwe n'abatabifitiye ububasha.

Komisiyo kandi ikomeje guterwa impungenge n'iryo fata n'ifunga binyuranyije n'amategeko bikomeje kwigaragaza n'ubwo itahwemye ku byamagana muri iyi myaka itatu ishize. Urugero ni urw'abantu bafungwa bazizwa ko bananiwe kwishyura imyenda bafitiye abandi bikaba binyuranyije n'ingingo ya 11 y'amasezerano mpuzamahanga mu by'imbonezamubano na politiki ivuga ko nta muntu ugomba gufatwa ngo afungwe azizwa ko yananiwe kubahiriza amasezerano.

Ibindi birego Komisiyo yakiriye muri urwo rwego ni ibyerekeranye n'irangizwa ry'imanza. Byagaragaye ko irangizwa ry'imanza rimwe na rimwe ritambamirwa n'inzego z'ubushinjacyaha n'ubuyobozi bw'amagereza zitari ziyumvisha ko icyemezo cy'urukiko kiba cyahindutse itegeko, ko kandi ntawufite ububasha bwo kugihindura usibye izindi nkiko.

Hakiriwe kandi ibirego bijyanye no gutinda kuburanishwa kw'imanza ndetse n'imanza zisubikwa inshuro nyinshi. Muri ibyo bibazo byo mu nkiko hanagaragaye na none ibirego bijyanye n'abamara kuburana ntibandikirwe kopi z'imanza bigatuma ababurana babura uko bajurira cyangwa bashyira mu bikorwa urubanza rwaciwe. Hamwe na hamwe ibyo bibazo bihurirana no gutinda guhererekanya amadosiye hagati y'inkiko, ibyo bigatinza icibwa ry'imanza mu nkiko ziba zajuririwe. Ahenshi byasobanuwe ko iyo mikorere mibi ituruka ku ibura ry'ibikoresho n'abakozi bake bo mu bukarani bw'inkiko.

Komisiyo iragaragaza impungenge ifite zishingiye ku kutarangizwa z'imanza ziba zaciwe n'inkiko hamwe n'itinda gucibwa cyangwa isubikwa rikabije ry'imanza. Komisiyo isanga iyo mikorere ituma abaturage bagenda bata icyizere bari bafitiye ubutabera.

Komisiyo yakiriye n'ibirego by'abakekwaho icyaha cy'itsembabwoko bafite dosiye zageze mu nkiko ariko imanza zikaba zitinda. Ibyo bigaturuka ahanini ku mubare munini w'imfungwa z'abakekwaho icyo cyaha. Komisiyo irishimira ko inzego zibishinzwe zafatiye ingamba icyo kibazo nko kuvugurura imikorere y'inkiko zisanzwe, gukurikirana imikorere y'Inkiko Gacaca hamwe n'icyemezo cya Perezidansi ya Repubulika cyo ku wa 1 Mutarama 2003 kigamije kurekura by'agateganyo bamwe mu bakurikiranyweho kiriya cyaha bashobora kuzafungwa igihe kirenze icyo bazakatirwa n'inkiko.

Komisiyo yakurikiranye kandi n'ibirego byerekeranye n'ihohoterwa ry'abatangabuhamya bo mu Nkiko Gacaca. Ibibazo nk'ibyo bikaba byaragaragaye cyane cyane mu Ntara ya Gikongoro aho abacitse ku icumu bagiye bahohoterwa ku buryo bunyuranye : hari kubakubita, kubiba, kwangiza imitungo yabo n'ibindi bikorwa by'iterabwoba hagamijwe kubatera ubwoba, kubacecekesha no kubamenesha kugira ngo batazatanga ubuhamya mu Nkiko Gacaca.

Ibirego byinshi Komisiyo yakiriye mu rwego rw'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu by'ubukungu, imibereho myiza, umuco n'iterambere ni ibishingiye ku mazu n'amasambu. Ibyinshi muri byo bifitanye isano n'imitungo y'impunzi zo mu 1959 yagiye ibyara amakimbirane hagati y'abahungutse n'abari barayisigayemo. Ibindi bibazo by'amasambu bifitanye isano n'isaranganya ryagiye rikorwa hamwe na hamwe mu gihugu bigatera ubwumvikane buke hagati y'abagabanyijwe ayo masambu. Hakiriwe n'ibibazo byerekeranye n'imitungo y'imfubyi yigabizwa n'abayibacungira hamwe n'iby'uburenganzira ku burezi.

Mu rwego rwo gukemura ibyo bibazo byavuzwe mu bijyanye no kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Komisiyo yagerageje guhuza impande zirebwa n'ikibazo kugira ngo bibe byakemuka binyuze mu bwumvikane. Igihe iyo nzira yananiranaga, ni bwo Komisiyo yiyambazaga inzego z'ubuyobozi n'iz'ubutabera zirebwa n'icyo kibazo kugira ngo zigifatire umwanzuro. Komisiyo yagiye ikoresha uburyo bwo kwivuganira n'izo nzego. Aha Komisiyo ikaba yishimira ko bimwe mu bibazo yagejejweho byakemutse, ibitarakemuka bikaba bigikurikiranwa n'inzego zibishinzwe.

Komisiyo kandi yiyemeje kuzakomeza gukurikirana ibirego yagejejweho bitarakemuka yibutsa inzego zibishinzwe gukomeza gushyiraho umuhate kugira ngo bibone ibisubizo bihamye.

Nyamara kandi na none byagaragaye ko hari abantu bashingira ku mirimo ya Komisiyo yo kurenganura abarengana bakayigezaho ibirego byabo bazi ko nta kuri bafite, bakabeshya Komisiyo kugira ngo ibashyigikire mu mahugu yabo. Ibirego nk'ibyo byagiye bigezwa kuri Komisiyo nyuma y'amapererezа bikagaragara ko bishingiye ku binyoma ntibyakirwe.

Hari kandi abandi bageza ibirego kuri Komisiyo batabanje kunyura mu nzego zishinzwe kubikemura. Ibyo birego ntibyakiriwe ahubwo ba nyirabyo bagiye bagirwa inama yo ku bigeza ku nzego zirebwa na byo.

Mu bijyanye n'iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Komisiyo irishimira ko Leta yafashe ingamba zihamye zo guhashya icyorezo cyo gusambanya abana. Nyamara kandi nk'uko byayigaragariye ku birego bimwe yagejejweho ikanabikorera iperereza, hari aburirira ku ngamba zafashwe bakabeshyera abandi ko bafashe abana kugira ngo babasige icyo cyaha cy'urukozasoni ; bikaba bikwiye kwitonderwa n'abashinzwe gukurikirana ibyo byaha kugira ngo hatagira inzirakarengane zibizira.

4.1.2. Ku birebana no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu kuzirikana ko intambwe ya mbere yo kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu ari uko ba nyirabwo babumenya, mu mwaka w'2002, Komisiyo yihatiye kumenyekanisha uburenganzira bw'ikiremwamuntu ku ngeri zitandukanye z'abaturarwanda. Hifashishijwe ibiganiro cyangwa amahugurwa yihariye byagiye bihabwa abantu banyuranye barimo abanyeshuri n'abarimu, abashinzwe umutekano, urubyiruko rwitegura kujya muri Kaminuza, abayobozi b'inzego z'ibanze, abanyamakuru, abo mu nzego z'ubutabera, abanyamadini, abagororwa n'abafite imibereho yihariye.

Komisiyo yifashishije kandi ikiganiro cyayo "UBURENGANZIRA IWACU" gihita buri cyumweru kuri Radiyo Rwanda. Insanganyamatsiko zari zikubiyemo zijyanye no gukangurira abaturarwanda guharanira uburenganzira bwabo n'ubw'abandi ndetse no kumenya uko uburenganzira bw'ikiremwamuntu bwifashe muri rusange mu gihugu cyacu. Ibiganiro nk'ibyo kandi byahitishijwe kuri Televiziyo y'u Rwanda mu rwego rw'ibiganiro bisanzwe cyangwa se mu rwego rw'ibiganiro mpaka abaturarwanda bagizemo uruhare mu gutanga ibitekerezo.

Ku minsi ngarukamwaka yerekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Komisiyo yagiye isakaza ubutumwa bujyanye n'ingeri z'uburenganzira bwizihizwaga bigatuma abaturarwanda barushaho kubumenya no kubuzirikana. Ni muri urwo rwego kandi mu biganiro Komisiyo yagiranye n'inzego zitandukanye z'igihugu yagaragaje icyifuzo cy'uko hagira iminsi ngarukamwaka yerekeye uburenganzira bw'ikiremwamuntu yashyirwa ku rutonde rw'iminsi yakwizihizwa mu rwego rw'igihugu. Urugero ni itariki ya 23 Werurwe, umunsi wo kurwanya ivanguramoko ; itariki ya 9 Ukuboza, umunsi twibukaho amasezerano mpuzamahanga ajyanye no gukumira no guhana icyaha cy'itsembabwoko n'itariki ya 10 Ukuboza itwibutsa itangazo mpuzamahanga ku burenganzira bw'ikiremwamuntu. Komisiyo ikaba ifite icyizere ko icyo cyifuzo cyayo kizazirikanwa n'inzego zishinzwe kubyemeza.

Mu bindi bikorwa by'ingenzi mu rwego rwo guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Komisiyo yateguye imbanzirizamunshinga y'amahame nyarwanda y'uburenganzira bwa muntu ndetse inategura inama nyunguranabitekerezo ku rwego rw'igihugu kuri ayo mahame. Imyanzuro yavuyemo yashyikirijwe Komisiyo ishinzwe gutegura Itegeko Nshinga ; aha Komisiyo ikaba yishimira ko ibitekerezo yatanze byitaweho mu Itegeko Nshinga rishya. Ayo mahame agamije kurengera Uburenganzira bw'ikiremwamuntu, gukumira ihohoterwa ryabwo hamwe no kugaragaza inshingano z'umuturage.

4.1.3. Mu birebana no guteza imbere Komisiyo.

Mu rwego rwo guteza imbere Komisiyo, umwaka w'2002 waranzwe no guha abakozi ba Komisiyo ubumenyi n'ubushobozi bibafasha kurangiza inshingano zabo. Harimo guhabwa amahugurwa yo mu gihugu no mu mahanga yibanze cyane cyane ku mahame remezo y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ubuhanga bwo gukora iperereza ku ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu hamwe n'ubuhanga bwo gukemura amakimbirane bitanyuze mu nkiko bushingiye ku guhuza no kunga impande zishyamiranye.

Mu mwaka w'2002 kandi Komisiyo yihatiye kongerera ubushobozi ibiro byayo by'Intara ibiha ibikoresho binyuranye birimo ibyuma kabuhariwe n'amapikipiki, bikaba byaratumye umusaruro wa Komisiyo wiyongera kuko abakozi bo mu ntara bashoboye kwegera abaturage benshi no kumenya ibibazo byabo.

Komisiyo yishimiye icyizere abaterankunga bakomeje kuyigaragariza bakayiha inkunga ingana na *miliyoni ijana na mirongo ine na zirindwi n'ibihumbi magana atandatu na mirongo itatu na magana atanu na mirongo icyenda n'abiri y'amafaranga y'u Rwanda* (147.630.592 FRw). Iyo nkunga yakoreshejwe mu mishinga y'amahugurwa y'abakozi ba Komisiyo hamwe n'iyo kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu, irimo n'uwo gukurikirana imikorere y'inkiko Gacaca.

4.1.4. Mu birebana n'umubano wa Komisiyo n'izindi nzego.

Muri rusange, Komisiyo irishimira ko umwaka w'2002 waranzwe no gutera imbere k'ubufatanye n'inzego zaba iza Leta cyangwa mpuzamahanga ndetse n'imiryango yigenga iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu. Uko gutera imbere kwagaragariye mu mikoranire yayo n'izindi nzego haba mu nama bahuriramo cyangwa se mu mahugurwa itumirwamo no mu yo itumiramo izo nzego.

4.2. Ibyo Komisiyo iteganya gukora mu mwaka w'2003.

Mu by'ingenzi Komisiyo iteganya gukora mu mwaka w'2003, harimo ibyo kurinda no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu hamwe no guteza imbere Komisiyo.

4.2.1. Mu birebana no kurinda uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Mu mwaka w'2003, Komisiyo irateganya gukomeza kwakira ibirego by'abaturage no kurushaho gushishikariza inzego zibishinzwe kubikemura nta mananiza.

Komisiyo kandi izakomeza gukora ubushakashatsi ku ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda : uburenganzira bw'abari n'abagore, uburenganzira ku burezi, ku miturire, iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu Rwanda.

Komisiyo izakurikirana imikorere y'inkiko Gacaca hagamijwe kureba uko uburenganzira ku rubanza ruboneye bwubahirizwa haba ku ruhande rw'abakorewe ibyaha n'ababikurikiranyweho ndetse n'uburenganzira bw'abatangabuhamya.

Komisiyo izakurikirana kandi imyiteguro n'imigendekere y'amatora azaba mu Rwanda mu rwego rwo kuva mu nzibacyuho. Muri icyo gikorwa, Komisiyo izaba igamije kureba niba uburenganzira bwo gutora no gutorwa mu mucyo no mu bwisanzure bwubahirizwa kuri buri munyarwanda ubyemererwa n'amategeko.

4.2.2. Mu birebana no guteza imbere uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

Komisiyo izakomeza gahunda yayo yo kugeza ku ngeri zinyuranye z'abaturarwanda ibiganiro n'amahugurwa bigamije guteza imbere umuco wo kubaha no kurengera uburenganzira bwa muntu. Ibi bizakorwa hakoreshejwe itangazamakuru ari mu binyamakuru, mu nyandikompine, radiyo, televiziyo na internet.

Komisiyo kandi izakomeza gutanga amahugurwa ku ngabo z'igihugu ku bijyanye no kubungabunga uburenganzira bw'umwana mu bihe by'imidugararo.

Komisiyo izashyira mu kinyarwanda amwe mu masezerano mpuzamahanga yerekeranye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu kugira ngo ishobore kuyasakaza mu baturarwanda benshi.

Komisiyo izakomeza gahunda yayo yo kugeza ku ngeri zinyuranye z'abaturarwanda ibiganiro n'amahugurwa bigamije guteza imbere umuco wo kubaha no kuzirikana uburenganzira bwa muntu.

4.2.3. Mu birebana no guteza imbere Komisiyo.

Komisiyo izihatira guha abayigize hamwe n'abakozi bayo amahugurwa anyuranye arimo ayo gukoresha ikoranabuhanga rigezweho mu mirimo yabo, ay'ubumenyi buhanitse mu by'uburenganzira bw'ikiremawamuntu ndetse n'ay'indimi zikoreshwa mu Rwanda (Igifaransa n'Icyongereza).

Komisiyo iteganya kongera ubushobozi bwayo ishyira abakozi mu myanya bagikenewemo.

Komisiyo iziyongerera kandi ubushobozi iha icyicaro cyayo n'ibiro byayo biri mu ntara ibikoresho bikenewe. Ndetse izashyiraho ibiro bya Komisiyo mu Ntara ya Kigali Ngari no mu Mujyi wa Kigali.

Komisiyo kandi izavugurura imikorere n'imiterere y'inzego zayo kugira ngo bihuzwe n'itegeko rivugurura iriyishyiraho ryo ku wa ku wa 31 Ukuboza 2002.

4.3. Ibyifuzonama.

Ishingiye ku bibazo yakurikiranye mu mwaka w'2002, Komisiyo isanga ari ngombwa gutanga ibyifuzo binyuranye ku nzego zirebwa na byo kugira ngo izishishikarize kubikemura. Muri iyi raporo hakaba hari ibyifuzonama byari byatanzwe muri raporo y' umwaka w'2001 byongeye kugarukwaho kubera ko ibibazo bijyanye na byo, n'ubwo bwose byaba byarakurikiranywe n'inzego zibishinzwe, bitigeze bibonerwa ibisubizo. Ibyo byifuzonama ni ibi :

4.3.1. Kuri Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko, Guverinoma, n'Urukiko rw'Ikirenga.

- Kwihutisha umushinga w'ivugururwa ry'Itegeko rigenga imitunganyirize n'imicungire y'ubutaka no gusuzuma neza ko risubiza ibibazo by'ingutu abaturarwanda bafite muri urwo rwego ;

- Gukemura ikibazo cy'ingutu cy'ifata n'ifunga ridakurikije amategeko no gushishikariza za Pariki kubahiriza amategeko y'ifata n'ifunga cyane cyane kwirinda gufunga by'agateganyo itabanje gukora ipereereza ry'ibanze ;

- Guha za Parike, Inkiko na Polisi y'Igihugu n'abakozi bakorera izo nzego ubumenyi n'ibikoresho bikenewe bituma bakemura ibibazo by'abaturage nta kuzarira no kubasiragiza ;

- Gukomeza umurego mu kubahiriza uburenganzira bw'umwana cyane cyane ku bijyanye n'uburezi no gushyiraho ingamba zo kurinda imitungo y'imfubyi igenda yigabizwa n'abitwa ko bayizicungira ;

- Gusaba inkiko gushishoza mu gutanga ibyemezo by'ubwishingizi bw'abana kandi zigakurikiranira hafi ibyemezo ziba zatanze uko bishyirwa mu bikorwa kugira ngo hirindwe uburiganya bwagiye bugaragaramo ;

- Kwiga no gukemura ku buryo burambye ikibazo cy'imitungo y'abahoze ari impunzi za kera nk'uko byakomeje gusabwa na Komisiyo muri raporo zayo z'imyaka ibiri ishize ;

- Kwihutira gushakira igisubizo ikibazo cy'ingutu cy'irangizwa ry'imanza kugira ngo ibyemezo by'inkiko bigire agaciro ;

- Gukangurira abayobozi b'inzego zose kubaha no gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko no guhana abayobozi babirengaho nkana ;

- Gushishikariza inkiko guha ababuranyi ku gihe kopi z'imanza zaciwe kugira ngo bitabangamira uburenganzira bwabo bwo kujurira ;

- Guhagurukira umutekano w'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca bigaragara ko, hamwe na hamwe, batangiye guhohoterwa kugira ngo bacecekeshwe no guhana abayobozi bigaragaye ko babifitemo uruhare ;

- Kurandura umuco wo gutanga ibibanza mu buriganya wagaragaye cyane mu Mujyi wa Kigali aho usanga ikibanza cyarahawe abantu barenze umwe kandi bose bagifitiye inyandiko ;

- Gushishikariza amasosiyete y'ubwishingizi kwishyura abagize impanuka nta mananiza mu gihe abayisunze bo baba barishyuye ;

- Gufatira ibyemezo bamwe mu bayobozi bagaragaraho uruhare mu ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu bw'abo bayobora cyangwa bagombaga kurenganura.

4.3.2. Ku baturarwanda bose.

- Gukomeza kugana Komisiyo, ku cyicaro cyayo, i Kigali, no mu Biro byayo bikorera mu Ntara, bayigezaho ibibazo n'ibitekerezo bijyanye n'uburenganzira bw'ikiremwamuntu ;

- Kugeza ibibazo ku nzego zifite inshingano yo kubikemura mbere yo kubigeza kuri Komisiyo ;

- Kwirinda kugeza kuri Komisiyo ibirego by'ibinyoma cyangwa bidafite ishingiro ;

- Kumenyesha Komisiyo ibibazo bikomeye by'ihohoterwa ry'uburenganzira bw'ikiremwamuntu bibera mu turere batuyemo kugira ngo ibikurikirane ;

- Kwitabira kubungabunga uburenganzira bwabo n'ubw'abandi ;

- Kwanga no kurwanya akarengane n'umuco wo kudahana ;

- Kurushaho kumenya uburenganzira n'inshingano bya muntu.